Kinyamateka a critiqué le comportement de la population à la base vis-à-vis des élections. Selon le journal, cette population ne participait pas massivement aux réunions préparatoires mais également aux élections, que c'est pourquoi ils rejetaient les résultats des élections et les conclusions des différentes réunions. Ces propos de la rédaction du journal ont été critiqués par Simon Karambizi :

« Ese wowe Kinyamateka ko watubwiye ko ngo umwete muke tugira wo kujya mu nama no kumva ibyo bavugira muri shefferi, uzitubya, wahagera se ? Baca umugani ngo ubuyi umubyizi mu kwe ntako aba atagize. Dore uko bigenda rero : tujyayo. Twagerayo hagahamagarwa abatowe bakinjira muli ka kazu k'inyuma y'urukiko. Tugapfana amaniga aho tuli ku karubanda tugataha : Kereka iyo Bwana Administrateri ahali gusa niho tugera aho bali. N'ibyo dutumye abo batowe muli shefferi ndakeka ko bitagera muli territware. Ayo ni amajyambere?

La réaction du journal Kinyamateka sur les précédents articles (Ibid., p.3)

Kinyamateka n'est pas d'accord avec ceux qui critiquent le processus démocratique amorcé et mettent en cause les résultats des élections. Selon lui, c'est une culture encore nouvelle au Rwanda, que ça soit chez les élus que chez les électeurs. Dans ce processus, les erreurs ne manquent pas mais qu'elles doivent être corrigées, au lieu de s'accuser mutuellement que tel ou tel autre est fautif. Le journal invite la population à se préparer sérieusement aux prochaines élections de 1956, en évitant de tomber dans les mêmes erreurs que celles commises précédemment.

« Naho ibyo kurondera ab'intumbirizi gusa siko hose byagenze! Kuko byaba kutumva amajyambere: ntagutora injiji haliho abafite ubwenge n'ubutwali bwo kuvuga badatinya uko leta ibyizeye ishyiraho izo nama. Umwaka wanyuma w'izi nama n'uyu wa 1956, mwitegure kuzatora abagabo bafite ubwenge kandi bafite ubutwali bwo kuvugira ababatumye: muzashake uburyo bwose hatorwa abo mushaka aho kugira ngo hazatorwe ababera, cyangwa batinya. Mujye mubivugana hakili kare aho muli hose, mubiganire, mubyumvishe n'abandi batamenya abo mushaka gutora: mbese mubashakire uko babona amajwi menshi. Kwipfumbata ugakomeza kwinuba gusa ngo ab'abagabo ntibatowe, ntibizatuma batorwa; bavuge mu bandi, werekane ubugabo n'ubwenge bwabo: abandi wenda baguhinyuze cyangwa bemere, amaze igihe cy'itora abo ushaka bazagire amajwi menshi! Noneho ibyo ntibizabatungure: uyu mwaka wa 1956 urarangiza igihe cy'abaherutse gutorwa: abo mwumviseho ubutwali n'ubwenge bwo kubarebera no kubavugira muzabongeze, abandi mushaka ko bajya mu nama mutangire kubavuga ubu mulimwe igihe cyo gutora bazagire amajwi menshi. (...) Niba mudakoze uwo mulimo byavuga ko muli injiji, ko mukwiliye gutorerwa: kandi utora yatora abo abo yishakiye. Nkugishije inama ntuyingire cyangwa ngo niba utabyumva ubaze abandi, sinakwikorera uko mbyumva? Nimugire ishyaka ryo kuvuga mu bandi abo mushaka gutora no kubemeza abatabazi: bazabona amajwi babavugire mu nama uko mubyifuzza: ubwo kandi niko igihugu kijijuka: uwo mugaye muzajya muwikuza undi”.

Le problème électoral : J.K. Kigali, « Itora ry'Abajyanama » in Kinyamateka 25^{ème} Année N° 11, Juin 1957, p. 2 (Rédaction : Grégoire Kayibanda; Direction et responsable: Abbé Innocent Gasabwoya)

Dans son article l'auteur montre son inquiétude, et trouve que les conseils élus ne représentaient pas vraiment la population :

Mu itora ry'abajyanama bakulikije iki ?

« Ndabaza niba mu nama y'igihugu baratoye abajyanama b'igihugu bakulikije icyubahiro abaturage bafite mu gihugu cyangwa se ubukungu bafite?

Abapadri, abatware, abasista, abakomi, umupastori n'umucuruzi batowe!! Ubu turarengana kandi twarabatoreye kutuvuganira muli leta mbiligi. (...) Turarengana abakuru bacu batowe barora ntibavuge, aliko ubanza mbarenganya abenshi ntibashobora kubimenya. Bahugiye mu milimo yabo bikababuza kumenya ibili muli rubanda rwa giseseka. »

Dans la note du Kinyamateka, la rédaction du journal demandait à la population de corriger les erreurs faites dans le passé :

« Uko itora ryagenze urabizi. Aho abakene basigaye ni aho basanzwe basigara n'ubundi. Usibye abo amategeko ashyiramo ku bwayo, mwebwe muzi abo mwitoreye, muzi ko bashobora kugira icyo babamalira. Niba mwaramaze gutora mugasanga 'atali byo' muzikosore ubutaha. »

Un lecteur de Muyunzwe proposait l'élection des chefs chaque 2 ans, dans son article « Bararengana impande zose » in Kinyamateka 25^{ème} Année N° 12, 15 Juin 1957, p. 3

Selon l'auteur de cet article, la population était fatiguée de l'abusion du pouvoir par certains des chefs. Pour résoudre ce problème, il demandait au pouvoir colonial et au Roi d'organiser les élections pour les chefs au lieu d'être nommés :

« Umwami n'abazungu nibadutegurire demokrasi mu butegetsi, ubutaha bizabe bitunganye ni na byo byagabanya akarengane mu gihugu. Ahali umutware agiye yibwira ko hasigaye imyaka nk'ibili bagatora ni bwo yajya ategeka kibyeyi ingabo ze. »

J.Halindintwali critiquait la situation politique des années 1950, ceux que les autres appelaient démocratie, lui n'est pas d'accord avec. Sa pensée a été exposée dans l'article: « Amajyambere ya demokrasi », Ibid., p.3

Il n'est pas contre le processus démocratique initié au Rwanda, avec la mise sur pied des différents conseils, mais il n'est pas d'accord avec la procédure utilisée : le fait que les chefs et les sous-chefs soient en même temps les présidents de ces conseils. Il proposerait que ces conseils soient dirigés par d'autres personnes au lieu des chefs et sous-chefs, bien qu'ils seraient membres. On devrait élire des personnes très intelligentes qui vont comprendre et défendre les questions et intérêts du petit peuple. Si c'est le contraire, il serait difficile que la population siégeant dans ces conseils contredit les idées ou propositions avancées par leurs chefs et sous-chefs, qui sont en même temps les présidents des conseils. Il utilise ces termes :

« Kubwanjye byari bikwiye ko inama zose, guhera kuya susheferi kugera ku Nama Nkuru y'Igihugu, bahindura ba Presida bazo, aho kuba umwami, shefu na sushefu, bagashyiraho abantu bazi ubwenge koko, batowe mu bandi bajyanama kandi akaba alibo babitoreye ubwabo bonyine. Mwese muzi ko shobuja, aho muhuliye hose, haba ku kazi cyangwa ahandi hose haterekeranye n'akazi, ahora agutegeka, uhora umufitiye icyubahiro, ndetse n'ubwoba, ukulinda kuvuga icyamubabaza. Ibyo nukuvuga ko uhora wikiriza icyo avuze cyose, cyaba kibi, kiza se. Iteka ndiyo Bwana. Ibyo rero bicishije ukubili na Demokrasi batubwira ye. Umuntu wese wo mu nama iyaliyo yose agomba kuba afite uburenganzira bwo kumvisha Inama yose igitekerezo cye (Liberté de parole). Naho gupfana ijamba ngo atababaza kanaka, cyangwa ngo adacisha ukubili, ibyo birutwa nuko izo nama zavaho, tukagumira aho twali turi...

Rwose mubona ko umuhutu ashobora guhaguruka mu nama akabaza nyil'agarazi (sushefu) igituma ahemba abakozi 4fr, kandi rubanda na Leta bahemba 9, kandi limwe na limwe ayo mafranga ntibayabone yose, yajya kuyabaha akabaha ibarata umwaka ushize, kugihembo cy'umwaka wose. Ngira ngo icyo umuntu yahakura murakizi namwe. Byari bikwiye ko abajyanama bose, ali n'abo kwa sushefu bamenya gusoma no kwandika

nibura ibice 2/3 ndetse ni byiza ko murabo habamo uwamenya igifaransa. Naho gukomeza gutora abasaza gusa, bavuga ko igihugu kigeze kure kubi kuko baciye ubuhake, ko ikizungu cyatumye duhumana.

« Haliho n'ibindi mbona, ba sushefu ni bo bitorera abajyanama. Nuko akitorera mwene kanaka bumvikana neza, naho abatumvikana, intamenywa, zikabuliramo. Abo bajyanama, ahanini bagafatanywa n'abamotsi gukoresha, mu nama akabalibo bavuga gusa. Urumva abo bakuru b'inama ntabwo wabaregera kandi nabo baturega ».

«Tuli abanyarwanda twese», Kinyamateka, No 12, 15 yuni 1957.

L'auteur de cet article se demande pourquoi les Rwandais refusent de se proclamer Hutu, Tutsi et Twa. Il essaye à travers ses idées de montrer que nous sommes tous Rwandais mais que entre nous il y a trois groupes ethniquement différents : « aho kwanga amazina dukwiliye kwanga akarengane gatuma amoko akomeza kwivanga nk'uko byali byaratangiye aho bagize abatware b'imfura koko ? Ntawe ubabajwe n'uko ali inyoko ntutsi, cyangwa ali inyoko mputu, cyangwa ali umutwa, si amazina yateranya, hateranya akarengane kaba kisasira igice kimwe, n'iyo cyakurwamo ab'imbuzakurahira bafatwa nk'abandi... abashaka gutsinda ayo mazina baraharanira iki ?

- Bamwe bashaka gutsinda ayo mazina ni bya byihutse, ali ugutinya ahali ko babyibutsa aho bokomoka mu kuli. Babuze ubugabo bwahesha icyubahiro izina ryabo, bahitamo kulihunga. Bigira inama ariko atali iya kigabo. Ntawe ukwiriye kubitaho.
- Abandi bashaka gutsinda ayo mazina ni abamaze kubona ko kuronda ubwoko byazagilira nabi igihugu. Bakagira ngo uwasibanganya ayo mazina, kwizimba by'izina ry'umututsi byagabanuka mu gihugu. Ndetse ngo n'Inama nkuru yabiketse ityo. Isaba ko za nyuguti : Umuhutu, Mututsi, Mutwa, bikurwa rwose mu bitabo by'umubili no ku yandi mafishi.

Il continue en disant : «Si ibyo bizakuraho ibiliho. Abategetsu na rubanda ntibayobewe Uw'umuhutu n'uw'umututsi, bashatse babikurikirana. Gukuraho

amazina ntacyo bivuze rwose : icyazagilira nabi igihugu si amazina ni akarengane ; ni ukwikanyiza kw'ubwoko bumwe».

Bref, la féodalité rwandaise était basée sur la vache dans la plupart grande partie du pays, sauf dans les provinces du Nord (le Mulera, le Bushiru, le Bugoyi et d'autres provinces voisines) où la féodalité était terrienne. Chez les uns et les autres, il y avait des prestations et des redevances à fournir soit aux patrons de la vache soit aux propriétaires des terres arables. Le patron de la vache était généralement tutsi et le patron de la terre était hutu et confiné dans le Nord du pays.

Les discordes entre patrons tutsi et serviteurs constituaient les procès plus fréquents dans les tribunaux indigènes jusqu'aux Parquets de l'administration. C'est de là qu'est née l'idée de supprimer, sous certaines conditions, la féodalité ou contrat de servage, qu'on appelle au Rwanda « l'ubuhake ».

Durant la période de mandat belge, les prestations et les redevances féodales étaient démodées et dépassées, devenues peu rentables et leur croissance stérile. Personne parmi les ouvriers ne voulait abandonner un emploi rémunéré pour aller servir chez son patron, sans rien y gagner, simplement pour racheter une ou des vaches que l'on mettait tant d'années à payer. C'est tout cela, qui constitue les origines et les motifs de la suppression de ce contrat.

Au fur et à mesure que les années passaient des gens en sont venus à se demander : pourquoi cela, pourquoi nous et pas ceux-là ? pourquoi tant d'injustices et d'inégalités sociales ? C'est alors qu'en 1955 survinrent, à point nommé, les interventions osées de Joseph Habyarimana Gitera et du journal Kinyamateka (journal catholique)

I.3. Les exigences de l'ONU face à la lenteur de la tutelle.

L'ONU avait l'habitude d'envoyer une mission de visite dans ses colonies, qui venait, tantôt après 2 ans, tantôt après trois ans, ça dépendait de la conjoncture socio-politique et économique de la colonie, mais également de l'appréciation des pays membres de l'ONU

sur l'opportunité d'envoyer cette mission. Ils venaient constater sur place l'évolution socio-politique et économique du pays sous-tutelle. Pour le cas du Rwanda, les membres de la commission de visite de l'ONU venaient entre autre voir la marche du pays vers l'indépendance. Ils entraient en contact avec des grandes autorités, dont : M. le Gouverneur du Rwanda-Urundi, M. le Résident du pays, quelques administrateurs et ils venaient aussi au Conseil du pays qui s'était préparé à les recevoir à Nyanza, son siège. On rédigeait à chaque visite un discours dans lequel, évidemment, on faisait allusion à l'autonomie interne puis à l'indépendance de notre pays. La plupart de ces visiteurs n'avaient jamais connu de colonies. Ils étaient sans doute des diplomates de carrière. Ils étaient à l'ONU, c'était surtout des Arabes, des Irakiens, des Chinois, des Américains du Sud, des Péruviens, des Guatémaltèques les Français, les Autrichiens, les Syriens etc. qui ne connaissaient pas très bien la gestion et le fonctionnement des colonies en Afrique. Ils avaient la bonne volonté d'être des porte-paroles des peuples colonisés.

Profitant de cette occasion, Kinyamateka fut le premier journal publiant les propos de la Mission de visite de l'ONU pour faire passer le message à ses lecteurs comme par exemple : « **L'ONU mu bya Rwanda –Burundi** », **Kinyamateka, No 24 du 15 Aprili 1957. P.1** dit ceux-ci : « Inama yerekeye ibya Rwanda –BurundiBibili byari mu ruhande rwashimaga imigilire y'ububiligi : Ubufaransa na Australiya n'ibindi bibili byendaga kuyigaya : Rusiya na Siriya. Jaipal w'umuhinde yagize ati : « Rwanda – Burundi yakomeje kugira amahoro kugeza ubu bitewe n'umwete n'ubuntu bw'ababiligi bategeka icyo guhugu ». Muffiti w'umunyasiriya we, ati : « Amajyambere y'icyo gihugu ntiyagenze neza bihagije, cyane cyane mu byerekeye ubutegetsi bw'igihugu. » Akomeza avuga ko Ububiligi bwangilira cyane gutanga igihe bwazahera ubwigenge indagizo zabwo, ati: «Jye ndabona ababiligi bahunga icyo kibazo»; abandi benshi bavuga ibyerekeye ibiboko, impapuro z'ishimwe Leta itanga no gushobora kugenda nijoro mu gihugu. Uw'umurisi we alibaza igituma imishahara ali migufi cyane, igituma ubutaka bwendwaho cyane, n'impamvu amashuri akili matoya. Akavuga ko Ububiligi busa n'ubushaka ko L'ONU itagira icyo ivuga kuli Rwanda –Burundi kugira ngo ibyo bihugu bizafatanywe na Kongo y'Ababiligi. Bwana Claes Bouaert avugira u Bubiligi ko butazagumana u Rwanda igihe nikigera cyo kwigenga. Ngo naho ibyo gushinga amataliki

yo kuzatangaho ubwigenge byabuza byinshi mu gihugu kugenda neza no kubanza gukomera, kuko gutanga igihe byabamo nk'agahato kubuza ubwitonde ngombwa».

Position conflictuelle de l'Eglise Catholique vis-à-vis de la Colonisation.

Les relations de Kinyamateka avec les autorités locales sont celles de l'Eglise catholique avec ces mêmes autorités. Depuis sa création l'Eglise entretenait de bonnes relations avec les gouvernants. Il y avait une bonne collaboration entre les deux pouvoirs : les autorités coloniales et l'Eglise Catholique. Dans un article intitulé : **«Umugenzo w'Ubutabera : Kurwanya akarengane mu matwara R.U ifite ubu ; Akazi, Abakoresha, Imishahara, n'Umukiro w'Igihugu »**, Kinyamateka, n° 24, 15 Aprili 1957, p. 3. Nous y trouvons le compte rendu de la réunion du clergé du Ruanda-Urundi et du Congo-belge en ces termes : « Abepiskopi b' i Kongo Mbiligi n'ab' i Rwanda n'ab' i Burundi bateraniye Léopoldville kuva taliki ya 21 ya Yuni kugeza ku ya 1 Yuni 1956, batangaza ingigo z'ireme ubutabera bushingiyeho zerekeye cyane ibi bihugu byacu. Bagendeye ku inyigisho ya Papa Pio XII, mu nyigisho higishije kuri Noheli y' umwaka wa 1955, aho yagize ati : «Twavuze kubiteranya ibihugu by' i Burayi n'amahanga bitwaraaharanira kwigenga rwose no kwitegeka...ibyo ali by byose iyo miryango ntikwiliye kwimwa ubwigenge bwo kwitegeka bushyize mu gaciro kandi bugenda bwunguruza, ntibakwiriye kubuzitira...Ibyo bihugu nabyo biharanira kwigenga byibuke ko amajyambere yabyo biyakesha u Burayi kandi ko bidafashijwe n' u Burayi mu ngongo z'amajyambere zose byakwishinga urukundo rw'agakabyo rw'igihugu rutakibonera neza, bikiroha mu mpararara mbi no mu buja», Abapiskopi ba Kongo na Rwanda-Burundi nabo bagize bati : Leta ni umuryango w'abaturage ugenewe gushyira imbere iby'akamaro rusange mu by'isi ku bantu no ku ngo ziremye uwo muryango...Ububasha bwa Leta ni ingingo y'ireme y'umuryango : bigimba kwubahwa no kumvirwa. Ubwo bubasha bwa Leta aliko nti buraho buagira imbibi, ntibushobora kwigilira uko bwishakiye. Bugomba kwumvirwa mu rugero nabwo bukulikirana iby'akamaro rusange ku baturage. Abategeka niba mbere mu bagomba gukulikiza umugenzo w'ubutabera...Ubutabera bugomba kuboneza umulimo n'igihembo cy'umukozi.

La réaction des Evêques du Ruanda-Urundi sur la justice sociale

A cette époque où il y avait tellement de questions, les évêques du Rwanda et du Burundi ont écrit une lettre sur la justice, lettre qui a été lue à tous les chrétiens.

La lettre des évêques du Rwanda et du Burundi sur la Justice: « Umugenzo w’ubutabera : Urwandiko rw’Abepiskopi ba Rwanda-Burundi bandikiye abakristu babo. », Par :

- **A. GRAULS, Umushumba wa Vikariyati ya Gitega ;**
- **A. BIGIRUMWAMI, Umushumba wa Vikariyati ya Nyumdo ;**
- **J. MARTIN, Umushumba wa Vikariyati ya Ngozi**

A. PERRAUDIN, Umushumba wa Vikariyati ya Kabgayi.

In Kinyamateka 25ème Année N° 8, 15 Avril 1957, p. 3

Tout d’abord ils définissent ce que c’est la Justice : « Ukutabera ni umugenzo mwiza utuma umuntu amenya icy’undi, akakimurekera. Umuntu utabera agura ibintu akabigurura ku giciro gikwiye, asubiza icyo yatiye, ntareba iby’abandi ngo abyite ibye, ali inka zabo, ali imilima yabo, amafranga yabo, umugore w’undi ; amenya ubuzima bw’undi, amenya ko n’undi agomba kubaho, ko n’undi yakora ikimutunganiye ku bwende bwe.

Umuntu utabera, atanga umusoro we ; umuntu utabera, iyo Nyagasani amuzamuye akamuha gutegeka, ntamenya kurya ruswa mu bantu agabanye, yibuka ahubwo ko abaye ‘umufasha’ wabo, akishimira igihembo agenewe cyonyine. »

« Imibanire y’abantu ntishoboka iyo ibayemo akarengane. »

Ensuite ils ont montré ce qu’ils pensaient de la Justice dans les colonies Belges : « Ubutabera muli Rwanda-Burundi no muri Kongo Mbiligi, bigomba kuboneza imibanire y’abazungu n’Abanyafrika. »

Pour enfin remercier le travail fait par les colonisateurs, et trouver qu'ils ont fait beaucoup :

« Nta muntu ureba ibintu ukuri wese utakumvira muli ayo magambo ibyo u Bubiligi bwakoze muli Rwanda no mu Burundi n'ibyo bwafashijemo mu bice by'amajyambere byose. Amafaranga bwayatanze butitangiriye itama, bwararushye ; no mu mulimo wo kwogeza Ivanjili nta handi ahali kugeza ubu Misiyoni zali zibangukiwe nko muli ibi bihugu. »

Pour ce qui est de l'indépendance de ces pays, les évêques du Rwanda et du Burundi ont prenaient la position du pamehutu qui ne voullait pas de l'indépendance immédiate :

« Aliko kuvugako ntawubagaya, ntibivugako Kliziya yemera uburyo bwo guha igihugu ubwigenge bwa huti huti, nkuko hali ibice bimwe bibyifuzza. Ibikozwe huti huti ntibikunda gutana n'impagarara : abo baburanira kugira vuba ni abashaka kubonera kuli izo mpagarara ngo bice igihugu, rubanda rufatwe nk'abaja. »

Enfin, ils se sont prononcés aussi sur « Akazi, abakoresha, imishahara n'umukiro w'igihugu » :

«Cyakora haliho n'ibindi bigomba kurebwa mw'itunganya ry'umushahara. Ni ibiturutse ku mulimo umukozi akoze, ubuhanga bw'umukozi n'ibyo agomba kubazwa ku mulimo we, naho imali y'umulimo akoramo igeze, n'ubukire bw'akarere akoramo. Aliko gusumbanya igihembo ushingiyeye gusa ku moko y'abakozi ni ukurenganya. »

Dossier Rudahigwa:

Mu nyandiko igira iti: «**Yubile y’Ingoma 1931-ya Mutara III-1957**» (**Kinyamateka, N°13, 1 Yuli 1957, p.1**), Bruno Nkuliyingoma aragira ati:

- Ni Yubile y’imyaka 25 y’ingoma ya Mutara Rudahigwa. Yimye abazungu bamaze kumenya igihugu, batangiye kukivanamo ubushenzi. Bafatanya kugikorera, agicamo urwoco n’ikiboko, agicamo ubushenzi n’ubukene, ahagurikira ubuhinge n’isuku hose, arenganura abarengana. Agiha urugero rw’ubukristu n’uko «irivuze umwami» ryanze kumuhemukira. Yagabye igihugu gitwari ali ugushakira Rwanda amageza y’amajyambere.

- Ni Yubile y’ u Rwanda rwose. Abazungu balishyira balizana, abakongo n’abagande babona imilimo, baratura balizahirwa, n’ingabo za Nehru zishima amapariseli, impu n’impuzu n’ibiyonga turabita.

-Iguhugu kirajijuka: imbaga y’inyabutatu ijya mbere. Inama z’ibihugu zikatorwa, ngo na rubanda rugire ijabo ku butegetsi: demokrasi ntigisubiye inyuma. Ubuhake buvaho indahinga ziba nke, abanyarwanda baliga, I Leopoldville n’ i Burayi. Inzara zacitse mu guhugu, na Ruzagayura iherutse gusunutsa akarengwe, Umwami aduhahira I Kongo turayatsinda. Ngo yagiye inarahiye ko gihe cyose Rudahigwa azaba akili ku ngoma itazahirahira igaruka mu Rwanda. Imyuga n’ubucuruzi byagiye mbere: mbere ya 1931 hali umucuruzi w’umunyarwanda waliho? Ubwa Burugarave abatutsi babutsindirwa na Rudahigwa.

- Muli iyi myaka 25 y’ingoma ya Mutara Rwanda waraterereye! Shima Mutara umusabire ku Mana. Akomeze kuguteza imbere. Agucemo akazi n’agahato, agucemo akarengane na Bitugukwaha na Uramunyangire, agucemo ubujiji n’uburyanyi, agutoze demokrasi, akubanye n’amahanga kivandimwe.»

«Abakunda u Rwanda ni abakristu» Iyo disikuru ni inyigisho Mgr. Bigirumwami yigishije mu misa ya Yubile y’Umwami ku wa gatandatu 29 Yuni 1957. Mgr Bigirumwami aragira ati:«Ndorera umusaserdoti asusurutsa abasenga Imana. Ndorera abakristu ng’aba bitwa aba Krustu Umwami nya Bami.Mu rwanda wabaye Umwami wa mbere wababonye, umunya ab’ali bo...Ongera ubarore babereye Kristu Umwami na we barakubereye. Gahorane Ingoma! Useguye u Rwanda imyaka ibaye 25. Abagushima

n'abakurata n'abakurahira ni: Vice-Gouverneur, Bulamatare wa Rwanda –Urundi, ni Abami b'inkiko z'u Rwanda ni Abazungu n'abahindi, Urakarama.Hirwa hirwa, berwa berwa, ganza ganza. Mu bami, ba sogokuru bimye Kalinga, uli ukwawe, wagize Imana ukwawe. Wagize iyakubonye ku wa 17-10-1947. Musenyeri Classe, ati: Charles-Pierre-Leon-ndakubatiye ku izina rya Patri na Mwana na Roho Mutagatifu.Gouverneur General Ryckmans, ati :nkubyaye mu Batisimu urabe umukristu muzima. Arakagira Imana Classe intumwa ya Petro mu Rwanda. Arakabaho Ryckmansi wahiliwe no kuba umukristu. Mu Rwanda ni wowe wahuje Kalinga na Kiliziya.Ingoma yawe isa n'iya Konstantino. Mu Rwanda mu myaka 30 abakristu biswe inyangerwanda, baranenwa, barajorwa, uraza, uti : Abakunda Urwand ni abakristu. Ilivuzumwami livuguruza Lyangombe, abibeshya n'ababeshywa babura Imana, basigarana imizimu y'ibigirwamana. Urahirwa Charles Mutara, uhirwa nka Charlemagne. Charlemagne mu mwaka wa 800 yarazindutse asanga Papa Leon III, bararamukanya, baramenyana, Papa amwambika ikamba. Na we Charles warenze amahanga, usanga Nyirubutungane Papa Piyo wa XII muravugana, aragukunda, uramukunda. Ni koko Kiliziya na Kalinga nizililimbwe mu Rwanda. Gahorane ingoma, ingoma y'amajyambere y'ukuli ni iy'urukundo.Ambara ikamba likubere, lyizihize abatware n'abandi bese bahiriwe n'amajyambere yo kumenya ubwenge, n'ayo gutegeka n'ayo gutunga. Ambara ikamba uryambalire ingabo zawe. Izo ngabo ni abantu b'Imana, ni bayikunde nibayikundishwe. Banyarwanda, ntimukange Umwami, ntimukange u Rwanda. Umwanzi w'u Rwanda yasize ruresa. Umwishi w'u Rwanda ntiyarwisasiye, rwaramwisasiye ali rwo. Ingoma y'u Rwanda n'ingoma ya Kristu Umwami. Ilyo ni itegeko lyaciye n'umwami Charles Mutara ku taliki ya 26-10-1946. Ab'ingoma n'abategekera ab'ingoma barahuze Kiliziya na Kalinga. Banyarwanda uyu muni ni uwanyu. Nimukunde Urwanda, nimukunde n'Umwami mwaje gukunda. Nimwiyubahe mwubahe abantu b'Umwami, mwubahe n'ibintu by'Umwami. Nimwikunde, mukundire Umwami abe, abarebare n'abagufi. Dusabire Umwami wacu Charles Mutara n'abatware be, n'abantu be.» Abanyeshuri nabo kuri uwo muni bagaragaje ko bishimiye Yubile y'Umwami Mutara III Charles:«Ijuru ry' u Rwanda lirasusurutse, Impundu ziravuga igihugu cyose. Umurwa wa Nyanza wabaye urujeje, Umugabe yizihye Ingoma. Yubile y'Umwami ibaye ikirenga isanganije ingoma ihanikiye amagana n'amahanga ntakivugwa mu Rwanda.Ni iby'Inganji n'Impundu za Kalinga uwabihera ruhande ntiyazabihumuza;

kuko byabaye igisagara cy’imyaka isaga amagana....Tugeze ku Ngoma y’Umwami wacu Mutara III: Mukwende-Rudahigwa. Ganza, Ramba berwa n’ingabo wizihire Kiliziya na Kalinga, abali hano mwese nimuhaguruke, mukome mu mashyi muhimbaze. Muyahe Kankazi na Rudahigwa bombi bizihye Kalinga. Yubile y’imyaka 25 Umwami wacu amaze ku ngoma twayivugaho iki? Uyu Mwami Mutara se yarabatebeje? Yarabatebeje se byagereranywa...yunamuye icumu mu gihugu...Ubwo u Rwanda arurenza imbibi imbaga y’Umwami iba inyanja. Urufitemo Umubyeyi. Bahuje imico ntibacugatire Ingoma. Bahuje igisigo. No gusabira u Rwanda ntibasigana. Ni ubuliza bwa Kalinga. Mu ngoro ngali ya Kristu-Umwami! Yakinguye inzira y’idini. Ni Umwami w’ikirenga. Yabaye ikirangirire muli Afrika. U Burayi yagezemo bumurata ukw’ali. Amerika iramwemera ku butegetsi. Reka Vatikani yop ntihwema no kumutashya. Ureke Kongo yayiteye ururondogoro. Yarabatebeje ko Umwami w’urwego wizihye u Rwanda. Arwambaliye igisingo ntasiba kurwungura ubumenyi. Izi mpeta yaherewe ubutwali zali zikwiye aabami batanu! Ni we gitego cyo mu Nshogozabahizi. Izina rye wese ko ni Rudahigwa. Isôko y’umugisha wa Rudahigwa ituma twese tunezerewe....Yamugize umuntu mbere ya byose kandi avukira ino mu Rwanda! Abyiruka akunze idini y’ukuli imuha batisimu iramusôza. Imuha umubyeyi yatoranije, Murema-Rwanda Leo-Classe;Ukomeze ugwise kandi ugwire, Yubile zindi zizagusange.»

«1931-Yubile y’ingoma ya Mutara III Rudahigwa-1957» Diskuru ya Yubile, ibi tubisanga muri Kinyamateka N°14 yo 15 Yuli 1957, p.4. aho bagira bati : “ Uyu muni utazibagirana twawubutsemo imyaka 25 Umwami wacu Mutara III Karoli Rudahigwa n’Umugabekazi Nyiramavugo III Radegonde Kankazi bamaze ku Ngoma....Iki gihe gikwiye kuvugwaho byinshi, kuko atali umunsi mukuru w’umuntu umwe gusa, n’uw’abantu bose bafatanyije n’aba Bami bagize Yubile ibintu byakozwe mu myaka 25 ishize.Iyi minsi irerekana neza ubuyobohe bw’abanyarwanda k’Umwami wabo mbese bikaba byagereranywa nuko ibice by’umubili bihuriye ku mutwe ubugenga....Aliko se koko uyu muni abanyarwanda bawuguliye aba bantu babili gusa?....Urwanda rukoreye uyu muni mukuru impamvu ebyili zombi zikomeye, zihuriye kuli Mutara III n’Umugabekazi: Ubwa mbere turakora umunsi mukuru w’abanyarwanda ubwabo kandi twibuka ba sogokuru baremye igihugu cyacu, urulimi rwacu n’imihango y’ubwoko bwose buturaze. Ubwa kabili turakora umunsi mukuru w’Ubwami

bw'Urwanda bugaragalira kuli Nyirabwo, uyu mwami wacu. Ibi bigomba kwitabwaho: nibwo bwa mbere mu Mateka y'u Rwanda Ubwami bukora Yubile y'ukuli itali iminsi mikuru isanzwe nkuku byakorwaga mu gihe gishize. Tugomba gushimira Imana yaduhaye kubaho muli iki gihe tukamenya Yubile icyo ali cyo..Abanyarwanda n'Abami barwo bagomba kurebwa hamwe n'ibiremwe Urwanda byose. Nicyo gituma nagawa kandi bafite ishingiro, nirengagije abamaze imyaka 75 baje gutura mu Rwanda kandi batugiliye akamaro mu nzira nyinshi z'amajyambere. N'abakozi ba Leta y'Ububiligi hamwe n'Abapadiri batuzaniye ibyiza by'ukwemera.....Mul'izo ngira kamaro tugomba guha umwanya w'ingenzi Bwana Gouverneur Harroy dushimira imitegekere itunganye hamwe na Bwana Commissaire Provincial Resident Dessaint wakoreye u Rwanda ataziganye imyaka yegereye 30 akaba yaragize ikinyarwanda urulimi rwe. Kugira ngo lero tubinoze tugomba kubibutsa ko ku byerekeye kwita amazina no kungura Urwanda byose byakozwe n'Abami b'Abanyiginya.

GUSABA KWIGENGA

Munyandiko yitiriwe G.G.I.R. dusanga k'urupapuro rwa 2 rwa Kinyamateka N°13 yo kuwa 1 Yuli 1957 igira iti : «Abacu b'I Burayi baratwigisha». Iyi nyandiko ikaba isa nk'ubutumwa abanyarwanda b'abanyeshuri bari I Burayi banditse ba « Twamenyereye twese kuvuga ibintu dusa n'ababikoza imitwe y'intoki; ibyo tukabiterwa ahanini no kurenzaho no kwemera akaje. Uwo muco ni mwiza aliko ufite urubibi urenze ukaba mubi. Igihe cyo kuvuga ibintu byerekeye u Rwanda tubihere mu mizi yabyo kirageze; abantu bose baravugaga hirya no hino ukwigenga kw'igihugu cyacu. Si twebwewe tudakwiye kwica amatwi mul'iki gihe....Imibanire yacu n'amahanga imaza imyaka irenze mirongo itanu. Dukwiye gusubiza amaso inyuma kugira ngo turebe ubwiza n'ububi bw'iyo mibanire. Nibwo buryo bwadufasha gukosora ibitatanogeye muli iyo mibanire. Hali imico abanyarwanda bali bafite kera batagifite ubungubu. Dukwiye kwibaza impamvu, tugashaka uburyo twayigarura, cyangwa twayigaragaza niba itarazimira rwose. Iyo mico dushaka kuvuga ni ubutwali, ni ugutinyuka no kugira ishyamba ryo gushyira igihugu cyacu imbere.....reka tugerageze kureba icyabuzuzilije. Gutegekwa bibuza umuntu kwigenga, kutigenga bikamutera guhora arangamiye umugenga, guhora arangamiye undi

bikamubuzza kwihimbira no kwigeragereza icyamugilira akamaro. Iyo rero umuntu yamenyereye guhora ahanze amaso uwamugoboka bishyira kera ntiyiyemere:agashema yarasanganywe kakamushiramo. Nyir'ukumugenga ashobora kumuha icyo ashatse cyose akanezerwa, aliko akaba abuze igice cy'ingenzi cya kamere y'umuntu kigizwe na ya mico: Ubutwari, kwivumburira ibintu kwitoza kwirwanaho. Iyo nyir'ukumugenga yanze kumuha ibyo ashaka, ndetse n'ibyo akeneye bya ngombwa, amaze kumuvanamo uwo mucu buli muntu wigenga ahorana mu mutima, ukamutera guhora ashaka icyamugilira akamaro kenshi uwo muntu acika intege, akabura icyamuzanzamura, akemera agahera....Ibyo tumaze kuvuga ku muntu umwe bishobora kuba no ku gihugu cyose. Ishuli ly'abatware badutegekera u Rwanda ni Astrida mwese muralizi. Ntacyo tuligaya ho lyigisha neza cyane, aliko lifite inzira ryategekewe, dushobora kwibaza aho lizatugereza igihugu. Izina rya «auxiliaire» iryo shuli liha abanyeshuli baryo, ni ryo ryerekana neza urubibi n'akamaro abo banyeshuli bashobora kugilira igihugu cyacu. Abanyarwanda ni ingenzi banga izina libi, abanyeshuli b'Astrida tibita indatwa aliko «auxiliaire bishaka kuvuga umugaragu» cyangwa «umufasha»...kutwigishiriza abana kuba abagaragu n'abafasha beza bitagira ikindi gisumbuye ibyo ni ukuyobora u Rwanda mu nzira y'ubuza n'ubugaragu. Bikomeje kandi bityo nta kintu kiliho cyazayituvanamo.....abazungu banze kuduha ishuli lili hejuru ni ibintu bigaragara, ni twe gusa dusigaye tubivuga mu mafufu, kutubuzza kujya kwigira mu mashuli makuru nabyo ntibakibihisha. Leta yabujije Inama Nkuru kugira umuntu yaha amafranga yo kujya kwigira I Burayi ngo hali amashuli I Kongo nkaho Kongo itali amahanga nk'andi. Kwemera kutagira ishuli likuru ni ukugambanira u Rwanda kuko ali ukwemera kurugumisha mu mubare wa bya bihugu bili munsu y'amajyambere. ..Tugeze mu gihe tugomba kujya tugira ibyo twigeragereza, ubwo ukwigenga kwacu gutangiye kujya kuvugwa hirya no hino. ...Muzi ko muli 1952 nta munyarwanda wali mu mashuli makuru uretse umupadri umwe watangiye ubwo muli universite ya Louvain Muli uwo mwaka Togo yali ifite mu mashuli y'I Bulayi abanyeshuli 260, Cameroun ihafite 237, A.O.F. 842, A.E.F. 185, abo muli Madagascar ali 134. U Rwanda rero ni rwo rwa nyuma bidakulikirwa muli Afrika yose ku byerekeye amashuli makuru.»

BWANAKWERI Prosper, chef de Kabagari écrit un article « Ejo tuzamera dute? » in Kinyamateka N° 262, Août 1954, p3

Sa pensée était de grouper les budgets des 3 pays (Congo, Rwanda, Burundi) avant leur indépendance.

La déclaration de Leroy devant la mission anusiène qui visitait le Rwanda et le Burundi: «L'ONU yamulikiwe iby'imyaka 10» in Kinyamateka, 15 Mai 1957, p. 6

Il a surtout expliqué les réalisations du pouvoir tutellaire au Rwanda et au Burundi après 10 du plan decenal:

«Ku byerekeye gukiza igihugu, Bwana Leroy amenyesha aho ibya Plan decenal bigeze (...) Yibutsa abamwumvaga ko kugirango iyo milimo yateganyilijwe izashoboke u Bubiligi bugomba guha buli mwaka Rwanda na Burundi amafaranga miliyoni 400 yo kutuguliza.»

Il a parlé aussi du problème d'ubuhake :

«Bwana Leroy agera ku by'inka n'ubuhake. Ati: ibyo kvanaho ubuhake birakulikiranywe cyane mu Rwanda kuko aliho ubuhake bushingiye ku nka bwari ingoyi ikomeye. Ati: kugeza ku wa 31 desembri hali hamaze kugabanywa za kontaro 79.461, byakozwe kun ka zigeze ku bihumbi 203 na Magana 591. Ngo kuri za kontaro ibihumbi 79 na 461, ibihumbi 31.198 zatswe na shebuja, 31.742 zakwa n'umugaragu, 13.414 zakwa na bombi; 2.107 zitegekwa n'urukiko.»

Suite du discours de Mr Leroy après 10 ans de tutelle, « Imyaka 10 tuli indagizo » in Kinyamateka 25^{ème} année N° 11, 1 Juin 1957, p. 5

Pour continuer, il a parlé des relations entre Noirs et Blancs au Rwanda. Il trouvait que le Rwanda-Burundi pouvait servir de bon exemple, où les relations entre Noir et Blanc étaient bonnes :

« Bwana Leroy yakomeje kwerekana amajyambere ya Rwanda-Burundi muri iyi myaka 10 tumaze tuli indagizo. Agera rero kubyerekeye umubano w’abera n’abirabura muri Rwanda-Burundi. Ati : Intera umubano w’abazungu n’abirabura watambutse muli icyo gihe ntawawutekerereza undi. (...) Nanone haracyali bimwe bitanoze muli uwo mubano aliko ibyiciro byombi baramenyana buhoro buhoro, bamwe barajya bashima abandi. »

Editorial, “Intumwa za Onu muli Rwanda-Burundi zili hafi yo gutaha“ in Kinyamateka 30ème Année N° IV/16, Avril 1962, p. 1

C’est la Mission de l’ONU qui était au Rwanda pour l’observation des réalisations au Rwanda et au Burundi, du pouvoir de tutelle:

«Nubwo igihe cyabaye gito, intumwa za ONU zaba zenda zalitegereje ingingo z’ingenzi zerekeye ibi bihugu, zaba zaramenyeshwe nibura iby’ingenzi mu bibazo byerekeye Rwanda-Burundi, abantu baba barabonye uburyo buhagije bwo kubonana n’izo ntumwa kugirango bazimenyeshe ibyashyira imbere buli muntu wese cyangwa ibyamubiza inyuma bititondewe.»

Un lecteur de Nyagatare, N.J. montre ce qu’on devrait faire avant l’Indépendance : « Ntacyo twabivugaho ! », in Kinyamateka 25ème Année N° 11, Juin 1957, p. 2 (Rédaction : Grégoire Kayibanda; Direction et responsable: Abbé Innocent Gasabwoya)

Pour lui il fallait tout d’abord créer un gouvernement composé par les Rwandais. Ce gouvernement devrait être formé suivant les fractions qu’il donne :

« Ubwa mbere mbona ko mu Rwanda hakwiye kubaho leta kavukire y’abanyarwanda ikabangikana na leta rusange isanzwe ari yo y’abazungu. Uko iyo Leta yaremwe : Mu baturage kavukire, uretse abafatanyije ubutegetsi na leta, abandi balimo ibice 5. Hariho abatutsi balimo ibice 2. Igice cya mbere n’abitwa ‘Imfura’, igice cya 2 ni ‘Abatutsi b’abakene’ bifashije.

Abahutu na bo balimo ibice 2 : Haliho abahutu b'abakene, ali bo bitwa abadiligi, haliho n'abahutu bakize bakiliye mu gihugu.

Abandi nabo baiho kuburyo busanzwe ni abitwa 'abatwa'. Ibyo bice byose bimwe bigiye bibamo abantu bitwa abacuruzi baturuka muli ayo moko yose, abo nabo baba ikindi gice cya 6. Ndetse dukulikije amahanga yadutanze amajyambere, twavuga ko haliho ikindi gice cya 7 ali cyo cy'abagore.

Ibyo bice byose bikwiye abavugizi. Buli gice kikitorera umuvugizi wacyo mu bandi batowe bagahulizwa mu nama n'amajwi ya bya bice. (...) Ubundi Rwanda igiye itora ikulikije ibice by'abaturage nk'uko nabivuze, ni bwo bagira abavugizi bameze nka ba ministre babereyeho buli gice, bakabona uko barwanya akarengane bakulikije amatwi aturutse hose. »

La réflexion de NKUNDURWANDA Valentin, sur l'Indépendance, « Murashaka kwigenga » in Kinyamateka 25ème Année N° 14, 15 Juillet 1957, P. 7

Il trouvait qu'il fallait attendre encore plusieurs années parce que pour lui il y avait encore beaucoup de choses à faire :

« Ndi umunyarwanda, rero ndashaka kubabwira ibyo nibonera n'amaso yanjye byatuma tutifuzwa kwigenda.

Igihugu iyo kijya kubona ubwigenge, kiba gifite intwari n'abasilikare b'intwali bafite izo ntwaro. None nimurebe turacyafite abapolisi bitwaje udukoni tugufi (...) Kugira ngo bavuge ko Rwanda izaba igeze igihe cyo kwigenga, tugomba kumara indi myaka myinshi. »

D.M. donne son avis sur le pouvoir colonial dans un article qu'il a appelé «Ndiyo Bwana izadukiza» in Kinyamateka 25ème Année N° 5, 1 Marsi, 1957, p.1

Pour lui le problème était avec les autorités locales, si non les représentants du pouvoir colonial cherchaient le développement du Pays:

«Urengana wenyine ni umuzungu. Yaje adufitiye amajyambere koko, aduha ituze twatunga twatunganirwa, aduha imyenda turayambara ageza n'igihe atumenyesha ko n'ibirato yambaye yifuza ko natwe twabyambara. Aduha imilimo turamukorera araduhemba, mbese aza aziko uwakoze wese ahembwa, ndetse n'imilimo idahemberwa, twe twita iyerekeye ku mico y'igihugu ngo bene iyo ntihemberwa cyangwa se gutera ibiti mu makahwa. Amaposho ntaba akibaho, kuko yaje azi ko ntawe urya iby'undi ku busa. N'abarya ku busa babihabwa n'abatware. Genda muzungu utumazemo iminsi aliko ahali ni ku busa. Ntuteze kuzagira akamaro kose waje ushaka kutugilira! Waje utegeka, uturusha amaboko kandi uturusha ubwenge n'ubupfura, usanga ubwacu bwarashiliye mu buhake no mu kuryana, imibereho isumba iyindi ali iyo kurya undi, nagusumba nko gutunga ahanini atali ukugira ngo ngukize, ahubwo ali ukugira ngo nkurye ngutunze.

(...) Reka ngire inama abazungu: Nimwegere rubanda ubwo gutuma binaniranye. Twanga ikintu ku iperu bakakubwira ngo cyategetswe n'umuzungu. Tukifuza ko yajya atugeraho tukamwibaliza ubwo batinya kumubaza. icyakora ababyiruka nibamara kwemezwa ko ayo mafuti yose ali wowe aturukaho, uzaba ugowe. Harya kuli ubu hali icyo umuhutu ushaje yabwira umwami? Uko mbibona niwe wahuza Urwanda aliko yemeye kwiteranya, akiteranya n'abatware, n'abatutsi, ndetse ahali n'abazungu.»

- La question de l'Indépendance du Rwanda et du Burundi au sein de l'ONU

Kinyamateka, «Rwanda-Burundi muli ONU» in Kinyamateka 30ème Année N° II/6, Février 1962, p. 4

Dans cet on souligne que l'ONU voulait accorder l'indépendance au Rwanda-Burundi le 1er Juillet, comme un seul pays.

Editorial, «Rwanda-Burundi muri ONU» in Kinyamateka 30ème Année N° III/7, Février 1962, p. 1

C'est la suite du précédent article. Cet article confirmait l'Indépendance du Rwanda et du Burundi le 1 juillet 1962, selon l'Assemblée générale de l'ONU:

«Inama rusange (Assemblée générale) yemejeko nibigenda neza «Rwanda-Burundi» izahabwa ukwigenga kuzuye ku wa 1 Yuli 1962. Uko kwigenga kuzatangwa kuli iyo taliki raporo y'intumwa za ONU zigiyeye kuza muli Rwanda- Burundinivuga ko ntacyabuza ko uko kwigenga kuba ku wa 1 Yuli 1962. ONU yemeje kohereza intumwa 5 muli Rwanda-Burundi

Intumwa za ONU zije muli Rwanda-Burundi guhuza abavugizi ba leta Nyarwanda na leta ndundi kugira ngo bavugane ibyo Rwanda n'u Burundi byahuza mu byerekeye ibintu, ubutegetsu n'ibindi kuko ngo ONU yemeza ko Rwanda n'u Rurundi bikwiye kwigenga bifite leta ibihuza ngo n'iyo leta rusange ya Rwanda-Burundi yahabwa kwigenga kuwa 1 Yuli 1962. »

Les injustices

Inshuti y'amajyambere yo muli Teritwali ya Kibungo itarashatse kwivuga izina, mu nyandiko yasohotse muri **Kinyamateka N°12 yo kuwa 1 Yuli 1957, p.3:« Ihembe nilivuga»**. Iyo nshuti y'amajyambere iragira iti:« Dore ibyo mbwira umuturage wese ukunda u Rwanda rw'Umwami kandi wifuzaga amajyambere; ntakunde abatware b'intara gusa, ntakunde abatware b'imisozi bonyine, cyangwa abaturage bituliye gusa, akaba ashakaga amahoro ku witwaga umunyarwanda wese. Maze iminsi mbona abandikira K.M. akarengane kali mu Rwanda kandi bakavugaga ko gaturuka ku bakuru, guhera ku bakomeye kugeza ku boroheje, cyane cyane bakavugaga ko ibirongozi birenganya abantu, kandi koko ari iby'ukuri kenshi ari bo bica cyane cyane ku biherereye ku kazi. Twese tuzi ko ibirongozi cyashoboraga guhata abantu, bamwe kikabinshisha akazi abandi bigaramiye. None Umwami yashyizeho itegeko livanaho ibirongozi. Inkeke y'ibirongozi turayikize, nimucyo dushyireho umwete twese, duhinge tudahagalikiwe, dukorere amakaha yacu uko tubibwirizwa, kandi abenshi ubu bazi akamaro kazo, tugire n'umwete wo kurwanya isuli...Ikindi kandi niba dukize inkeke y'akazi k'agahato. Numvise ko bagiyeye kujya bakoresha numero, kandi rero n'ukoze kuli ubu arahembwa nta we ugukorera ubusa...icyaduteraga kujya kure ni agahato,kuko wajyaga gukorera mugenzi wawe ukurusha amafanga, ibirongozi kukaguhubuzayo ngo jya gukora kwa

shefu cyangwa ngo jyana amaposhho aha n’aha. None rero umwami yatanze ihumure, uzajya ujya ku kazi numero yawe yatahiwe kandi uhembwe we gukorera ubusa nk’uko hambera byagendaga.»

Débat sur la question identitaire au CSP

Les idées nouvelles «volcaniques» apparurent principalement tout au long des sessions du Conseil Supérieur du pays, instauré par le décret sur la réorganisation politique du Ruanda-Urundi le 14 Juillet 1952. Un comité fut constitué pour l’étude de l’aspect social Muhutu-Mututsi **(Kinyamateka, Abahutu mu nama nkuru y’Igihugu, No 5, Mars 1958, page 1.)**.

La première convocation du comité d’étude par Mutara III Rudahigwa date du 30 Mars 1958. La raison de cette convocation au Conseil supérieur se trouve dans ce même Kinyamateka «Umwami yabonye ko abantu bazaza ali benshi, bakaba basonzera i Nyanza kandi bikaba byatera n’impagarara mu gihugu, abwira Yozefu Gitera kumenyeshya ko ali abantu cumi gusa bazaza batumiwe muli iyo nama ».

Abahutu ba Rwanda.

Ndabaramutsa mwese.

Ndifuzza kubamenyasha ko umwami w’urwanda Mutara III Rudahigwa, ashaka ko mu minsi iza kuza hazaba inama y’akataraboneka ! Umwami alifuzza ko Inama Nkuru y’igihugu yiga ibyerekeye imibanire ya Gahutu na Gatutsi muli Rwanda basangiye.

Akababaro n’uburengane bwa Gahutu byababaje Umwami. Arashaka ko Gahutu asobanurira Inama nkuru y’igihugu akababaro n’uburengane bwe. Muzi ko Gatwa we, Umwami yamwibitse. Ubu yitwa « Ilivuz’Umwami »

None rero, icyo mbasaba, nuko mwategura neza ibibazo byanyu, mugashaka n’uburyo mwabishyikiriza Umwami, kuko ali we Président w’iyo Nama. Mukabigira kandi iyo Nama itaraterana.

Italiki y'iyo nama ntiratangazwa. Nizeye ko nimara gutangazwa, buli muntu wese w'umugabo kwa Gahutu, azagerageza uko ashoboye kwose, kugira ngo azajye i Nyanza kumva iteka ry'Umwami w'Urwanda ku byerekeye imibanire ya Gahutu na Gatutsi muli Rwanda basangiye.

**Nijye umwanditsi wanyu,
J.H. Gitera.**

Les sujets brulants présentés au CSP étaient au nombre de quatre :

- a) Hangars-semences (stockages des semences)
- b) Veilleurs de nuit, chez les autorités coutumières
- c) Laiterie obligatoire
- d) Féodalité au Rwanda

Ces 4 sujet sont très importants et concernent toute la population du Rwanda. Ils concernent les sujets dont se plaignaient les journaux Aprosoma « Ijwi rya Rubanda Rugufi » de Joseph Habyarimana Gitera et le journal Kinyamateka de l'Eglise Catholique.

Première session tenue à Nyanza du 31 mars au 3 Avril 1958. Le comité était composé A) des membres du C.S.P. Président Bagirishya ; Membres Bwanakweri, Gashugi, Mbanda, Rwagasana ; Rapporteur Mungarurire. Et B) Des 5 membres présentés par les signataires du Manifeste des Bahutu Bendantunguka, Balthazar Bicamumpaka, Gitera Habyalimana Joseph, Calliope Mulindahabi, Max Niyonzima.

Le premier sujet de discussion portait sur une participation équitable des Bahutu à l'administration du pays et sur les moyens concrets d'y

parvenir. Il serait fastidieux de décrire dans le détail ces discussions interminables. Voici cependant quelques interventions tout d'abord à propos de l'administration du pays :

Les représentants Hutu reviennent constamment sur leurs revendications fondamentales « Le motif de notre présence ici, rappelle **M. Gitera**, est de voir la coutume qui n'est plus ; coutume qui veut que le Mwami ne soit ni muhutu, ni mututsi ni mutwa. Voir pourquoi les trois groupes ethniques ne jouissent pas ensemble dans le domaine patrimonial du pays des mêmes avantages et que c'est seulement un de ces trois qui en a la jouissance exclusive. »

Impamvu y'iryo teraniro ry'akatarboneka, nuko mu kwezi kwa Marsi 1957 abahutu bandikiye Bwana Guverineri urwandiko ruvuga imibereho ya Gahutu na Gatutsi mu Rwanda. Urwo rwandiko rwavugaga akarengane ka Gahutu, n'ukontu Gatutsi atoneshejwe mu buryo butagishobotse, butacyemewe na Gahutu wali warapfukiranywe n'ubuhake, aliko aho buviliyeho nawe agashaka kujya mbere, nabo bagashaka kubugarura no kubukomeza. Umwami yegeze kubatumiza mu kwezi kwa cyenda 57, ababaza ibyo banditse, babimusobanurira byose. Bemerara Umwami ko abatutsi alibo bibumbiye ubutegetsi, ubucamanza, inama y'igihugu, amashuli makuru, ali ay'ino ali n'ayo mu mahanga yandi. Umwami avuga ko abahutu bagomba gukora kugira ngo bagere mu myanya yabo birukanywemo n'abatutsi, ko bagomba guharanira kumenyekana ibwami, bagasaba umwanya mu butegetsi n'ubucamanza nk'abandi. icyo Manifeste yasabaga kwari :

- Kwigenga mu isambu, buli muntu akagira isambu ye bwite ntihagire undi ugira icyo ayivugaho,
- Kugira amategeko y'igihugu yanditse ntibakomeze kuvuga umuco w'igihugu abenshi batazi ho ushingiyeye
- Gushyira Abahutu imbere na bo bakabona umwanya mu butegetsi, aliko bishingiyeye ku itora ry'abaturage, bakitorera absushefu, abashefu n'abajuri.

- Kutaba ngombwa ku mulimo wahawe ngo ugomba kuwuhamaho kuko wawuhawe kandi wenda utakiwushoboye ;
- Abatware b'intara ntibakwiye kuba ba Prezida b'Inama z'Intara ;
- Igihe bohereza abjya mu mashuri ya kure, amafranga y'igihugu atangirwa abatutsi gusa kandi ahanini akomoka ku bahutu
- Kugwiza amashuri y'imyuga n'ay'ubucuruzi n'ayigisha abakobwa n'abagore imilimo y'imuhira.

Kuwa Kabili tariki ya 1/4/1958, abo mu Nama Nkuru y'Igihugu bati ibyiza ni ukureba igiteye impagarara cyane akaba aricyo baheraho. Abahutu bati : icyo mwita umuco w'igihugu cyarapfuye. Gatwa na Gahutu nta buzima bagifite mu mibereho y'igihugu. Gatutsi wenyine niwe wihaliye ingoma. Igihugu cyacu abatatu cyihaliwe n'umwe mu mpande zose.

Abandi bati : Ayo magambo ntasobnuye neza, ndetse ntitwumva n'impamvu y'izo mpaka, kuko umwami ali umubyeyi wa twese, kandi twese tukaba tawe ubihinyura.

Abahutu bati : Ingingo y'amagambo yacu ni imwe : Ubutware n'ubucamanza bitangwa n'umwami. Abahutu bavuga ko mu muco w'igihugu umwai atagira ubwoko, aliko ibyo bigomba gusuzumirwa mu bintu bifatitse, bigaragara : Ubu umwami akikijwe n'abatutsi gusa, kandi ali umubyeyi w'abatatu. Umwe mu Batutsi avuga ko umwami ali umutware w'ubutegetsu bw'iguhugu kigizwe n'amoko atatu, ashobora kugira uruhande abogamiyemo.

Abahutu bati : Ntitwumva ukuntu umwami yaba umtware wa parti politique kandi ali umubyeyi rusange w'abanyarwanda bose. Abahutu bati mubyo mudusezeranya kuzatgilira, icyo tw dushaka cya mbere na mbere, nuko Gahutu yagira umuvugizi ibwami. Abatutsi bati uwo muvugizi mumubonye, abatutsi bakwaka uwabo n'abatwa uwabo. Abahutu baremera ko umwami ali umubyeyi

wa bose, aliko bagashaka ko kuli uwo mulimo uwmami agira abavugizi ba buli bwoko uko ali atatu aremye u Rwanda, babimufashamo. Abatutsi bati ibyo bikaba gutanduka igihugu, kikicamo ibice bitatu bishingiye ku moko. Abatutsi bati : Tuzi koko yuko kwikanyiza kuliho, kandi ni ibintu bigomba kuvaho, ejo twararebye dusanga koko abahutu batali mu butegetsi koo, dukwiye kubanza kumva icyo abo bantu bashaka n’uko cyagerwaho neza. Abatutsi bavuga ko ibyo byo kugira umuvugizi w’umuhutu ntacyo bimaze, kuko ngo na Harerinka, umuvugizi w’abatwa, babona ahubwo ko ali nk’umuboyi, kandi n’abashefu baliho ubu bakaba batanyagirwa kugira ngo abahutu babone umwanya. Abahutu bavuga yuko barebeye mu ndorerwam y’umuco w’igihugu : Gatutsi ali umwana iwabo, Gatwa nawe akaba ahali, naho Gahutu adahali. Perezida abaza ko mu by’ukuli abututsi alibo bihaliye ubutegetsi. Inama yemeza ko alibo babwibumbiye, aliko halimo abahutu bake cyane, (tres peu) nabo alia bantu bashyiliweho kugira ngo bitagaragara ko ali abututsi bonyine (trompe-l’œil) kandi nabo alia bantu b’abahakwa (calicaturés) bafite ibitekerezo n’imigilire y’ubuhake(épousant les idées de la feodalite) ndetse batakemerwa na rubanda. Na kera niko byahozze, abatutsi bhoze bikubiye ubutegetsi ? Hasomwa igitabo cya Padiri Alixis Kagame kivuga ko n’abahutu bahoranye umwanya mu butegetsi. Bashaka kumenya mubare w’akuri w’abatutsi (abasushafu n’abashefu) b’abahutu n’abatutsi. Bibazwa Bwana Kirsch umujyanama w’umwami. Aje atubwira ko imibare ntayo afite, aliko adusobanulira uko abasushafu batorwa (mu babwiliza b’ubuhinge, mu babisabye no mu boherejwe na Leta y’Ababiligi), atubwira ko ubu abazajya baba Sushefu bazajya babanza kwitwizwa uwo mulimo ku biro bya Teritwari ; ko ibyaba byiza ali uko inama y’igihugu yasaba ko abahutu bishyira hamwe (s’organisent) nta kubakekamo amahane yandi. Abahutu bamumaza niba nko u byerekeye amashuri, aboherezwa bese kwiga nk’Burayi boherezwa ku mali ya ba se. Avuga ko uhabwa bourse agomba kuba afite amanota ahagije, akagira Diplôme yemewe, akemera kuzakorera igihugu. Bamubwira ko bumvuse ko hali abantu bagiye kujya i Burayi muli Exposition, ngo bakba bashaka abantu bafite 1m 80, ibyo bikaba ikimenyetso kigaragara cyo kudashaka ko umuhutu nawe yagaragara aho. Avuga ko abagiye kugenda ali intore, kandi rero ko ntabwo

bakulikije ubwoko mu itora ry’abazagenda. Arangiza avuga ko abahutu bagombye gushyira hamwe, kwibumbira hamwe, kugira ngo batsinde ako kantu ko kwiheza, k’amikekwe muli byose(complexe d’infériorité). Prezida abanza kudasubiriramo mu magambo y’ibyavuzwe mu gitondo. Twabonye koko ko abatutsi al ibo benshi mu butegetsi, ko kera duklikije Kagame, atali ko byali bimeze, batakulikiraga ubwoko ngo kanaka agabanire ko ali umututsi, kanaka wundi asubizwe inyuma kuko ali umuhutu.

Byatewe n’iki ?

Le journal Kinyamateka écrit que les mêmes attaques des Inyenzi se sont dirigées sur le Rwanda à partir de l'Ouganda en direction de l'Umutara, mais également à partir du Burundi en direction de Bufundu. Le journal souligne qu'il y eu beaucoup de pertes en vies humaines du côté des Inyenzi. Il continue ses commentaires selon lesquels les Inyenzi avaient un plan également d'occuper Nyanza et Gitarama avec l'appui de leurs complices de l'intérieur du pays, mais ils n'ont pas réussi car « rubanda » a opposé une résistance et était prêt à résister jusqu'au dernier :

« Mu mutara naho habaye imirwano nk'iya Nyamata. icyiciro cy'Inyenzi cyaturutse i Buganda kigatera Nyagatare cyahahuriye n'Ingabo z'igihugu, haba harakomerekeye abasilikare 2. Inyenzi zahararitse imirambo, hataha imbarwa. Haliho icyiciro cya gatatu cyali mu Bufundu. Izo zashakaga gutera Nyanza na Gitarama, ngo zihahulire, aho, ibyitso by'Inyenzi bakabuye rubanda, byabigambagaho, babiraliraho ndetse bamwe barasembura. Nibyo mwumvaga ngo byaradogeye. Rubanda ruti : leta Lunari izaza twese twarashize ».

Kinyamateka parle du traitement des déplacés et réfugiés. Il dit qu'à cause de ces troubles, il y a eu beaucoup de déplacés (plus 6000). Il dit que le gouvernement a fait tout pour qu'ils regagnent leurs domiciles et leurs biens :

« Kubera ibyo i Kaduha, i Kibeho, mu Cyanika, haba hali impunzi zigera ku bihumbi 6, aliko ngo abategetsi bakoze uko bashoboye bazifasha gusubira iwabo. Ndetse hafi ya hose, kw’italiki ya 4, amahoro yali yagarutse ».

Le journal ne dit rien sur les incendies des maisons et des massacres des personnes innocentes qui ont été accusées de traîtres. Par ailleurs, le journal avertit les complices des Inyenzi, que le jour où ils seront attrapés qu’ils seront punis sérieusement. Il invite ceux qui préparent ces attaques, de les arrêter et d’être derrière le pouvoir en place car il a été mis sur pied, mais également supporté par 80 % des Rwandais.

« Mwitonde mwese, mwilinde umubano uwo aliwo wose w’ubugambanyi. Ni mubifatwamo mukabihanirwa, ntimuzagire ngo ntimwabwiwe ! Abaturage 80 kw’ijana bihitiyemo ubutegetsi. Nimubushyigikire aho kubushonda »

Critique ouverte de Mgr Gahamanyi à ceux qui ont organisé les attaques de 1963, cela dans la lettre publiée dans le journal Kinyamateka no 9 de mars 1964, p.1

Titre de l’article : « Urwandiko rwa Musenyeri Gahamanyi : Icibwa ry’intugunda zose »

L’Evêque de Butare Mgr Gahamanyi a critiqué sérieusement les « Inyenzi » qui ont voulu prendre le pouvoir par force, alors que les autorités en place ont été mandatées par la majorité des Rwandais :

« Ntawuyobewe n’umwe ko vuba aha ingabo z’abicanyi ziturutse mu mahanga, zashatse gusesera mu gihugu, zikamenera mu mpande nyinshi, zizanywe n’igitekerezo cyo gukuraho, ku maboko, ubutegetsi n’abategetsi bishakiwe kandi bitorewe ntamahugu n’umubare munini w’abaturage ».

Selon Mgr Gahamanyi, il ne faut pas utiliser la violence pour gagner le pouvoir, il faut plutôt utiliser la voie démocratique. Il dit qu'il condamne ouvertement la voie de violence choisie par les Inyenzi pour destituer le pouvoir en place :

« Kiliziya ntiyanga ko habaho umutwe uvuguruza ubutegetsu buliho. Aliko ubayeho ugomba kubigira mu buryo bw'amategeko, ntugire usenya, wica ; ahubwo ukabigira mu mahoro, mu kuli, mu butarenganya no mu rukundo. Ni nayo mpamvu tugaye kandi duciye ibyo bitero biza gukanga amahoro no kwicana mu gihugu cyacu cyigenga, kigomba kwishyira kikizana. Tugaye kandi duciye ibiza gutera imvururu mu gihugu ; turabizi, ibimenyetso biliho : ikizana ibyo bitero, s'ugukuraho gusa ubutegetsu n'abategetsu igihugu cyitoye mu mahoro ; aliko, ni uko bashaka kubigira mu bugira nabi no mu bwicanyi. Niyo nabi iruseho ».

L'Evêque de Butare félicite et encourage le gouvernement rwandais pour avoir arrêté et puni les criminels « Inyenzi ». Par ailleurs, il dénonce ceux qui appuient ouvertement ou en cachette les « Inyenzi ». Parmi ces derniers, il y en a ceux qui soutiennent financièrement les Inyenzi en leur envoyant de l'argent à partir du Rwanda. Pour lui, tout ces gens là sont des traîtres.

« Kurwanya ibyo bitero byica si bibi ; ni itegeko. Turashima rwose Ingabo z'igihugu zabyirukanye, zikabitsinda. Abo bicanyi, kubahana birakwiriye ; kubacira urubanza rubakwiye ni byiza bapfa gukulikiza aliko amategeko y'ubutabera.

Turagaya kandi duciye n'abafasha abo bicanyi, ali ukubafasha ku mugaragaro, ali ukubafasha rwihishwa ; ababatiza umulindi cyanga ababihorera ; ababafasha ku bundi buryo bwose ali mu gihugu ali mu mahanga. Ababafasha mu byo kwica abandi, baba bacumuye mu bikomeye ku Mana. Nuko rero twavuga yuko abakura amafranga mu Gihugu bayohereza abicanyi, cyanga bagatuma abandi kuyabatangira, ngo azabafashe gutera, baba bagize nabi ; bakwiye no kubihanirwa. Twavuga yuko abahitisha amabanga y'igihugu, abagambana abacumbikira abicanyi, ababatunga, ababahisha, ababafasha ku buryo bwose, ngo bazabashe kugira nabi, baba bagize nabi ; ubwabo bakwiye no kubihanirwa.

Twavuga yuko abatuma amabaruwa inyuma, abayinjiza mu gihugu, abayatanga n'abayasomesha, kandi afite isano n'umutwe w'abicanyi ; bagira nabi kandi bakwiye kubihanirwa.

Twavuga yuko abaresha inama, zaba nto zaba nini, ku mugaragaro cyanga rwihishwa, bavugamo amagambo yo kwozeza ibitero, kubyishimira cyanga kubitegulira ; nabo baba bagize nabi, bakwiye kubihanirwa.

Twanze kandi duciye iyo migilire yose, tumaze kuvuga ; kandi abakristu bose babimenye neza, babishyire ku mutima ; babimenyeshe n'abandi. Turasaba kandi ko umukristu wese yakwibaza atiryarya kandi akomeje. Turasaba yuko umukristu wese yatekereza, akiumvisha ububi buli muli ibyo byose tumaze kubabwira.

L'Evêque taxe les Inyenzi de communisme, des gens qui ne respectent pas Dieu et ses commandements. Ainsi, il les invite de se réconcilier avec Dieu en demandant pardon de tout ce qu'ils ont fait qui sont à l'encontre de ses commandements. Il utilise ces termes :

« Turasaba yuko umukristu wese yagira ubutwali n'umutima byo kureka iyo migilire mibi, ituka rwose Imana ; turasaba yuko umukristu wese yabisabira imbabazi mu Isakramentu rya Penetensiya, akemera igihano cyose umu saserdoti azamuca, kugira ngo abashe kwigorora n'Imana y'ubutungane, y'ukuli, y'ubutabera, y'amahoro, y'urukundo ».

Discours du Président aux membres du parlement à l'occasion de la prestation de serment des membres du gouvernement. Il est revenu sur l'attaque des Inyenzi de décembre 1963

Lire, « Diskuru ya Nyakubahwa Prezida wa Republika yavugiye mu nteko inshinga amategako mbere y'irahira rya Ministri », in Kinyamateka, no 9, de mars 1964, p. 3

Dans son discours, le Président de la République est revenu sur plusieurs points de la vie nationale, mais le point qui a pris surtout son temps est la question concernant l'attaque

des Inyenzi au mois de décembre 1963. Il a expliqué aux personnes qui étaient là qui sont ces Inyenzi, quelles sont les régions qui ont été touchées par ces attaques, d'où est-ce qu'ils sont venus ces Inyenzi, quel a été le sort des personnes arrêtées, la situation du moment après ces attaques, etc.

Tous ces points ont été développés par le Président et le texte de son discours a été publié dans son intégralité dans le journal Kinyamateka. Dans ce discours, il est remonté dans les années 1959-1960 pour faire comprendre au public l'origine de cette attaque :

« Muracyibuka ko muri 1959 na 1960 abanyarwanda bamwe cyane mu gihe cy'abatutsi bahunze Demokrasi bigira Inyenzi. Mu minsi ya nyuma ya Desembri balikoze nijoro bagendera ku byifuzo bali bafite i Bugesera, bagera hafi y' ikiraro cya Kanzenze tumaze kuzuzura kuli Nyabarongo.

Bimenyekanye ko bafite intwari za kizungu, Garde Nationale iratabara ibakubita incuro imwe ibasubiza i Burundi, yisasiyemo benshi abandi ibagira imfungwa. Ubundi bucu bwali bwiremye ku mipaka yindi, bwumvise ko abapfundiye i Bugesera batsinzwe, baseta ibirenge ndetse abenshi basubira inyuma. Ubwo nibwo Leta yiyemeje gufata abali bihaye kuba baba ibyitso by'inyenzi, ibashyira mu gifungo ngo batagilira nabi abaturatione balikumwe nabo. Ubu ab'amakosa mato baroroherezwa. Abandi baracyalimo bategereje urubanza.

Kugira ngo rubanda rwikundiye Demokrasi no gukorera amajyambere yarwo, rutarakara bikabije kuli bamwe mu batutsi, bataremara ko Demokrasi ari yo izaba umuco w'Afrika, Prefegitura yagiye itumamwo Ministri wo gufasha Prefe n'abakorana nawe. Muzi ko abaturatione benshi barakajwe n'ubugome bw'abasazi bayobora inyenzi ngo ibitero byabo bitinze amajyambere y'igihugu.

En analysant le sens du dernier paragraphe, on comprend très bien que le Président légitimait les tueries et autres violences commises par la population Hutu sur leurs voisins Tutsi. Au lieu de condamner ça, il dit qu'ils étaient entrain de défendre la démocratie obtenue en 1959. Il accusé ces « Inyenzi » de tous les maux et dans son discours il a été très cassant, il est même arrivé à les insulter en les appelant des fous. Il utilise ses termes :

« Muzi ko ngo icyo abo basazi bakoneje cya mbere na mbere ali ugusesa Let aya Kayibanda, kunaniza Garde Nationale, gukuraho ibiraro bili kuri Nyabarongo hafi ya Kigali ; kandi ngo bakoresha gutera buli gihe ku mipaka yose, bafatanyaga n'ibitso bashakaga mu bice byose, mu banyarwanda no mu bazungu. Bakadindiza Université ya Republika. Ibyo byose ni amafundo akomeye y'amajyambere ya Republika, aliko, gukorera inyuma y'igihugu ntawe bihira. Uretse ko ibyo batazabishobora, hali andi mapfundo badashobora kumenya, niyo bagira ibitso ibihumbi ijana.

Les Inyenzi ont été taxé du communisme : Selon Kayibanda, ces derniers ont cherché un appui auprès des pays communistes et il dit malgré cela, ils ne pouvaient pas avoir beaucoup d'amis plus que le gouvernement rwandais. Il ajoute qu'à part le Burundi, les autres pays de la région avaient promis le gouvernement de le supporter dans ce combat contre les attaques venues de l'extérieur. Il dit ceci :

Gufatanyaga kwabo n'ubukomunisti nta bwoba byatera ; uretse ko ababurwanya ku isi alibo benshi, nabo balishukaga ubwabo : Ubukomunisti si bo buharanira, baba gusa ibikoresho bizaserebera vuba vuba. Uretse u Burundi ku mpamvu mwese mwiyumvisha, ibindi bihugu balimo byatwemereye ubucuti, kandi byarabugaragaje nk'ubugande na Tanzaniya, ndetse na Kongo. Muzi uko Inyenzi zitwengeye imipaka hasubiraye ngerere. Hasigaye n'igihe gito tukaba tuzi imideli yose y'intwari za kizungu bashobora kuba bafite ».

Discours du Président de la République adressé aux enfants Tutsi

Article intitulé « Ijambo rya Nyakubahwa Prezida wa Republika : Ubutegetsi ni Demokrasi », in Kinyamateka, 32^{ème} année, Avril 1964, no 15, p.3

Le Président Kayibanda s'adressait aux enfants Tutsi. Dans son discours il est revenu sur les causes de la « révolution » de 1959 et les troubles qui l'ont suivie. Il a montré que cette « Révolution » est venue sauver le pays qui avait déjà tombé dans un gouffre. Quant

aux tueries de 1959 et après les attaques des Inyenzi, Kayibanda souligne que c'est un mensonge, qu'il n'y a pas eu de tueries comme tel, il dit que si les Hutu auraient réellement voulu tuer les Tutsi, il ne resterait personne. Il utilise ces termes :

« Bana b'abatutsi,

Mumaze kubona aho u Rwanda runyuze guhera cyane cyane muli 1956, ruciye ku kiliba cya Mutara, ruvuye mu mwobo Ndahindurwa yaruroshyemo. Muzi mutirengagije ibyago u Rwanda rwagize cyane cyane muli novembri 59 no mu ntangiriro z'uwa 60 : alibwo Demokrasi yarwanaga n'ubuhake, alibwo Gashaka-buhake Ndahindurwa n'abagaragu be barurohaga mu gisimu kibi, bikabyara impunzi, inyenzi n'intambara n'abapfakazi.

Mwabonye uko twakuye u Rwanda mu gisimu Gashaka-buhake Ndahindurwa yarutayemo yihungira, tukaruha Demokrasi, n'ubwigenge n'amahoro. Murareba ibyo Let aya Republika imaze gukora nyuma y'ubuhake, ndetse na nyuma y'Independansi : biragaragara, ni byiza. Dukulikiranye kubyuzuzwa.

Mwabonye impagarara tuvuyemo zitewe n'ubukubaganyi n'ubugome bw'impunzi z'Inyenzi : abaturage b'i Nyamata barabizi, ab'i Bufundu barabibonye : nimubishyire k'ubugome bw'akarande buli muli kamere y'ubuhake. Gashaka-buhake n'abagaragu be bahunganye nawe, ntibarareka gucukura igisimu cyabo cyo muli novembri 59. Barabigaragaje ejo bundi.

Babonye na none tubibalinze bacura ubundi bugome : baradusebya baratubeshyera mu magazeti ngo twamazeho abatutsi mu Rwanda. Cyo nimumbwire mu kuli : iyo Gahutu aramukana ubugome bwo gutsemba abatutsi biba byaragombye kugendera ku bitero by'inyenzi ? Ubwanyu bamwe ntimubyivugira muti : 'Iyaba ali abatutsi batsinze nta muhutu uba akiliho keretse uwemeye ingoyi cumi z'ubuhake » ?

Le Président Kayibanda demande alors aux jeunes Batutsi de suivre et d'obéir les nouvelles autorités Hutu. Que ce qui s'est passé pour les Tutsi de Nyamata après les attaques des Inyenzi soit une leçon pour eux. C'est comme si ils les avertissait de soit obéir, sinon ils subiront le même sort, c'est-à-dire, être tués ou allés en exil :

« icyo dushaka twakibabwiye muli diskuru yacu yo kuwa mbere Yuli 1963 : Nimuhumukire Demokrasi, mukulikire umuco mushya w'u Rwanda, icyo dushaka n'ubuvandimwe ku baturage bose. Uko muzabidushobokeramo tuzabatsindisha impuhwe n'umuco mwiza. Nimunanira umuco mwiza muli Demikrasi ntimuzagire uwo muveba. Muzi ko Gashaka-buhake Ndahindurwa na Rukeba n'inyenzi zabo bakifuzza ko mwamera nkabo : uwagizwe impunzi n'ibitero by'i Nyamata ubu mbese amerewe neza ? Ubu amerewe neza kurusha uko yarameze mbere y'iby bitero by'Inyenzi ? Cyo nimuzilikane mwisubize mutishuka » !

Concernant la questions ethnique, le président a souligné que son gouvernement veut unifier tous les Rwandais, Hutu, Tutsi et Twa. Il lutte pour la paix, le développement et la démocratie pour tous les Rwandais. Quant à la question des réfugiés, Kayibanda dira qu'il n'a jamais cessé de lancer un appel à eux pour qu'ils rentrent dans leur pays à condition de rentrer dans la paix, non pas avec des armes :

« icyo duharanira ni ubuvandimwe nyabwo mu banyarwanda bose n'amajyambere ya demokrasi ku baturage bose ba Republika. N'ab'impunzi nta gihe tutababwiye ko bashatse kugaruka bagaruka, bapfa gusa gufasha intwari hasi no kureka amatiku n'urugomo n'ubuhake. Twabibabwiye tweruye mu matangazo menshi twavuze yerekeye iby'impunzi n'ubugome bw'inyenzi : Ejo bundi ho twanazisobanuriye ko zifasha abadindiza amajyambere y'Afrika yigenga ».

Président Kayibanda rappelle aux jeunes Batutsi que la féodalité n'a plus de place au Rwanda, que les républicains gagnent de plus en plus le terrain en Afrique au détriment des régimes monarchiques, que la lutte pour le pouvoir en utilisant les armes n'est pas la meilleure voie, qu'il faut plutôt utiliser la voie démocratique. Que cette voie de guerre choisie par Kigeli et ses alliés ne peut conduire les Tutsi que dans le gouffre. Il invite alors les jeunes Tutsi de ne pas tomber dans le piège de Kigeli et ses complices :

« Siniliwe mbasubiliramo, Bana b'abatutsi, ko ubuhake bwashize, k'ubwami bugenda bushiraho ku isi yose, ko demokrasi aliyo ntego y'Afrika yigenga y'isi yose, ko

gukoresha kurwana ali ubucucu no kuva kera ; ndagira ngo gusa mwilinde uliya mudeli mushya wa Gacumbabuhake Ndahindurwa n’inyenzi ze : ubwandiko bwa bwa rwihishwa buraganisha mu rwobo twali tumaze gukuramo abemeye demokrasi ».

Dans son discours le Président Kayibanda est cassant, il avertit les jeunes Batutsi que ces tracts qui viennent au Rwanda et qui circulent entre les Batutsi sont très dangereux pour eux. Que ceux qui seront attrapés avec ces tracts seront punis sévèrement. Il ajoute que les contenus de ces tracts sont mensongers :

« Ubwo bwandiko babasesezamo rwihishwa, ba Gacumbabuhake Ndahindurwa n’inyenzi ze, bufatanye n’ibinyoma bakwiza hirya bizabagwa nabi. Hali naho bagiye gukwiza impuha mu bakuru ba Kiliziya gatolika b’i Roma, ngo Leta y’u Rwanda yabambye Musenyeri Bigirumwami ku musaraba, ngo umuhutu wese ubonye umwanya akajya kumujomba igikwasi ? Ngo Let aya Republika yishe Padri Gasore, ngo itsinda Padri Kagame kuli Altari ! Mwese ntimubona abo banyacyubahiro hirya no hino bidagadura mu milimo yabo? Ndetse tutabifuliza gukomeza gukora imilimo ya Kiliziya y’Imana. Ngubwo bwa burozi na cya gisimu cyo muli 59. Ngibyho ibili ku ruhande rw’inyuma ha bwa bwandiko babasesezamo rwihishwa.

Naho kubyerekeye ukwemera-dini kw’Abategetsi b’ingero zose dufatanyije kuyobora u Rwanda, Gacumbabuhake Yohani Baptista Ndahindurwa n’inyenzi ze barata igihe cyabo: ntitwemejwe no kunezeza abazungu cyangwa gusangira nabo. Tuzi icyo twemeye, n’aho cyitaruriye ibyo gutwara isi. Ntabwo ukwemera kwacu twakugurana ibicumucumu byo gutera I Nyamata, cyangwa ngo tugusake mum u bazungu b’ingegera z’ababuramana nka ka Vuillemin katorotse I Butare kamaze gusanga kashutswe n’inyenzi kuvuga impuha ».

Sur ce problème des tracts qui circulaient dans le pays, Kayibanda conclut son discours sur points suivants :

« Bana b’abatutsi, ndababwira mu magambo make ibyerekeye uliya mudeli mushya w’ubwandiko Gacumbabuhake n’inyenzi ze babasesezaho. Abaguye mu gisimu cyacukuwe na Gacumbabuhake balimo ibice bitatu :

1. Abazahitamo bakishakira gutura mu bihugu balimo, nibatureyo, bagwire, bagire Imana : Isi yose n'iya twese.
2. Abazahuka barwana (barwanisha imbunda, imiheto ubwandiko rwihishwa, gusebya no kubeshyera Leta y'u Rwanda) bazahura n'ubutwali bwa Garde Nationale aliyo Basilikare b'u Rwanda : uli inyuma y'igihugu aba ali inyuma, kandi gutera intambara ni ubucucu.
3. Abazahura bishakira amahoro, no kugaruka mu mahoro, muzabakira, abaturage mwese mubafashe kwicara neza muli demokrasi.

Naho mwebwe muli mu gihugu nimuhumure : abagihumye bahumuke bemere demokrasi kuko aliyo Afrika igamije ; abahumutse ; nimuhumure, turabashima, musigaje umulimo wo kudufasha guhumuliza abo bandi, mubumvisha ko ubuhake na cyami byazigurutswe kera. Bamwe muli mwe bali mu milimo ya Leta : nimwitange mushimwe n'abakoresha, ni ukuvuga abakuru banyu na rubanda. icyo mubona ko kitaratungana mukivuge kuko tuli muli demokrasi. Tuli abanyarwanda twese, aliko sinshaka ko ab'abatutsi bananira ubuvandimwe ».

Kigali, kuwa 29 marsi 1964

Condamnation de l'attaque des Inyenzi par le journal Kinyamateka

Lire : « Inyenzi nizitsindwe n'ubunyenzi bwazo », in Kinyamateka no 38 de novembre 1966, p.1

Selon l'éditorial de Kinyamateka, les « Inyenzi » n'avaient aucune raison d'attaquer le Rwanda. Le journal dit que cette attaque n'a fait que ramener l'insécurité, la méfiance entre les Hutu et les Tutsi. Par ailleurs, l'insécurité causée par ces Inyenzi faisait que les pays les pays amis qui avaient commencé à accorder des aides et prêts les ont arrêtés à cause de cette guerre civile. Le journal le dit en ces termes :

« Ku italiki ya 28 Octobri 1966, ni ho inkuru yatangiye gusakara mu gihugu, ivuga ko Inyenzi zongeye gutera. icyo gihe bavugaga ko zateye mu bice bitatu by'u Rwanda ku

nkiko z'u Rwanda n'u Burundi. Dore aho zateye : mu Bugesera, muli Komini Nshili ho muli Prefegitura ya Butare no mu Bugarama ho muli Prefegitura ya Cyangugu.

Le journal se pose quelques questions sur les mobiles qui ont poussé les Inyenzi à organiser ces attaques et leurs conséquences :

« - **Inyenzi zitumye iki mu by'ukuli ?**

Urebye nta kindi wasanga zitumye kindi kitali ukubuza u Rwanda amahoro, kuko kwigarulira ubutegetsi byo zitakibishoboye n'aho zakwikubita hasi zikabigira ijana. Ubutegetsi buliho, abatwemeze barabwemeze byararangiyeye ;

- **Guteza impagarara**

Ubundi icyo inyenzi zishaka, icyo zisigaye ziharanira, ni ukubuza u Rwanda amahoro, imidugararo ikaba yose, bityo ibihugu byo mu mahanga byabona duhora mu mahane no mu ntambara, bikajya byanga kuduha imfashanyo, abakungu baho bafite amafranga bakanga kuza gucuruliza mu Rwanda , abandi bakanga kuhohereza ibintu dukeneye byo kugura, kuko bazaba batakitwizeye.

Nicyo rero Inyenzi zishaka, zirashaka kuvutsa u Rwanda ibyiza by'amajyambere y'igihugu no gutuma rutizerwa n'amahanga yandi.

Kinyamateka décourage finalement les « Inyenzi » qu'ils n'aboutiront à rien dans tout ce qu'ils planifient. Il dit qu'ils ont un appui de quelques pays à obédience communistes qui veulent instaurer leur idéologie en divisant les peuples. Kinyamateka dit ceci :

« Nyamara zikwiye kwitonda kuko ntacyo bizazimalira. Izo nyenzi zifite ibihugu bizifasha, ibihugu bikeya ku isi, aliko bikaba byarazobereye muli politiki yo guteranya abantu, gutuma bacagagurana ngo bibone uko bizamura politiki yabyo muli Afrika. (Politiki ya Gikomunisti) ».

Kinyamateka décourage alors les Inyenzi, que l'armée nationale est toujours prête à stopper et à anéantir toute attaque dirigée sur le sol rwandais. Par ailleurs, Kinyamateka interpelle le gouvernement à avoir un esprit de discernement lorsqu'il s'agit d'arrêter les

Inyezi et leurs complices. Selon Kinyamateka, il ne faut pas arrêter des personnes innocentes. Il dit qu'il peut y avoir des règlements de compte, des jalousies, des conflits fonciers, où des personnes peuvent compromettre leur voisins en les taxant des Inyenzi ou leurs complices, afin qu'ils soient condamnés ou tués parce qu'ils ne partagent pas le parti politique et par conséquent, ils ne vont pas les voter le jour des élections. Il dit que tous ces problèmes ont été observés dans plusieurs régions du Rwanda, c'est pourquoi Kinyamateka interpelle le gouvernement de ne pas tomber dans le piège de l'ennemi :

« Inyenzi rero zigomba kumenya ko ibyo bishuko bizazilimbura, kandi abazishuka bagasigara bigaramiye.

Abategetsi bakuru, kimwe n'abasilikare b'igihugu bali maso kandi bafatanyilije hamwe kurwanya icyo cyorezo cy'inyenzi kibuzwa u Rwanda amahoro. Uwo mulimo wo kurwanya inyenzi, abategetsi bakwiye kuwukorana ubutabera, bakareba niba abavugwaho ubunyezi, cyangwa se ubugambanyi bwazo alibyo koko, bagakulikirana ibimenyetso nyakuli bibemeza ko batabeshyerwa, kubera ishyali, kubera inzika n'isambu. Hali n'abashobora guhimbira abandi bakeka ko batazabamamaza mu itora litaha, hanyuma bagashaka kubikiza babinyujije muli iyo nzira yo kubicisha ngo ni inyenzi. Ibyo byose byarabaye mu bice bimwe by'u Rwanda inyenzi inyenzi zagiye ziteramo mu bihe bishize. Ni cyo gituma abategetsi n'abasilikali bakwiye kuba maso, bakajya bareba neza ».

Kinyamateka réaffirme que les ennemis du pays doivent être punis d'une façon exemplaire, mais il demande qu'ils soient punis après avoir été comparus devant la justice. Pour ce qui est de la condamnation des femmes et des enfants, Kinyamateka dit que l'on doit être prudent pour que soit emprisonné ceux à qui on a des preuves tangibles qu'ils font partis des « Inyenzi » ou leurs complices :

« Natwe twifuzwa ko umugome wese ugambanira igihugu, ugiteza intambara, abihanirwa ku buryo bukwiranye n'ubugome bwe. Aliko bakabigira amaze gucirwa urubanza kuko aliko bigenda muli Demokarasi. Ku byerekeye gufunga abagore n'abakobwa bakekwaho ubugambanyi, ni ukwitonda umuntu akareba ko bafite ibimenyetso by'ubugome koko ».

Yohani Baptista Gahamanyi «Ijambo ry’umwepiskopi wa Butare: Nimuvune amahoro», in Kinyamateka 35ème Année N° 1, Janvier 1967, p. 1 (Responsable du journal était : P. MAIDA)

L’un des articles qui montrent le rôle de l’Eglise, surtout l’Eglise Catholique. Dans son article, Gahamanyi voulait montrer que ceux qui ont attaqué le pays n’avaient de raisons de le faire et qu’ils voulaient détruire les espoirs de paix dans notre pays:

«Ayo mahoro, hali bamwe benda kuyacubanganya!! (...) Koko lero, kuli ubu haliho ibice by’abantu bafashe intwaro, bakenyereye kwiroha mu gihugu cyacu rwanyakiboko. Abo bantu, uko bakanze kwemera ubutegetsu bushingiye ku mategeko, uko bagakunze kwirengagiza ko igihugu cyacu cyiyunguye undi muco, uko bakarangaye bakayoberwa intambwe ndende tumaze gutera mu majyambere, abo bantu ni bo bakenyereye kutugaruza umuheto mu bujiji bw’umuco washaje.

(...) Ibyo bitero n’intwaro zabyo birashaka gusenya amahoro twari twifitiye, kugirango abantu bicane, imiryango isubiranemo, ubutindi butwokame, ku mubili na roho budasize na bene wabo basigaye mu Rwanda.

(...) Hari n’abandi basangiye icyaha n’ibyo bitero.

- Nk’abatura-Rwanda batulimo, bagafasha ibyo bitero by’abagabo, n’abagore, n’abakobwa, bakabyakira, bakabihishira, bakabiyobora, kandi bazi ko bigenzwa n’ubwicanyi;
- Nk’abatura-Rwanda batanga intwererano zo kugura intwaro z’ubwicanyi, no kuzinjiza mu gihugu rwihishwa;
- Nk’abatura-Rwanda bagemulira ibyo bitero, bakabitungisha ibintu bivuye mu masoko yacu;
- Nk’abatura-Rwanda bayobora ibyo bitero bakabyereka amazu y’abategetsu n’amashinga y’ubutegetsu;
- Nk’abatura-Rwanda babirangira ingerero n’ibyerekezo by’ingabo z’igihugu;
- Nk’abatura-Rwanda basenya amateme, kugira ngo ingabo z’igihugu zibure inzira yo gutabara vuba...

(...) Abo batura-Rwanda biyanguhira bakanguhira n'igihugu, abashinzwe ubutegetsu bw'igihugu n'amahoro yacyo nibabahiga, bakabagilira inabi bakwiye, ntibizitwe urugomo cyangwa akarengane.

Ntituyobewe ko ikibazo cy'impunzi kitarashira. Kiracyali idadi kandi kirababaje. Aliko ubugira-nkana bw'impunzi zishaka kwiroha mu gihugu ku ngufu, si bwo buzakirangiza. Ahubwo ga bushobora kukidindiza no kugiheza uruhenu.»

Dismas SEBAGANWA, « Ibyitso by'inenzi mu Rwanda », in Kinyamateka 35ème Année N° 4, Janvier 1967, p. 2

L'auteur fait allusion aux massacres des tutsi sans le dire directement. Il dit plutôt qu'il fallait tuer les personnes qui aident les «Inenzi». Il appelait ces personnes «Ibyitso»:

« Hasigaye haboneka mu baturage bacu b'abavandimwe bivanga mu bitero nk'ibyoy, ndetse bakajya n'imbere y'ibyoy bitero nk'uko byagenze bajya kwica juye Shyirambere. Bene abo bihisha bitwa iminagakumwe batungira agatoke inenzi bakwiye gucirwaho iteka bagapfa bunenzi nabo.

Abishimira inenzi cyanga bagakina ku mubyimba impunzi z'abahutu ngo n'abo ntibabona, nabo bakwiye kubarwa mu nyenzi. »

Le même auteur, Dismas SEBAGANWA, « Inenzi zabaye icyago » in Kinyamateka 35ème Année N. 9, Mars 1967, 1 p.

Cet auteur était pour que toutes les personnes qui aident les Inenzi soient aussi tuées:

« Inenzi ni umuntu wese ufite muli programu ye kuba yalimbura ikitwa umuparmehutu cyose. Inenzi ni umuntu wese ugerageza kudindiza imizamukire y'abaturage, inenzi byuzuye ni impunzi zîrema zigafata intwari zikava aho zahungiyeye ziteye u Rwanda, kwica no kunyaga no konona amahoro y'abaturage.

(...) Ubu inyenzi nta kindi zigishaka kitali icyo zakwihera Kabagora (Inda). Nta mwami zikirwanira kuko nta gakuru ke zikizi, nta butegezi zirambirijeho kuko ziziko busigaye butangwa na rubanda mu biro by'itora...

Par ailleurs, le journal dit qu'il ne faut pas appeler tout le monde Inyenzi, parce que celui qui est accusé de ce deli était directement tué:

«Tumaze kubona ko inyenzi zikiliho kandi zonona cyane, tumaze kubona ko ufatiwe mu nyenzi agomba gupfa. Tugomba rero kureba neza inyenzi no gutandukanya ibyaha bisanzwe muli bene muntu n'ibikorwa by'ubunyenzi. Tugomba kwilinda kwitana inyenzi. »

« Inyenzi zituli nabi» Kinyamateka No 36 desembri 1968, p.2

D.Sebahanwa, Kibeho, aragira ati: « Bavandimwe batura u Rwanda, tilifuzza kubaganyira akaga duhoramo kandi duterwa n'abanzi b'amahoro ali bo Nyenzi. Muli Prefegitura yacu ya Gikongoro, ku mipaka yose y'u Burundi nta gihe tudaterwa n'abo babisha, aliko nneho barubiye. Izo nyarwanda zabanje kuvumbuka muri Komini Nshili zirahatsindirwa cyane, tubona ko zitazongera kurota inzira yerekeraga ino. Bwo hali muri 1966. Iyo ntambara abasore bacu bayerekaniyemo ubushobozi n'ubwo itabuze guhitana byinshi n'abaturage batabalika ngira ng murabyibuka ko ariyo yahitanye Juji Eliyasi Shyirambere.....cyane cyane aho bikomereye ubu ni muri Komini Kivu na Mudasomwa. Aliko muli Kivu ho ni abaguhabwa amasengesho. Hamaze kugera ibitero 6 muli ibyo bitero hamaze kugwa abantu benshi inka amagana n'intama n'ihene n'amazu ashya ntibibalika. Ibyo byose abaturage bakomeje kubyihanganamo bemera guhora muli ako kaga ko guhingira ubusa no kwororera ibyo birura ubudatuza. Zakoze amabi menshi, aliko igikorwa gihurutse muli iyi minsi kirasogesheje. Ziherutse gutega imodoka y'abacuruzi yavaga mu Kinyaga muli prefecture ya Cyangugu, iyo modoka bayiteze amasasu, aya asanzwe ategwa imodoka mu ntambara. Imodoka yamaze gukubita imipira kuli ayo masasu aratulika, imodoka ijya mu birere iliyesa, ubwo niko andi masasu y'inyenzi zali zihishe yavugaga, ubwo ni bwo zahise zishoka mu mifuka zitwara

abakobwa balimo n’abagabo bake zifata iyarweyera zigana ibihuru byazo zisiga intumbi mu muhanda. ...Ikibazo cy’inyenzi kizarangira ryali? Kizarangizwa na nde? Ngibyoye ibibazo by’ingenzi ubu twebwe twibaza, ubundi inyenzi twali tuzi ko inyenzi ali impunzi zali I Burundi zigaruka guhungabanya amahoro none birajya bigaragara ko no mu gihugu haboneka ibyitso by’abaturage b’abahutu n’abatutsi. Nawe se baba abava inyuma bonyine bakamenya bate aho ibiraro by’inka bili, aho abasirikare baganditse, n’andi mabanga y’igihugu. Balimo rero kandi kubamaramo ntibizashoboka n’inzangano zili hanze aha? Naho abaturanyi bacu b’abarundi zimbashira amakenga. Izo nka ibihumbi n’uduhumbagiza zigulirwa he? Ayo mafaranga dutwarwa aherera he? Izo nyenzi iyo zivuye gusahura zitaha he? Jye ndabona ikibazo cy’inyenzi kizarangizwa n’uko abarundi buzuye n’abanyarwanda, kandi abaturage bacu baretse kugambana no gukurura abo babisha no kubatungira agatoke...ikibazo cy’inyenzi kizashira umunsi abaturage baretse amahali, inzangano zikagabanuka, aliko rero ntibyoshyeye....Ikubise mukeba! Nagira ngo menyeshe bene wacu akaga abavandimwe babonye».

Théodore SIMBURUDALI, « Impunzi zisiganirwa » in Kinyamateka 49^{ème} Année N 1144-1145, Décembre 1982, p. 5

Les mêmes réfugiés n’avaient personne pour les recevoir à la frontière :

« Ikibazo cy’impunzi ziturutse muri Uganda kiracyari ingutu kuko kugeza ubu u Rwanda rutarempera ko abo bantu ali abarwo.

Uganda nayo ntiyahinduye imigambi nyuma y’imishyikirano yabereye i Gabiro kuva ku italiki ya 23 kugeza ku ya 27 Ukwakira 1982. Baravugaga ngo icyagezweho gishimishije i gabiro ngo ni uko Leta y’u Rwanda yiyemeje guhagalika abo bantu ntibongere kuza. Nyamara ni ukwihenda ku mugani w’umurundi.

Ubwo duheruka mu Mutara ku italiki ya 25 ugushyiraho 1982 twamenye ko impunzi zikiza atali nkeya kandi twumva ko hakurya abo Banyarwanda bagitotezwa, bagitwikirwa, bagakubitwa, bakicwa urubozo. Ikibabaje ni uko n’u Rwanda rutakili igihugu cy’amahungiro. »

Théodore SIMBURUDALI, «Impunzi zaturutse muli Uganda», in Kinyamateka 49ème Année N 1141, Octobre II 1982, p 1

Ces réfugiés avaient passé beaucoup de jours à la frontière, et personne ne voullait pas les recevoir:

«Leta ya Uganda iti 'Nta Munyauganda wahunze kuko nta mpamvu yo guhunga Uganda'. Leta y'u Rwanda iti: 'Si Abanyarwanda kuko abo bantu bagumye ku butaka bwabo imbibi za gikolonizi zikaba ali zo zabashyize kuli Uganda, batoreye Uganda kuva myaka na yindi n'ubu bafite indanga-muntu zaho'.

Hagati aho Leta y'u Rwanda irakora ibyihutirwa kwakira impunzi, kuzishakira aho ziba zikinze, kwitabaza imiryango y'abagiraneza ngo bazigobo mu gutanga: ibilibwa, imiti, ibyambarwa.

Aliko nitwakibagirwa ko u Rwanda rufite ingorane rwisanganiwe: abaturage benshi ku butaka butoya. Amaherezo? Impunzi ni ugusubira iwabo.»

La question des Mercenaires de SCHRAMME

Dans la rubrique dit : « Nos problème et ceux des autres. C'est l'homme qui fait l'histoire, le progrès et le développement en se faisant Lui-même.... »

Déclaration du Président Kayibanda relative aux Emissions de l'agence Congolaise de Presse sur les Mercenaires de Schramme » (**Kinyamateka, No 1, Umwaka wa 36, Kabgayi, Yanuali 1968, p.6.** (N.d.l.r. A la dernière minute nous apprenons par la Radio que le Congo Kinshasa a rompu les relations diplomatiques et toutes les conventions existantes entre les pays. Cette résolution a été prise par le Gouvernement Mobutu suite à l'affaire des mercenaires.)

La Radio Rwanda a demandé au Chef de l'Etat Rwandais, ce qu'il pense des déclarations du Président du Congo dont a fait état hier l'Agence Congolaise de Presse..

« La question des mercenaires refoulés du Congo et détenus au Rwanda, a fait dire au chef de l'Etat Congolais des paroles regrettables, s'il faut en croire l'agence congolaise

de presse. Le Président Mobutu menace de rupture diplomatique avec le Rwanda, de rupture des conventions avec le Rwanda, de refus de participation à la conférence de l'OCAM devant se tenir vers la fin de ce mois. Quelques qualifications à l'égard du Rwanda sortent de la bouche du premier congolais de l'histoire actuelle du Congo.

1. Par exemple là où le Rwanda est qualifié de protecteur des mercenaires, on peut se demander ce que le General Mobutu pense de lui-même quand il sait que c'est qui a recruté ces assassins, qui a décoré certains d'entre eux et qui par après n'a pas pu contenir leur soulèvement .
2. Là où le Rwanda est qualifié de bastion de l'impérialisme, on est en droit de se poser la question de savoir pourquoi la question du mercenariat par exemple est une question congolaise à l'origine, question que l'OUA n'a reprise à son compte que par solidarité et dont le Rwanda a à souffrir sans l'avoir créée.
3. Quand, suivant toujours l'agence congolaise de presse, le Président Mubutu croit que le Rwanda est un Malawi en son flanc, s'il faut considérer les situations et les dimensions géographique, on concluerait (sic) que ce nouveau Malawi se trouvera au flanc d'une énorme Afrique du Sud. A notre connaissance l'OUA, ni sa Commission ad hoc sur les mercenaires ne sait rien de sûr et de précis sur les gendarmes Katangais internés à l'Equateur.
4. Quand à l'assistance financière dont le Rwanda ne sait se passer, c'est là une vérité qui vaut pour tous les pays africains et principalement le Congo malgré ses richesses inexploitées. Quand le seraient –elles quand on veut perdre des semaines et des semaines pour répéter les insultes que les Inyenzi préfèrent débiter contre le Rwanda par le truchement du Dirigeant congolais ! L'erreur du Dirigeant congolais, c'est de mettre en relation de cause à effet l'assistance financière avec la position du Rwanda par rapport à la question des hommes de Schramme : position qui s'inspire du droit international, du bien du Rwanda et du bien même du Congo comme tout connaisseur du Congo peut le comprendre.
5. Quand aux leçons de sagesse politique du Rwanda, le Président congolais ne peut la minimiser aujourd'hui quand c'est elle qui hier, lui a sauvé la vie devant des soulèvement qu'il ne contrôlait plus. De plus le Rwanda croit qu'en politique, ni la menace, ni l'insulte pour des voisins ne produisent rien, mais au contraire une

négociation loyale, franche et respectueuse des points de vue du partenaire, cette négociation loyale est le fond même de l'esprit de la Charte de l'OUA.

6. Le General Mobutu parle « de haute trahison » de la part du Rwanda. Ce n'est pas par le bruit même débité par les agences de presse que le Chef congolais peut prouver sa fidélité à l'Afrique : qui a appelé Schramme et ses hommes en Afrique ?

Mais quand le Rwanda sauve la vie de Mubutu, quand la plaine de Kamembe (Rwanda) est mise à la disposition du gouvernement congolais pendant le temps nécessaires pour renforcer ses positions à Bukavu (congo), quand le Rwanda oblige les mercenaires à déposer les armes sur le sol congolais d'où ils fuyaient et qu'ils sont internés par nos Forces de l'Ordre, quand le Rwanda veut s'en tenir à une Résolution prise par l'OUA à Kinshasa même, quand le Rwanda aide la Commission d'enquête de l'OUA à établir l'identité des hommes de Schramme pour que chaque Pays de l'OUA les reconnaisse et empêche leur retour en Afrique, en quoi le Rwanda est-il infidèle à l'indépendance et au développement de l'Afrique ?

7. La déclaration du General Mobutu parle de pressions extérieures faites sur le Gouvernement Rwandais. On peut immédiatement penser que la diatribe de l'agence congolaise de presse prétend également de ces pressions ! C'est pour cela que , comme Nous déclarions dernièrement à Kampala, le Gouvernement Rwandais n'agit par aucune pression, pas même sur celle du Congo qui menace de rupture avec le Rwanda et avec l'OCAM. Du reste où vont les pressions extérieures ? Un grand pays riche tente plus les pressions extérieures qu'un petit pays qui présente peu d'intérêts matériels. Nous sommes un petit pays : tout le monde le sait et nous en avons la conscience : nous sommes grands cependant par le respect des conventions, par la stabilité et la cohésion de notre ligne de conduite, par la recherche d'une négociation loyale en vue de trouver une solution réaliste aux problèmes africains, dont celui du mercenariat entraîné par notre voisin qui a appelé en Afrique les hommes de Schramme.

En conclusion : la position du Gouvernement du Rwanda reste claire :

- a) Des les débuts de la chamaille entre Mobutu et Schramme, le Gouvernement congolais a demandé au Rwanda de laisser passer sur son territoire les mercenaires pour qu'ils regagnent leurs pays : ce que le Rwanda a alors refusé considérant que c'était une question intérieure congolaise, les mercenaires ayant été invité par le General Mobutu.
- b) Les hommes de Schramme Katangais et européens ont fui au Rwanda qui les a obligé de laisser les armes sur le sol congolais et qui les a interné depuis, sauf les gendarmes Katangais à qui on promet l'amnistie totale et qui sont retournés au Congo.
- c) La réunion de Kampala a décidé que sa décision soit tenue secrète : le Rwanda a demandé le motif de cette clause sans recevoir réponse satisfaisante, le Rwanda a déclaré en réunion qu'il émettait une réserve expresse à la décision de Kampala pour deux motifs : elle n'était pas en conformité avec l'esprit de la Résolution fondamentale du Sommet de Kinshasa sur les mercenaires, elle n'était même pas assortie de moyens pratiques et de garanties sauvegardant la tranquillité pour les deux Pays le Congo et le Rwanda. Le Rwanda demandait en conséquence que soient consultés tous les autres Chefs d'Etats de l'OUA sur la nouvelle décision : ce qui n'a pas été fait ».

Injustices durant le règne de kayibanda 1968

« **Mube maso** » **Kinyamateka, No3, Umwaka wa 38, Kabgayi, Yanuali 1968, p.1.**
 Rwanda tega amatwi abaturage bawe. Henshi balinuba akarengane, kutagira uwo batakira ngo abumve, abarengere. Basigaye bavuga ko kera, umutegetsi wo hasi, yakurenganyaga, ugatakira uwo hejuru, akakumva, akagutabaara, akakurenganura, ndetse akagushingana n'ibyo utunze byose. Ngo naho ubu, uragera ku mutegetsi wo hejuru wmutakambira ngo si we bireba!! Ukagenda ugapfa urwo wagapfuye. Ubu henshi baliniba akarengane, ndetse niba bamwe babivangamo no gukabya ntiturabimenya neza, baravuga ko akarengane kali ho ubu kenda gutambuka ako ku ngoma ya gihake!!! Rwanda rero suzum

icyo kibazo kitazava aho gihinyuza Demokrasi yawe, ukazatera rubanda kwifuza icyo banze!.

Démocratie ségrationniste de Kayibanda

«Umunsi wa Demokrasi wagenze ute???» Kinyamateka, No 4, Umwaka wa 36, Kabgayi, Yanuali 1968, p.1. Ku cyumweru, tariki ya 28 yanwari 1968 ni ho abakuru b'igihugu cy'u Rwanda n'abaturage benshi bateraniye I Kabgayi, kugirango bizihize ibiroli byo kwibuka umwaka wa kalindwi, u Rwanda rumaze ruyoborwa n'ubutegetsi bwa Republika bushingiye kuli Demokrasi. « Abantu bose bazi ko Rupublika yashingiwe I Gitarama ku wa 28 yanwari 1961». Perezida atangaliza abali aho mu biroli kimwe n'abaturarwanda bose, ijamba ry'uwo munsi. Muli iryo jambo rye, yibutsa uburyo uwo munsi wa Demokrasi watangiye kubaho ku wa 28 yanwari 1961, igihe Abarwanashyaka ba Demokrasi bahilitse ubutegetsi bwa Cyami n'Ubuhake bwose bwagendanaga n'iyi ngoma. Perezida aragira ati « Ku wa 28 Yanwari 61 uko u Rwanda rwali ruteye mu myaka y'imbere ari no mu y'imbere yahoo. Twasanze byali ngombwa ko kongre Nasiyonali ya Parmehutu, hamwe n'andi mashyaka yali ho, biteranira kuli iki kibuga, bagakora igikorwa cy'ingenzi nkicyo Parti yakoze kuli uwo munsi. Twakuyeho ubutegetsi bw'icyo gihe bwali bushingiye ku butegetsi bwa gihake na cyami byali byarabaye umuco mu bukungu bw'igihugu n'umubano w'abaturage, tubisimbuza ku buryo budasubirwaho kandi butazasubirwaho, kandi ku mugaragaro, Republika ishingiyeye ku muco w'ubutegetsi bwa Demokrasi, abaturage bari bamaze imyaka myinshi cyane, kandi kuburyo bwinshi bifuzwa, Demokrasi, ba demagogue bamwe basigaye babyitwaza ngo batwikire umudohoko muli bimwe, ngo berekane ko batataye umurongo, batwikira bwa bworonde nyine igihugu cyacyiye kandi kitazasubiramo»

Perezida Kayibanda, yaje no kumvisha ko kugirango igihugu gikore, kigomba kugira umurongo gikulikiza, ari wo Plan, bityo bigatuma Leta ikora umulimo rusange wo kuzamura amajyambere y'abaturage bose b'igihugu « Iyo Plan kandi ndavuga ingingo zimwe na zimwe igomba kureba kugirango abaturage bose bagerweho n'ubuzamuke, n'ubukire mu gihugu. Hali ubutegetsi bwa Politike, bugizwe n'ibice byinshi, ariko iby'ingenzi kandi by'amajyambere ni nka Parti y'igihugu, ni nk'ubutegetsi

bw'igihugu.....Haliho ibyerekeye amahoro rusange y'igihugu.....Ni igice cy'ingenzi mu majyambere y'igihugu cyacu, uburezi bw'amashuli mu nzego zose....Hali Ubukungu bw'igihugu, nk'ubuhinzi, nk'ubworozi, nk'amabuye ya za Mine, nka industrie, nk'ubucuruzi n'imali mu gihugu.....Hali imilimo y'igihugu, nk'amazu ya Leta, nk'amateme n'imihanda y'igihugu.....Hali umubano n'amahanga, »

Idéologie génocidaire du PARMEHUTU

«INAMA Y'ABAHAGARALIYE Parti Parmehutu: No 36 desembri 1968, p.4

Ku italiki ya 7 desembri mu Biro bya Parti Parmehutu I Kavumu muli Gitarama habereye inama y'abahagarariye Parti Parmehutu. Ingingo ya mbere yasuzumaga uko umurwanashyaka yarushaho gukorera amajyambere. Mu ngongo ya kabili, basuzumaga uko Parti ifatanyaga na Administration ziyitegekera, iyo ngingo yagize imhaka ndende, zali zishingiye ku bugongane bwakururwa n'ubwinshi bw'abarwanashyaka kuko bamwe basangaga umwanya w'abarwanashyaka y'amajyambere y'ingo udasobanutse. Depite Mulindahabi yerekanaga ko atali byiza kugwiza abarwanashyaka, hanyuma Ministri Kamoso n'umunyamabanga wa Leta muli Plan Bwana Hitayezu, bumvusha ko ubu bagitora abarwanashyaka b'ingo bo ku mirenge, noneho bazageza ku rwego rwa komini, bazahuza n'abarwanashyaka ba Parti, ntihabe ubugongane. Iyo ngingo yagize imhaka ndende, baza no kugeza ku kibazo cy'ubushakane, Prezida w'inteko Bicamumhaka yibanda kuli discipline y'ubushakane ishingiyeye kuli ideologie ya Parti: umuparmehutu akarongora umuparmehutukazi. Kubulyo bwo gutanga akazi muli Leta, we agashaka ko abatutsi bahabwa akazi mu rwego rw'amashuli bafite (grade reel), guhabwa imyanya yisumbuye (commissionements) bigahabwa abahutu, nabo bajijutse aliko. Iyi ngingo yatewe ahanini n'igitekerezo cya Depite Banzi agize ati:« uzi guhakwa niwe ntoni, naratsinze igasubizwa inyuma. Abatutsi n'ubwo halimo abaparmehutu, n'abahutu bibukwe. Umuhutu ashobora kubyimbya umutwe abitewe uko yanze guhakwa akabihirwa inota mbi, ntihagire andi mahuliro. Ubwo lero hakaba hali hakwiye ubulyo bwo kubonana, ukosheje akabimenyeshwa». Ministri Harelimana yali amaze gutanga igitekerezo Prezida Bicamumpaka yakiliye vuba, igitekerezo cyo gushing imimerere y'abanyapolitiki (statut des politiciens), kugira ngo boye kugongana n'abakozi. Prezida

Kayibanda yumvishije ko directives ziliho kuko Parmehutu yatanze itegeko nshinga na manifeste kandi ubutegetsi n'ubucamanza bikagira ibyemezo bya Parti bishobora gushingiraho. ...ibyo byarangiyeye, Secetaire executive Bwana Mpakaniye amenyesha abahagaraliye Parti n'abandi bali bahali ko hali ibitabo byo kwandikamo abali mu ishyamba bagahabwa amakarita, ndetse n'igitabo cyo kwandikamo abatanze umusanzu. Yanamenyesheje n'ikimenyetso cya parti, kikazakorwa nk'umudali, ulimo azagura, akajya awambara. Gikozwe n'amahembe atatu y'amabara y'ibendera ly'u Rwanda, ilinini likaba umutuku ushyigikira umuhondo ho gato. Mu ishyamba hakabamo ibara lisa n'icyatsi likagera ku ishyamba. Ayo mahembe atatu yerekana ubutegetsi, ibara litukura likerekana ko Parmehutu ishyigikiye ubwo butegetsi. icyo kimenyetso cyazamuye imhaka zitali ndende, abatabyemeraga rwose ni Depite Niyonzima kuko yasangaga n'abatali abaparmehutu bazatanguranywe kugura uwo mudali, ubwo abaparmehutu ba mbere kandi nyabo bagashobora kugira numero ya nyuma. Depite Milindahabi amwunganira avuga ko ibyo bitabo bizaruhanya kuko nta biro Parti ifite muli buli karere, kandi no ku kimenyera ntiyiyumvushaga icyo ibara lisa n'ijuru lihanura.»

Le partage des biens des réfugiés tutsi en 1968

SEMUSAMBI aragira ati: «**Urubanza rudasanze gitarama: Ni nde Uzatsinda, ali Leta cyangwa Umuturage iburanya ???**» Ku wa mbere tariki ya 5/2/1968 mu Rukiko rwa mbere rw'iremezo rw'i Gitarama, habereye urubanza rukomeye. icyo gihe Leta ikaba yaraburanaga n'abaturage batatu, umwe Pascal Rucamumakuba, Umuturage wo muli Komine Nyamabuye, undi Nkerabigwi akaba avuka muri Komini Mushubati, na Rwagahilima Gaspard wari Burgmestiri wa Komine Mushubati. « Muli 1964 bagabanye isambu y'impunzi » Aho hantu hitwa i Mwaka, muli Komini Mushubati, hateye imidugararo mu mwaka wa 1961, icyo midugararo iterwa n'abatutsi baho bali biremye ibico, batara abahutu, mbese ni kimwe n'uko inyenzi zagiyeye zibigenza. Cyangwa se uko byagenze muli 1959. Hali henshi abatutsi bagiye bashoza urugamba n'imidugararo, abahutu baza kubarusha amabako bagahungu. Aho hose, ahenshi cyane, amasambu y'izo mpunzi yaratanzwe. Abo batutsi b'i Mwaka bali bateje icyo ntambara rero, barahunze,

basiga amasambu.....Kuko icyo kibazo kimaze iminsi cyane, na nje narabijije bihagije. Ubundi bavuga ko, muli ako karere k'iwabo, hali umuntu w'umutegetsu ndetse warebye ubwiza bw'iyi sambu arebye n'ibyo ba Pascal Ruamumakuba bamaze kuyikoramo, asanga ali we yali ikwiye, niko guca hasi, asunika Ukwigize, ati « Regera iliya sambu uyiburane kandi humura nzagushyigira, maze numara kuyitsindira baliya bahutu ukayibasenyemo....Nyamara kandi ubwo na we ni muhutu ! Mbese nk'ubwo turagana he ? »

La politique ethnique du PARMEHUTU

Mw'ijambo rigufi (dans un extrait) dusanga muri **Kinyamateka No 16, Mai 1968, umwaka wa 36, p.3** G. Kayibanda, Président de la République du Rwanda, aragira ati : « Parmehutu yanga umurengwe usuzugura abagufi, ugashaka kubagira ibikoresho, aho kubafasha gutera imbere mu butungane. Parmehutu yanga ubutiliganya bwose, cyane cyane ubumeze nk'ubwa Lunari aliyo yigize inyenzi».

« Ijambo rya Prezida Kayibanda kuwa 1 Mai 1968 » Kinyamateka No 17 Mai 1968, Umwaka wa 36, p.4. « Impamvu y'uwo muni wo kuruhuka, mu byishimo, no mu biyizi, murayizi : ni ukwibuka agaciro k'umulimo n'agaciro k'umukozi wese mu majyambere y'isi....Ubundi nigeze kubabwira ko umuni mukuru w'abakozi ali umuni ukomeye kuli Parmehutu, nk'uko ali parti iharanira kuzamura rubanda rugufi. Wa gihutu we yavuyeho ; ubu kuvuga umuhutu bikwiliye kuvuga umuntu uzi gukorana umwete, n'ubwenge n'umurava, azamura urugo rwe n'igihugu cyeye. Uyu muni mukuru w'abakozi ubibutse iyo ngingo ikomeye y'Ishyamba rya demokrasi. Icyo nifuza ko mwishimira kuli 1^{er} mai y'uyu mwaka ni uko abaparmehutu bagenda babonekamo abakire, bafite amafanga batimajinaga mu myaka itandatu, ilindwi, icumi, itatu ishize.Ibyo ni byiza cyane kuko Parmehutu iharanira gukora kwa rubanda rugufi kandi igashaka ko bigenda mu nzira itagira akarengane , amatiliganya, uburyamirane cyangwa se ubugombe. Imibare n'ibindi bimenyetso byerekana ko abana ba Parmehutu bajya imbere....aliko umaze gutera intambwe yoye kwibagirwa ko abatarayitera nabo ali abaparmehutu bagenzi be mu majyambere.Icyo Parmehutu itazemera keretse yemeye kwisenya ni

ugukira mu mafuti....Parmehutu yanga umurengwe usuzugura abagufi ugashaka kubagira igikoresho aho kubafasha gutera imbere mu butungane.Parmehutu yanga ubutiliganya bwose cyane cyane ubumeze nk'ubwa Lunari aliyo yigize Unyenzi. Kandi rero abashukisha abandi amafaranga ntibashidikanye : baguye mu bunyenzi. Nibikosore bongere barebe neza : naho ubundi bataye rubanda rugufi, ndetse n'urwo baba bagishobora gushukisha imali bita nyinshi. N'abanyamahanga bafatanyije nabo, ntaho bali, aliko babarusha uburyarya n'ubukecanyi barabipakurura vuba bashwane, ubutiliganya buzananirwa, buyoberwe inzira bufatirwamo aliko tuzabuha igihe kuko tutali abahashyi muli politike kandi tuzarinda dusezara muli politike tutarabuha inzira yo kudindiza Demokrasi muli Republika. Ba Lunari mwongeye guhaguruka : si nkunda gutera ubwoba aliko kuba umubyeyi w'igihugu binteye kubabwira ngo : murae muje aliko noneho ni ubwa nyuma. Harya muzakoresha abahutu cyangwa abiyita bo ? Bazabatana nk'uko babatanye na mbere hose, mwese noneho mubuliremo. Muti : Ese bite kandi ? Buli muntu narebe umulimo awukore uko intego ya Parmehutu intego Demokrasi muli Republika ibishaka, uko rubanda rugufi rumaze kujijuka rubyifuzwa. Kubeshya bamwe ubagulira amafranga cyangwa imyanya, ntacyo bikimaze : ni demagoli ya gitutsi cya kera. Ku badepite ndashaa itegeko mbonamo ko, banamvugurujwe, baba bandushije kurengera rubanda rugufi rw'igihugu cyose. Kuli ba Ministre ndashaka umwete ushobora kwereka igihugu ngo kuli iyi ngingo y'amajyambere twungutse iki n'iki uyu mwaka. Ku bacamanza ndashaka ko bose bakwiyemeza ko amategeko yose asobanurwa ni ubushake bw'abaturage muli Revolution ya 59-60....Ku baturage bose ndashaka ko ubutiliganya banyana ruhemu n'umuco wa cyami....Ku bakorera amasosiyete cyangwa bandi baturage ntibibwire ko ishyaka rya Demokrasi ntacyo libarebaho. Abagiye haruguru nibibagirwa gufasha rubanda rw'imbasha bali kumwe, bazaba batujuje umulimo w'ishyaka. N'igihe bazashingira ubusendika bw'ukuli ntibuzasohoke ku byanditse mu bitabo, bazabyifashishe bige igihugu cyabo, bazasanga mu bihugu nk'ibi byacu bikigendera ku mali itali iyabyo neza, amasendika y'uruhuli yemera nka ba bahigi benshi....Nigeze kubabwira ko umunsi wa 1 wa Mayi ukwiye kubamo umunsi mukuru wa Parmehutu kuko ari umunsi mukuru wa rubanda rutoya usanga muli findasiyo z'amajyambere yose. Ako gashyamirane gakwiye kuruvamo aliko bikitondera kugira ngo bataruryarya bakarudindiza kandi katarandutse buzi. »

Injustices du pouvoir de Kayibanda.

« **Abagufi bagiye kwuguka mu masambu yasigaranirwe n’abakize n’ababyaye** » **No 17 ya Kinyamateka Mayi 1968** : « Amahugu ali hanze n’imanza zicibwa nabi kandi bitinze cyane biteye agahinda rubanda rugufi...Nubwo henshi na henshi imanza zicibwa nabi cyane aliko ikibabaje kuruta byose nuko zicibwa zitinze. Kugira ngo umuntu agkre mu mulima wawe nujya kumurega bazaruce hashize imyaka itatu cyangwa ine biteye agahinda...Umuntu asigaye ajya gutanga igarama abantu bamuseka ngo genda ubwo ali kwa Nyanaka ruzaburanwa n’umwana wawe !Nk’utamufite kandi yali atunzwe n’akalima ke azabikika ate ? Azawubura kandi atawutsindiwe ngo imenywe. Aliko limwe na limwe nta mugayo. Umuntu udashoboye bamuha ibihumbi 8-9, uwo mushahara wali uhembye abakozi ba bili kandi bashoboye naho gukora byajya. Reka bakene twipfire. ...Abantu bamwe basigaye bavuga bati : ubutegetsu bwose ni bumwe kuko ntacyo burushije abakera kuko akarengane kiyongeye.

«**1Yuli 1968: Uyu mwaka ni uwa 6 u Rwanda rwigenga**» **Kinyamateka Yuni 1968 No 19, Yuli 1968, p.1**, Perezida Kayibanda aragira ati: «...Amatiku aliho, baturage, mujye muyima amatwi. Kenshi azanwa n’abamaze kwiyumva. Nibahage bo gahaga! Aliko bibuke ko Economie yacu ikili m bwangavu, abakishakira kujya mbere nimukulikire ishyamba ryanyu na ryo ry’amajyambere ya Demokrasi...Banyarwanda, Banyarwandakari ni umulimo wanjye wo kubabwiza ukuli. Hali abanyarwanda icyakora ni bake, bamaze kujya bareguka mu ntego ya Parmehutu yatangiranye aliyo kuzamura rubanda rugufiya; bakabashoramo twa Meeting, bakabashoramo ubutiriganya, bakabaroha mu nzangano za munyangire: aba n’ab’uliya, aba ni aba kanaka. Baturage mwese, muli aba parmehutu. Kandi ab’intwali, muli benshi cyane, ni murwanye umwanzi wa mbere wa Republika kuli ub yitwa ubukene, akitwa ubujiji, akitwa urugomo. Ni murwanye uwo mwanzi nk’uko mwarwanyije ubuhake n’ubukoronize.

IV. LES TROUBLES DANS LES ECOLES

JOS. VERLEYE, Directeur du S.N.E.C. « Amategeko mashya y’amashuri mu Rwanda », in Kinyamateka 30^{ème} Année N° II/2, Janvier 1962, (à cette époque, le Directeur responsable du journal Kinyamateka était : Abbé Justin Kalibwami)

Cet article montre que l’éducation restait toujours une réserve de l’Eglise Catholique, et que le nouveau pouvoir voulait dans un premier temps se montrer juste envers tous les enfants :

« Leta ishaka ko abanyarwanda bose babishoboye babona uburyo bworoshye bwo kwinjira mu mashuri makuru nta karengane gaturutse ku bwoko bw’umunyeshuri.

(...) Amashuri yacu ni gatolika kandi azahora ali gatolika. Abategetsi bakuru bavuze kenshi mu maso y’i Gihugu, ko bifuzaga cyane ko uburere bw’urubyiruko rw’u Rwanda bushingira ku mahame y’ishingiro ry’Iyoboka-Mana mu bukristu.»

Editorial « Ingoma yose yasubiranyemo iralimbuka. » in Kinyamateka 35^{ème} Année N° 11, Mars 1967, p. 1

Parlait des problèmes dans les écoles, surtout les grèves dans les écoles et essayait de donner les motifs:

« Ubu kenshi urajya kwumva ngo ishuri ili n’ili likuru cyangwa se menshi icyalimwe abanyeshuri bakoze grève, bahakanye, banze gukulikiza inama n’amategeko y’abayobozi babo.

(...) Impamvu abo bana bitwaza : Kutagaburirwa neza, kubahatira kuvuga amasengesho menshi, gutoranya gushingiye ku moko gukorwa na bamwe bigisha n’abayobozi b’amashuri, bagatonesha abanyeshuri aba n’aba b’ubwoko ubu n’ubu, naho abandi bagasuzugurwa.

(...) Nyamara uwakwitegereza neza, agasubiza amaso inyuma, yasanga impamvu z’ukuli ali izi :

- a) Kuba abayobozi b’amashuri n’abategetsi ba Ministeri y’uburezi babuze ukwizerana guhagije, bishingiye ku bwumvikane buke ;

- b) Urwango rw'amoko rwabibwe mu banyarwanda, rugakwizwa mu gihugu kuva kera ;
- c) Agasuzuguro k'ubutegetsi bushinzwe amashuli, kamamajwe n'impamvu za politike cyangwa ishyali cyangwa gushaka kwihorera, cyangwa kurwanya amadini ;
- d) Gusuzugura no kugayisha abazungu... kutabizera mu bikorwa byabo ngo ni abanyamahanga, ngo barakurura ubukolonize bamenyereye, ngo baryamiye abana b'ubwoko bumwe kuva kera. Mbe Nyabunaa !! Ahaa !!
- e) Ibiherutse kwemezwa na Leta kubyerekeye ikibazo cy'amashuli, mu gushaka kwitandukanya na Kiliziya mu byerekeye uburezi bw'urubyiruko.
- f) Amagambo y'ibisebyo ya bamwe mu banyapolitiki bagiye bakwiza ku byerekeye ikibazo cy'amashuli, kugira ngo bashyire ubusopane hagati y'abakuru batume batumvikana.
- g) Amagambo mabi yagiye avugwa rwihishwa cyangwa agatangazwa ku mugaragaro na bamwe basebya abakuru ba Kiliziya cyangwa aba Leta mu nama z'abajijutse cyangwa z'abaturage basanzwe.

(...) Niturera nabi, u Rwanda rw'ejo ruzapfa nabi

Discours du Président Kayibanda au lendemain des troubles et massacres de 1973 dans les écoles du pays, in numéro spécial de Kinyamateka sorti au mois de mars 1973, p.1

Le discours a été prononcé en date du 22 Mars 1973

Le président Kayibanda a commencé son discours en revenant sur les acquis de la « révolution » de 1959 et sur les principes qui guident et qui ont toujours guidé le PARMEHUTU et le gouvernement en place :

« Twasanze atali ngombwa kugira icyo duhita tuvuga kuli radiyo kuko abenshi batashoboraga kubona uko babyumva bitewe n'ibyalihho. Kuva ubu kandi ni ibisanzwe : 'Amahoro' tutigeze duhwema guharanira kuli buli muturage, tutirengagije amoko atatu wongeyeho abanyamahanga, ntitwigeze twihanganira ko Revolusiyo ya 59 ihagarara

aliko kandi ntikomeze mu mafuti, ubutiliganyi n’urugomo, Revolusiyo igomba gukomeza rwose, naho ubutiliganyi, urugomo n’akajagali ntibyemewe na Prezida na Leta y’u Rwanda, ndetse n’ishyamba ry’igihugu, MDR-PARMEHUTU.

Ubu se twilirwe tubibutsa ingingo n’amabwiliza tutahwemye kubumvisha mu myaka irenga icumi ishize :

- Amoko yose agomba kubaka igihugu aho kwizimba ku karere, amadini, cyangwa utundi tuntu ;
- Umunyarugomo wese (ku bantu cyangwa ibintu) amenye ko azahanwa n’amategeko yabiteganyijwe. Byongeye inzangano, ibwihimuzi bizahanishwa amategeko cyangwa ukuli gusanzwe ;
- Igikorwa cyose kibogamiye igihugu kizahanishwa amategeko ya Republika ku munyarwanda, naho umunyamahanga asezererwe ataha. Niyo mpamvu kuva ubu umunyamahanga bidashimishije, akaba ashaka guhambira utwe, ashobora guhabwa tike ye y’indege, akambuka bidatinze uko abishaka ;
- Abandi barahwihwisa ngo « Coup d’Etat » ili hafi : ibyo nta mbogamizi biteye. Leta nyobora kuva muri 1960 ikidusumbye twese ni Manifeste Programu ya MDR-PARMEHUTU. Abo bantu, niba baliho, nibayirushe bagire igitekerezo bunguraho abaturage, basobanure n’ubulyo butambutse ubwo tuzi, maze bose bazabakulikire ».

-
Dans ce dernier paragraphe, on comprend très bien que le Président Kayibanda avait développé une certaine haine contre certains étrangers qui, selon lui avaient une part de responsabilité dans ce qui s’était passé dans les écoles. C’est pourquoi ils leur demandaient pour ce qui le veillent de retourner chez, s’ils n’étaient d’accord avec la politique du gouvernement en place.

Dans son discours, il s’est également attaqué à certains des responsables des écoles. Pour lui, ces derniers étaient les premiers responsables de ces troubles dans les écoles. C’est pourquoi dans son discours il s’est éternisé sur la responsabilité des directeurs des écoles. Il le dit en ces termes :

« Naho iby’abanyeshuli n’ibyo badukanye, abayobozi b’amashuli bose bagomba kumva no gukulikiza ibi :

- 1) Abayobozi b’amashuli bamenye ko kuva ubu ‘Ishuli ry’ikigomeke (Ecole Libre)’ ali igitekerezo gishaje. Hali ibyo twali twihoreye igihe itegeko ligenga amashuli ryashyirwagaho
- 2) Abayobozi b’amashuli bagomba kurushaho kubonana n’abanyeshuli kugira ngo bamenye akababaro kabo : ibi byatambamira hakili kare ibizaba aho gusanasana ibyasanaye
- 3) Abayobozi b’amashuli bagomba gusoma bitonze amabwiliza y’amashuli, bakamenya ko kwirukana atali cyo gihano cyonyine. Kandi abalimu bategetswe gusobanura ayo mabwiliza n’Itegeko ligenga amashuli igihe bigisha amateka n’urukundo rw’igihugu

Après ce mot à l’endroit des Directeurs des établissements primaires et secondaires, il a également donné quelques instructions aux élèves et étudiants concernant leur comportement pendant la période de crise :

« Leta na Prezida wayo ntibanze ko abanyeshuli bakwerekana ikibabogamiye aliko binyuze mu nzira nziza kandi zemewe. Niyo mpamvu umunyeshuli wese, yaba muto cyangwa mukuru, agomba kumenya kuva ubu ko :

- Uzakubita undi cyangwa akamusagalira, amenye ko umuyobozi w’ishuli azamushyira mu maboko y’abashinja-cyaha
- Uzava mu kigo cy’ishuli nta ruhushya rwanditse rw’umuyobozi w’ishuli, azaba yiyirukanye mw’ishuli burundu
- Uzatera intugunda mw’ishuli abuza abandi kwiga cyangwa akira kagarara, amenye ko umuyobozi w’ishuli azamuhana akulikije amabwiliza rusange ali mu iteka no 173/03 ryo kuwa 28 Mata 1967 »

Dans son discours du début à la fin, le Président n’a jamais condamné les personnes qui ont tué ou menacé les enfants dans les écoles. Il n’a rien dit également pour apaiser les esprits des enfants qui avaient quitté les écoles pour qu’ils puissent regagner leurs

établissements. De plus, dans son discours il parle beaucoup de ces troubles, mais il ne précise pas qui est l'auteur, quels sont les victimes, quel a été le rôle de l'Etat ou qui que ce soit dans ces crises. Il ne dit également rien, concernant la poursuite en justice des bourreaux et de leurs complices.

La lettre du Président Kayibanda répondant à un Directeur d'un Collège qui s'inquiétait sur la politique d'équilibre et les massacres des élèves Tutsi dans les écoles

In, numéro spécial de Kinyamateka sorti au mois de mars 1973, p.1

L'objet de la lettre est : « Ku Muyobozi wa Koleji »

Maze gusoma ibaruwa yawe yo kuwa 21 y'uku kwezi kwa Gashyantare. Nayisomye nyitondeye. Yaranyuze kuko ali ikimenyetso cy'uko usanzwe utalyalya.

1. Ijonjora ry'amoko mu mashuri ntabwo ryemewe na Leta, cyane cyane igihe riterwa na demagoji y'abandi banyeshuri.
2. Uko tubibona, abayobozi b'amashuri n'abigisha bali bakwiriye kwibonaho ikosa : hari kutita kubiba mu mashuri ni ikosa kuri bo, cyangwa kumenya ibibi bitutumba muli ayo mashuri ntibabimenyeshe abategetsu hakiri kare kandi Leta n'ababyeyi baraboherereje abana babo babizeye koko.
3. Uko ubyivugira ntugomba koko kwibanda ku bwoko bumwe gusa mu milimo ushinze. Aho ntaho utaniye n'icyo Leta nanjye tugamije
4. Ntawe ukubwiye ngo witangire abatishoboye bese hamwe, kuko Parti y'igihugu, MDR PARMEHUTU alicyo ibereyeho. icyawe ni ukuyobora Koleji ushinze. Mu bategetsu bese, ntawe uyobewe aho ubwitange bwawe n'ukuli bigarukira.
5. Ntiwari ukwiye kwirengagiza ko kuva aho Revolusiyo ya novembri 1959 ibereye tutahwemye guharanira ko abahutu n'abatutsi n'abatwa basabana, bagafatana urunana kandi bakabana kivandimwe, cyane cyane nka Njye witangiye abatishoboye abo alibo bese.
6. Naho ibyo ukwirakwiza ngo baratsemba abanyabwenge, lisubize aho ulikuye. Ku bwacu abanyarwanda, yaba umuhutu, yaba umututsi, yaba umutwa, ni

- umunyarwanda : igikwiye ni disiplini mu Gihugu kugira ngo turangize intego yacu yo gutsura amajyambere ya Demokrazi. Leta ntikili muli cya gihe gishaje cy'isubiranamo ry'uturyango. Uzitegereze abo dushinga kuvuganira Igihugu, wongere urebe n'abo dushinga kurangiza imilimo itsura amajyambere y'Igihugu, mbese urebe hose : turashaka umubano, gufatanya n'ubusabane mu baturage.
7. Twese uko tubibona, Revolusiyo yarabaye kandi igomba gukomeza mu bulyo buhuje n'ukwishyira ukizana, ufatanyiliza amajyambere ; aliko bidakozwe n'inkozi z'ibibi.
 8. Ubwo dukorana utandyadya, ugomba kumenya ibi :
 - a) Leta iliga ubulyo bwose bwo gucogoza inkozi z'ibibi zo mu mashuli
 - b) Leta izi neza ko bamwe mu bigisha b'abazungu bafatanyije n'abatutsi, bateye umwuka mubi wototera kumunga igihugu mu mashuli amwe n'amwe. Ibihano bya bene abo birahali
 - c) Igihugu ntikizihanganira ko hagira ubwoko buryamira ubundi mu mashuli ! Ni itegeko lya Demokrazi twihitiyemo twese : niko tubyemera, tugakeka ko namwe ari uko, kuko nta bulyalya bulimo kandi akaba ntawe ulyamirwa.

Bwana Diregiteri, nizeye ko iyi barwa yumvikana kandi izagufasha kudutera inkunga kugira ngo amashuli yacu yikomeze kumera neza nk'uko byali bisanzwe. Aya magambo azagufasha kumvisha bagenzi bawe badufasha kurera, ko batagomba gucibwa intege n'iby'abana bakora mudakwiye kuyobya : mugomba gufatanya na Leta n'ababyeyi kubabwiliza.

Dans cette lettre le Président Kayibanda est claire pour ce qui concerne les responsables de ces troubles, selon lui les responsables sont bel et bien quelques enseignants blancs et les Tutsi qui ne veulent pas de changements et qui sont contre les acquis de novembre 1959. Il attribue également la responsabilité aux élèves qui se sont chamaillés jusqu'à s'entretuer. Nulle part, il ne signale le rôle de son gouvernement ou de l'Eglise Catholique qui détenait le secteur de l'Education. Par ailleurs, son discours s'est distingué par la globalisation. Supposons qu'il y a eu des Tutsi qui avaient une part de

responsabilité dans ces troubles, est ce que cela devrait être attribué à toute l'ethnie Tutsi ?

Discours du Président Kayibanda à l'occasion de la Fête du Travail du 1/5/1973, il est revenu sur les troubles de 1973 dans les écoles du Rwanda

In, Kinyamateka no 16, du 18 Mai 1973, p. 1

Il a averti ceux qui étaient derrière ces troubles d'arrêter cela, sinon qu'ils seront punis sévèrement. Il ajoute que ces gens là sont des ennemis de la jeunesse de la République rwandaise. Il dit ceci :

« Ibyerekeye umwivurungatanyo w'abanyeshuli, itangazo rya Prezida wa Republika ryo kuwa 22 Werurwe 1973, muzalifate nk'itegeko. Leta ya Republika ntibuza uvuga kuvuga no gutangaza icyo yemera : icyo tutemera ni ugutera impagarara, ntiwumvire ba Directeurs na ba Directrices, ugakanga amahoro Igihugu gikeneye. Ikibuza amahoro, ali mw'ishuli, ali mu baturage, ni ikosa ligomba guhanwa. N'ababyirukamwo bahembera imvururu, ni abanzi b'urubyiruko rwa Republika ».

Quant à ceux qui fuyaient les tueries et les menaces dans les écoles

Le Président Kayibanda disait que ceux qui fuyaient pendant la période des troubles étaient soit des traîtres, soit des gens peureux. Il se demandait de quoi est-ce ils fuyaient au moment où le gouvernement se battait pour protéger son peuple. Le Président a ajouté que derrière ces troubles, se cachait des gens qui voudraient gêner le déroulement des élections qui allaient se passer dans quelques jours. Sur ce point, Kayibanda déclara que le PARMEHUTU se suffisait avec ses candidats, qu'il ne pouvait en aucun cas compter sur les voix de ces petits partis en création ou ceux d'avant la « révolution de 1959 »
Voici ces propos :

« Abahunga rwihishwa cyangwa ku mugaragaro, niba atali abagambanyi ni abanyabwoba. Se barahunga iki ko Leta ya Republika ilinda abaturage bayo bose.

Aboshya abandi ngo ‘Nibagire vuba bahunge’ biturutse ku nzangano zabo, abo ni abajura. Ndetse ngo haliho abashaka kuzica itora lili hafi. Ibyo bakora byakanga amahoro umuturage agomba kubyita ububwa n’ubuijiji. Nibamenye ko PARMEHUTU yihagije mu Gihugu cyose, izagira abakandida bayo ; abo bandi rero nabo ntawubabuza kurema ubuparti bwabo cyangwa kuzura ubwahozeho PARMEHUTU ikabusesa mu mahoro kandi ku mugaragaro.

Muzatwumvishe impamvu umuntu yagira kugira ngo niba ashaka ko kanaka adatorwa, yakoresha gusesa abana b’Igihugu giteze amaso. Abanyeshuli nimwige, mwumvire ba Directeurs na Directrices banyu ; icyo mubona ko kibadindiza mukibwire abayobozi banyu, cyangwa mucyandikire Ministeri ishinzwe Amashuli. Umulimo w’intego mu Gihugu ku munyeshuli ni ukwiga akamenya ubwenge : naho ubundi, mwoba muhima nde » ?

Le Président de la République a déplacé la question des tueries dans les écoles en cherchant des boucs émissaires. Selon lui, ce sont des Tutsi qui voudraient s’emparer du pouvoir et c’est par là qu’ils ont manipulé les jeunes Tutsis en organisant des troubles dans les écoles. La question est celle-ci : quels ont été les premiers victimes dans ces troubles de 1973 ? Etaient-ils des Tutsi ou des Hutu ? Nous pensons que ce sont des Tutsi. C’est donc contradictoire que les Tutsi soient les organisateurs des tueries et en même temps qu’ils soient les premières victimes de ces tueries. Nous pensons que c’est une pièce de théâtre qui a été montée et jouée par le gouvernement, pour quel mobile, cela est à étudier.

Les mesures prises par le nouveau gouvernement pour arrêter les troubles dans les écoles et sa position sur la question concernant la politique d’équilibre dans les écoles

Lire Kinyamateka no 23 du 18 Septembre 1973, page 3

Après le coup d’Etat du 5 Juillet 1973, les membres du gouvernement ont fait une tournée dans tout le pays pour expliquer aux Rwandais pourquoi il y a eu coup d’Etat, mais également pour leur présenter le projet de société du nouveau gouvernement. C’est dans ce cadre que le Ministre de l’Education Mr Thaddée Bagaragaza a tenu une réunion avec

les Directeurs des établissements secondaires. Cette réunion a été organisée au moment où on se préparait pour la rentrée scolaire. Il fallait donc voir ensemble avec les nouvelles autorités les problèmes qui étaient dans les écoles et trouver des solutions adéquates avant le début de l'année scolaire.

La première question qu'ils ont étudiée concerne l'admission des élèves à l'école secondaire. Le nouveau Ministre a présenté aux Directeurs des écoles les critères d'admission qui sont les suivants :

Nibande rero bazatangira uyu mwaka ?

Hazasubira mu mashuli abanyeshuli bazaba baratsinze ibizamini. Abirukanywe muli za mvururu zabaye mu mashuli bagera ku 1500 ari abirukanywe na bagenzi babo cyangwa se abategetsi, bazasubira mu mashuli bikulikije ingingo ya buli wese. **Icyo bazashingiraho cyane cyane mu gutanga imyanya mu mashuli bazabikora bakulikije umubare w'ubwoko bw'abantu n'akarere bakomokamo. Mu gukulikiza umubare w'ubwoko n'ukuvuga 90% b'ubwoko bw'abahutu, na 10% ry'abatutsi, abatwa bo ntawakwirwa agira icyo abavugaho kuko muli bo abajya mu ishuli ari bake cyane.**

Amashuli azatanga raporo y'abarangije kwiga uyu mwaka, maze umubare w'abanyeshuli basigaye wuzulishwe uw'abirukanywe igihe cy'imvururu zabaye mu mashuli, hanyuma bongereho ab'abatutsi kugirango mw'ishuli (Institut) umubare w'abanyeshuli bahali ukulikize umubare w'abantu bagize ubwoko buli mugihugu.

On comprend très bien que la politique du nouveau gouvernement dans le secteur éducation, c'était de respecter les proportions des ethnies (90% pour les Hutu contre 10% pour les Tutsi). Il reste à voir si ces proportions des ethnies avancées par les autorités étaient correctes ou pas !

Pour ce qui est des élèves qui ont été chassés de leurs écoles pendant la période de trouble, le Ministre a demandé aux Directeurs d'analyser minutieusement cette question, en regardant cas par cas la cause de renvoi de l'élève, avant de décider qui doit regagner l'école ou pas. Le Ministre a averti les Directeurs des écoles de contrôler sérieusement les

dossiers des élèves car parmi eux il y avait ceux qui ont triché leurs ethnies pour bénéficier tel ou tel autre avantage. Ces élèves devraient également être chassés de l'école :

Naho rero kubyerekeye abanyeshuli birukanywe na ba diregiteri, ministry yasabye ko bareba impamvu y'uko ibintu byali byifashe igihe abo banyeshuli birukanwa maze icyemezo kikazafatwa bamaze kubigenzura neza ku bulyo buhagije, abazafatwaho no kunyanganya barahinduje ubwoko bazaheraho birukanwa burundi ; ba burugmestri bose barabizi, barabimenyeshejwe.

**- Critères de sélection des enfants pour passer de l'école primaire à l'école
Secondaire (Idem)**

Mu bana barangije uwa gatandatu ni bande bazinjira mu mashuli makuru ? Muli Ministeri y'Uburezi bw'Igihugu ibiro bishinzwe gutanga imyanya mu mashuli bizakulikiza imyanya ishobora kuboneka muli buli shuli rikuru hanyuma hazakorwe amalisti y'abimuka bakulikije iyo myanya, ku bulyo nta mwanya n'umwe uzasigalira abakwitwaza ikimenyane cyangwa indi mpamvu iyaliyo yose, nkuko byagiye biba mu myaka ishize.

Les critères d'entrée à l'école secondaire sont les suivantes :

- 1) Bazareba amanota umwana afite mu kizamini cyatanzwe na Leta
- 2) Amanota umwana yagiye abona mu myaka ine ya mbere y'amashuli abanza
- 3) Abasibiye ntibazemererwa, bazakulikiza kandi umubare w'ubwoko bakulikije akarere na za prefegitura na za Komini, bazaha n'imyanya abana b'abanyarwanda bavuye mu mahanga : nk'abavuye muli Zaïre ; bakoraga muli za mine z'i Shaba (Katanga) none bakaba bararangije Kontaro y'akazi bakagaruka mu gihugu cyabo ; ntibazibagirwa kandi n'abanyeshuli b'Abarundi b'impunzi.

Le manque des enseignants au lendemain des tueries de 1973, (Idem)

Habuze abigisha 150

Kubera ibyabaye mu minsi ishize, abenshi mu bigisha bo mu mashuri makuru bavuye mu gihugu, imilyango imwe y'abihaye Mungu yaretse kuyobora amashuri iyashyira mu maboko y'abanyarwanda ; ikindi kandi bamwe mu baturuka mu mahanga baragabanutse ; ni ngombwa rero gushaka abandi bigisha kandi ntabwo byoroshye , niyo mpamvu bazategereza ko ukwezi gushira kugira ngo abagiye mu biruhuka babanze bahindukire.

POLITIQUE D'EQUILIBRE ET L'EMPLOI AU RWANDA

Lire le Discours du Ministre de la Fonction Publique et du Travail Mr Karemera Edouard in, Kinyamateka, no 1112 du mois d'Août 1981, p.1

Cet article de Kinyamateka a été écrit sous le titre: « Umukozi azarenganurwa na nde » ? Le Ministère a organisé une journée de réflexion regroupant les différents employeurs du pays. Dans son discours d'ouverture de la rencontre, le Ministre est revenu sur l'organisation et l'octroi de l'emploi au Rwanda. Il lance un avertissement aux employeurs d'arrêter les mauvaises habitudes d'engager des gens aux différents postes sans avoir l'autorisation du Ministère. Le journaliste de Kinyamateka le dit en ces termes :

« Mu ijamba Ministri Karemera yafunguje inama, yavuze ko, ku byerekeye gutanga akazi, abakoresha batali bake bihaye kwinjiza abantu mu kazi, nyuma bakaba ari bwo bajya kubandikisha muri Ministeri ibishinzwe. Yavuze ko icyo ngeso atari icyo gusubirwa kuko, nk'uko byigeze kugaragara, ubwoko bumwe bw'Abanyarwanda ari bwo buzamurwa ubundi bugahezwa inyuma y'urugi. Kubyerekeye Abanyamahanga, Ministri w'Abakozi ba Leta n'Imilimo yavuze ko hagiye bamwe mu Banyarwanda banyerera ugasanga binjijwe mu kazi kandi barajwe ari bwo mukerarugendo. Kuri icyi ngingo, Ministri yavuze ko Umunyamahanga adashobora guhabwa akazi igihe hagiye umwenezi gihugu bahuje ubushobozi ».

En analysant le contenu de cette dernière citation, on comprend bien que le Ministre voudrait remonter l'effectif des fonctionnaires Hutu. Selon lui, c'est comme si avant le coup d'Etat, les Tutsi étaient majoritaire au niveau du Ministère de la Fonction Publique, alors il fallait changer cette situation.

Dans cette réunion les employeurs se sont convenus avec le Ministre que désormais ils vont informer le Ministère de tutelle les postes vacants dans leurs institutions et Ministères et que le Ministère allait se charger de recruter le personnel pour ceux qui en auront besoin, bien sûr en tenant compte de cotas ethniques :

« Abakoresha rero bamenyeshejwe kandi babyumvikanaho na Ministeri ko bazajya bamenyesha Ministeri imyanya bafite ku kazi noneho bagashakirwa abakozi hakulikijwe gusa ubuhanga ku kazi noneho ubulinganire Leta ishaka ku moko n’uturere bugakunda bugahama. Umwe mu bakoresha yarabajije ati : ese muzanzanira umuntu ntazi imico, wenda yaligeze mu buroko mwemere ? Undi mukoresha aza kuvuga ko ibyiza, nk’uko tuli muli Libéralisme Planifié, Leta yamenyesha amabwiliza akoreshwa, maze mu gihe batanga akazi agakulikizwa ».

Le petit peuple était victime de cette politique d’équilibre, selon le journaliste

Les critères d’engagement instauré par le gouvernement n’ont pas été appréciés par tous les Rwandais. L’auteur de cet article Mr Philibert Lansoni a dit quelque chose là-dessus. Selon lui, la politique d’équilibre régionale et ethnique venait pour favoriser les gens plus fort économiquement et politiquement, et que les gens faibles n’allaient pas rien bénéficier :

« Koko rero Leta, n’ubwo yaba ishaka guhagurukira ubutabera mu gutanga akazi hali ibigomba kwumvikana neza. Dukulikije tekini zo kulinganiza amoko ku mulimo, dusanga ko A1, A2, A3, ari ibimenyetso bikulikizwa mu kugaba akazi ku nzego zose z’igihugu, ku bulyo ntawareba ibigo byigenga asize akazi ka Leta. Ntabimenyetso byerekana ukulinganiza uturere. icyiza rero, ibyo kulinganiza iby’amoko ku milimo yose, usanga akenshi ari ugushaka kuyamira bamwe muli rubanda rugufi (abatindi ntibagira icyenewabo ari cyo gikora, kandi n’ibikomerezwa ntawashobora kubijonjora. Kuli rubanda rutazwi, wajyaga ujya muli Ministeri ugacyulirwa akoko cyangwa se akarere nk’aho hali icyo wacumuye mu gihugu, cyangwa se niba abasekuru bawe baragize icyaha, ugasa n’ubishyulira.

Le journaliste Philbert Ransoni critique le mauvais comportement de certains fonctionnaires du Ministère de la Fonction Publique qui, quand ils voient dans leurs bureaux des gens qui viennent solliciter du travail, ils affichent un comportement de méfiance vis-à-vis d'eux parce qu'ils ne partagent pas la même région ou la même ethnie. C'est cette attitude qui a développée un sentiment de révolte et de méfiance entre le peuple rwandais et que le journaliste critique beaucoup. Le journaliste ajoute que cette exclusion d'une partie des Rwandais dans l'administration développe chez ces derniers un complexe d'infériorité et se considèrent toujours comme des étrangers dans leur propre pays. Il le dit en ces mots :

Uwo munabi ikiremwa-muntu gishobora guterwa na bamwe bashinzwe gutanga akazi iyo muli Ministeri, twizere ko Ministri Karemera azawutsemba burundu, kuko mu by'ukuli, witegereje neza usanga aliwo soko yo kuba wasanga abakozi bamwe bemera kuba ibikoresho bya gashakabuhaka mu masosiyete yigenga, kuko baba bacyulirwa iby'ubwoko cyangwa akarere bakabona bafatwa nk'abanyamahanga mu gihugu cyabo. Umuntu nk'uwo iyo abonye akazi agira ubwoba bwo kwiteranya kuko atinya kuzasukwa hanze, kuko atakwizera kubona akazi ahandi.

Koko ijya kulisha ihera ku rugo, mu gihe tutazivanamo gucyulirana amahomvu, mu gihe tutazaba dufite ubumwe bw'abenegihugu, hazahoraho ibyitso nk'ibyho kandi mu by'ukuli usanga byose bigwa kuli rubanda rugufi rutagira kivugira, naho abikomereye bafatanyije kurulya.

Théodore SIMBURUDALI, « Nyuma y'imyaka 20- Politiki n'imibereho y'abaturatione » in Kinyamateka 49^{ème} Année N° 1132-1133, Kamena 1982, p. 5

Il parlait des réformes scolaires mais aussi de l'équilibre ethnique. Il montrait comment ça pouvait détruire le pays, mais n'osait pas dire que c'était sa pensée :

« Abo twaganiliye bese nababajije icyo batekereza ku ivugururwa ly'amashuri na politike yo kulinganiza amoko n'uturere mu gutanga imyanya mu mashuri yisumbuye.

(...) Ku kibazo cya kabili, politike y'ilinganiza ry'ubwoko n'uturere mu gutanga imyanya ntibabyumva kimwe.

Hari uwambwiye ati : ‘Equilibres zishobora utyaza uturere aho kugira igitekerezo n’ishyaka bwo kuba umunyarwanda mbere ya byose.

Efficacité mu butegetsi izagabanuka kuko kureba abantu bafite ubuhanga babishoboye, bafite n’umurava bizazitirwa no gushaka kulinganiza uturere mu myanya y’ubutegetsi. Nyuma y’imyaka 20 twigenga twagombaga kuba twarabirenze naho ubu ni ukubyorora.’ Undi yambwiye ati : ‘Equilibre hali abantu batali bake batayemera aliko kutabyemera ni ubugome.’

Naho uwa gatatu yambwiye ko akazi gakwiye gutangwa gakurikije irushanwa lyatangwa. Naho ubundi ngo gushaka kulinganiza bifite ibinegu byinshi. Ati : ‘hali umuntu wohereje uwandikisha imashini ahantu, ahageze basanga nta mashini yiyiziye, bababwira ko uwo muntu ntacyo ashoboye muli ako kazi ; ngo nibamugumane azashyira abimenye. Ahandi bahohereza umukontabule utazi na mba muli ako kazi, shebuja ahita atelefona yanga uwo mukozi, baramusubiza ngo wowe se warabivukanye ? N’undi umwigishe azabimenye. »

Padri Silvio SINDAMBIWE « Ubwigenge bw’umuco n’amadini » in Kinyamateka 49ème Année N°1132-1133, Juin 1982 p. 8

A part le problème ethnique, il trouvait aussi le problème de régionalisme qui montait:

« Kandi ntawahakana ko n’abategetsi baliho bagisunitse, ngo bisubize agaciro bali bamaze gutakaza. Guhera muri 73, mu giturage kirenda gushira. Abahutu n’abatutsi nta miziro bagifitanye, barasangira ubukungu, ubutegetsi, umubano (barashyingirana). Aliko ntihaburamo akantu, cyane cyane mu nzego zo hejuru barwanira imilimo.

Kubwanjye ikibazo cy’abahutu n’abatutsi, ikibazo cy’abo bita Abakiga n’Abanyanduga (ese nk’i kinyaga kili he, cyangwa i Gisaka ?) ku bwanjye ni ikibazo cy’ubukene ; uwaduha amashuri n’imilimo ihagije, ikibazo cyashira. Dusabe ahubwo hatazazamo intambara y’abize aha n’aha. »

Théodore SIMBURUDALI, “Itanga ly’imyanya mu mashuri yisumbuye” in Kinyamateka 49ème N 1143, Novembre II 1982, Pp 1-2

L'auteur critiquait l'équilibre ethnique et régional dans les écoles:

“Itangwa ly’imyanya mu mashuri makuru liteye impungenge. Abanyarwanda batali bake n’abatekereza u Rwanda rw’ejo uko ruzaba rumeze iyo bumva ko hali abimurwa batabikwiye kugira ngo politiki y’ilinganiza ikunde ikulikizwe. Kuba kandi hali uturere tulyamira utundi, cyangwa inzego z’abantu, nabyo ntibishirwa amakenga n’ubwo tuli mu gihe cy’ilinganiza.

Mu itangwa ly’imyanya mu mashuri yisumbuye, amaprefegitura yinjiza abana bageze kuli balindwi ku ijana cyangwa umunani ku ijana, Gisenyi ikagira umwihariko wo kwinjiza cumi na batanu ku ijana.

Koko rero Gisenyi ntacyo iganya, imibare igaragaza abahanga b’abanyarwanda bize Kaminuza kuva muli 1960 kugeza 1981, iha Gisenyi umwanya wa 4 mubafite ibimene byinshi kuko iza nyuma ya Gitarama ari nayo ya mbere ifite 504, Butare ifite 428 na ruhengeri ifite 425, Gisenyi rero ifite 287. Twibutse ko kandi iyo mibare nta ba ofisiye babarwamo kandi bali mu mpuguke z’u Rwanda zaminuje na za diplomi zabo zarasabiwe kuba za lisensi.”

L'auteur poursuit sa pensée dans l'autre numéro :

Théodore SIMBURUDALI, “Umwana uzi ubwenge wese yakomeza akiga” in Kinyamateka 49^{ème} Année N 1144-1145, Décembre 1982, p 1

Ikiganiro cya Ministri Nsekalije, parlant de la politique d'équilibre. Le IIIème Congrès du MRND avait demandé au ministre de « Kwiga ubulyo bunoze bwo kwimura abana » voir N. 1143 P 1

“Ingorane ntizili mu kwimuka uva muwa 8 uya mu mashuri yisumbuye gusa, no kwiga icyo umutima wawe ukunda, kwigira umwuga uzakora ukumva uranyuzwe, kwiga ukanonosora niba ugifite ipfa n’ubushobozi ni ibya bene amahirwe.”

“Nyamara uko abana babona amanota menshi cyangwa za prefegitura zimwe na zimwe alizo zagiraga abahanga benshi ntibishirwa amakenga; za diplomi za bamwe nazo

kuzizera umenya byagora; umutima-nama ku kazi wo ashwi da. Bajyaga bavuga ko n'ibizamini byo kwimukira mu mashuri yisumbuye hali amashuri ashobora kubibona mbere akabyiga tugahakana. None impungenge Ministri Nsekaliye afite zaba zifite ishingiro?"

Ministre: "Wagiye kureba Abadagitorogafe bali kwa Padri cyangwa Furere Diregiteri w'ilyo shuri uyu n'uyu? Warebye ubwoko bwabo? Wize ukuntu bashobora kuba mu gihe abalimu bateganiye ibizami babizaniye Diregiteri mu icapwa lyabyo, wize ubwoko ubu n'ubu cyangwa akarere aka n'aka ibyo bizamini bikorwa? Uzi neza ko wenda ko ufite 75; 80 aba atanabyigiyeye ari uko abona ikizamini mbere y'igihe?"

Les avis des étrangers sur la situation socio-politique du Rwanda des années 1980 : reportage du Dr Alexandre Kimenyi

Dr Alexandre Kimenyi, « Abanyamahanga babona u Rwanda bate »? in, Kinyamateka no 1146 de Janvier 1983, p.1

Dr Alexandre Kimenyi présente les avis des étrangers sur la situation socio-politique du Rwanda. Il dit que les étrangers apprécient la paix et l'unité qui règnent au Rwanda dans les années 1980, les gens ne sont plus menacés ou tués à cause de leur appartenance ethnique et régionale. Mais ils n'apprécient pas le fait qu'on continue à mentionner des ethnies des gens dans leurs cartes d'identité. Ils n'apprécient pas également la politique d'équilibre régionale et ethnique dans les écoles et dans l'emploi. Ils disent que cela continue à fragiliser l'unité des Rwandais au lieu de la renforcer. Les Rwandais auraient dû avoir du travail ou bien accéder à tel ou tel autre niveau de l'école grâce à leurs capacités intellectuelles ou à leur niveau de formation, au lieu de considérer leur identité ethnique ou bien leur appartenance régionale. Voici les propos de Kimenyi :

Ubutegetsi buriho usanga bose babuvuga neza. Mu gihugu imbere koko hali amahoro n'ubumwe. Nta bwoko bugitotezwa. icyo batiyumvisha cyakora ni uko ibiburanga bikomeza kwerekana ko umuntu ari Umuhutu, Umututsi cyangwa Umutwa. Ibyo ni

Ababiligi babizanye, byali bikwiliye kuvaho. Bavuga ko ntacyo bimaze. Ikindi bavuga ko atali cyiza ni politiki y'iringaniza ry'amoko n'akarere mu mashuri n'akazi. Babona ko byica igihugu aho gukomeza ubumwe. Umuntu yali akwiye kubona ishuri cyangwa akazi bakulikije ubushobozi bwe, batalinze kureba ubwoko bwe cyangwa aho aturuka. Hali abavuga bati: ndigira iki ko ntaturuka muli aka karere cyangwa ntali muli ubu bwoko. Bituma abantu bagira umutima mubi cyangwa bangana. Kandi ga koko birumvikana. icyo wumvise ko kanaka yagiye mu ishuri cyangwa yabonye akazi kubera ubushobozi bwe, ntubimwangira urabimwubahira.

A l'occasion du 25^{ème} Anniversaire de la « révolution de 1959 », Kinyamateka rappelle aux Rwandais les acquis de cette révolution.

Lire l'éditorial de Kinyamateka, no 1189 du 11 Octobre 1984, p.1

Dans son éditorial, Kinyamateka rappelle aux Rwandais les acquis de la révolution de 1959 qui sont notamment, la fin de la monarchie et des vices, et l'instauration d'un régime démocratique fondée sur la voix de la majorité. Selon toujours Kinyamateka, la révolution a aboli les injustices qui étaient commises par les autorités du régime monarchique, elle a instauré un régime où chaque personne devrait vivre de ses propres efforts, alors qu'auparavant, il y avait des gens (il veut dire les Hutu) qui étaient condamnés de travailler pour nourrir les autres (les Tutsi). En plus, « la révolution de 1959 » a arrêté les injustices auxquelles les Hutu étaient victimes. Kinyamateka l'écrit en ces termes :

...Icyo gihe kandi ni ho imbarutso y'ibyali bimaze iminsi bihwihwiswa yakomwe, Abanyarwanda babadukira icyalimwe banga ubushikamirwe bwa gihake bali bamazemo imyaka amagana. icyo baharaniraga ni demokrasi : ubutegetsi bushingiye kuli rubanda kandi bukorerwa rubanda. icyo bangaga ni uko hakomeza kuba imbaga nyamwinshi ikora, n'agatsiko kalya imbuto bejeje. icyo batsindiye ni ukwitorera abategetsi n'amategeko ; ni ukulya utwawe ali nta wakudukuye ku munwa ; ni ukuburana urubanza uzi ko nutsindwa urengana uzajulira ; ni ukwohereza umwana wawe mu ishuri wizeye ko hali icyo azigazaho ; ni ukugira ishema ryo kuba Umunyarwanda. Maze koko ugakunda ugakorera

u Rwanda nyine. Aho uracyibuka ko hagombye intambara ikomeye ? Zilikana rero ko ibyo iyo ntambara yagezeho ubishinzwe, ko mbishinzwe, ko n’uliya wundi abishinzwe. Maze kuli iyi yubile ya Revolusiyo yacu, wigire inama yo gutera indi ntambwe igaragara, igana imbere.

Un certain Semusambi Félicien critique la politique d’équilibre instaurée au Rwanda et relève les méfaits de cette politique

Lire l’article de Semusambi Félicien, « Ni twe twibyalira ibibazo », in Kinyamateka, no 1213, du mois 11 octobre 1985, p.5

Dans son analyse, Semusambi a critiqué la politique d’équilibre dans les écoles instaurée par le gouvernement rwandais. Selon lui, les Rwandais doivent travailler pour leur pays non pas pour leur appartenance ethnique et leur provenance. Il dit que tous les enfants ont droit à l’éducation et à accéder au niveau supérieur sous le critère points obtenus. Il dit ceci :

Tutirengagije rero, ibibazo biliho ubu mu mashuli ni twe twabyibyalije sibyo byadusagaliye ngo bitwiroheho ku ngufu. Na kera kose imyanya y’amashuli yisumbuye yali mike, haba ku bw’abazungu, haba no kuli Republika ya mbere, aliko ntibyigeze bitera induru nk’iliho ubu yenda gutulitsa imitwe ya benshi.

Maze rero icyo nashakaga kuvuga, kubera ko nkunda gushyigikira ubumwe bw’igihugu, ngakunda Abanyarwanda bumva ko bagomba gukorera u Rwanda rwose aho kwibanda ku turere twabo, nanjye nshyigikiye ko abo bana b’abahanga biga aho bali hose, ilinganiza likavaho.

Le journaliste dit qu’au début il soutenait la politique d’équilibre parce que qu’elle édifiait l’unité des Rwandais. Il continue ses analyses en disant que cette politique a été utilisée plus tard pour des règlements de compte entre Rwandais. Cette politique d’équilibre n’a pas été bien appliquée comme elle avait été définie au départ. Voici les propos du journaliste Semusambi :

Kuva inyuma hose nakomeje kurishyigikira, ariko igituma noneho nifatanyije n'abashaka ko rivaho, ni uko ridakoreshwa icyo ryari ryarashyiriweho (ubumwe bw'igihugu), ahubwo bamwe bakaba bararikoresheje ubugiranabi. Namwe se, dore habaye ibyo gusiga abahanga b'uturere tumwe na tumwe bakohereza abaswa, kugira ngo nibagera muri Université bizabananire birukanwe.

Dore habayeho ibyo gukosora no gutanga imyanya mu bwiru ngo hatagira ubimenya. Habayeho ibyo gutsindisha abana bize i Kigali, ariko bajya kumanikwa ku mashuri y'amakomini ba se bakomokamo, bityo bakabitirira ayo mashuri kandi barigiye i Kigali, kugira ngo batabamanika aho babazi bigasakuza babona batsinze ari abaswa abahanga basigaye. Hali komini imwe baherutse kumanikaho abana batatu b'umuntu w'umukire ukora i Kigali abana bakaba barigiye i Kigali mu Rugunga. Iyo komini bamanitseho ubwatsi bwayo bugera mu Mutara wa Byumba, kandi abo bana batatu ngo nibo batsinze bonyine muri Komini kandi barize mu Rugunga. Ubwo se ntibatwaye imyanya y'abakene b'iyo Komini.

Cette injustice des enfants qui vont à l'école secondaire se remarque également au niveau de l'Université. Le journaliste dit qu'il y a des élèves intelligents que l'on fait échouer pour les bloquer d'accéder à l'Université à cause de cette politique d'équilibre. Il dit ceci :

Muri Kaminuza nabo, ngo abanyeshuri barangiza, bamwe babima amanota yabo babatsindisha bakabura diplôme ngo ni ukuringaniza. Mbese ko baba baramwohereje mu mashuri yisumbuye bamaze kumukoreraho iringaniza, mu madiplome baba baringanizamo iki ?

Le journaliste donne une autre observation à propos de cette politique d'équilibre. Il dit qu'elle commençait à faire naître des rivalités entre les hommes forts. Son inquiétude c'est que ces rivalités pourraient faire éclater la société rwandaise. Ça c'est une raison de plus qui le poussait à demander aux autorités d'arrêter cette politique. Ses propos sont les suivants :

Indi ngingo ituma mvuze ko rikwiye kuvaho, ni uko bigiye kuzatuma n’abakomeye basubiranamo nka bya bindi byo muli za 1965-1968 ari byo byabaye ibyabanjirije iya 5 Nyakanga 1973. None se kubona umutegetsi ushinzwe amashuli avuga ngo ntashaka umwana wa Kanaka n’uwa Kanaka kandi ari abategetsi nabo, bakomeye muri Politiki y’u Rwanda nk’uko nawe ayikomeyemo, murabona bitatuganisha mu macakubili? Muyobewe icyo amacakubili yakoze ku Rucunshu Abega basubiranyemo n’Abanyiginya? **Muyobewe ishyano amacakubiri yari agiye kudukururira mu mezi ya mbere ya 1973, Abahutu bamaze kwigabanganyamo ibice ngo bamwe ni abanyanduga, ngo abandi ni abakiga? Amahoro n’ubumwe Jenerali yaduhaye birabasindishije, none mugiyeye gutuma biducika mupfa amashuli?**

Pour résoudre cette question, le journaliste demande au gouvernement de repasser la gestion quotidienne de toutes ces écoles officielles aux confessions religieuses comme c’était le cas avant la réforme. Le gouvernement devrait intervenir juste pour subventionner ces écoles, il devrait également intervenir dans l’élaboration du programme suivi dans les écoles et dans sa mise en application. Il dit ceci :

« Ndabona aho kugira ngo ayo mashuli azatume dusubiranamo twari dukwiye kuyarekera beneyo bayahoranye aribo banyamadini, Leta ikabaha programu n’amafranga nk’uko bigenda mu Bwongereza. Naho ubundi muli 1966, **Leta yigaruriye amashuli igira ngo ibone uko yubahiriza cya cyifuzo cy’abarwanashyaka ba mbere (85% Abahutu, 14% Abatutsi, 1% Abatwa), kubera ko muri icyo gihe hari n’abayobozi b’amashuli bikundiraga Abatutsi gusa. Umuhutu akaba atishimiwe mu ishuli ryabo, hakaba n’abikundira Abahutu ku buryo Umututsi atahinguka imbere yabo .**

Igihe turimo ubu rero si kimwe n’icya 1966, twarazamutse mu bitekerezo nkuko no mu bindi Abanyarwanda bose bakorera igihugu cyabo mu bumwe n’amahoro, bibumbiye muri Muvoma itavangura uturere n’amoko. Bityo rero Abanyamadini tubarekeye amashuli bakaturerera byadukiza iyi manga tunaganaho !

Théodore SIMBURUDALI «Mu birori by'isabukuru y'imyaka 20 twigenga» in Kinyamateka 49ème Année N 1135, Juillet II 1982, p 1

Il reprend le discours du Président Habyarimana, où il montrait que son pouvoir allait changer les choses, surtout le problème ethnique :

“Kuwa 5 Nyakanga, twanga ukwironda kw'akarere, twanda ubulyamirane, twanga ibyemezo bishingiye ku kwikunda gukabije, twanga ko amaraso y'abanyarwanda yakongera kumeneka. Tugarura amahoro n'ubumwe mu gihugu, dushyiraho n'ubutegetsi butunganye, bukomeye, bushoboye kandi butalimo ubulyamilane bw'ubwoko n'uturere. Imyaka ibaye icyenda twanze politike itanya yakorwaga n'agatsiko k'abagome bali bamaze kunaniza uwahoze ali umukuru w'igihugu; twanze ubwikanyize bw'akarere kamwe kali kalikubiye ibyiza byose by'igihugu. Kuva icyo gihe twasezeraniye abaturage kugarura amahoro n'ubumwe bw'igihugu kugira ngo gishobore kugira amajyambere nyakuli muli byose no kugarura demokrasi 'Responsable'.»

Justin KALIBWAMI «Bimwe mu byizeza amajyambere y'ejo» in Kinyamateka 49ème Année N° 1127, Mars II 1982, p. 5

Après 18 ans en Europe, il revenait au pays et donne son témoignage. Il trouvait que beaucoup de choses avaient été faites dans le cadre de résoudre le problème ethnique :

« Kuva mu 1973 tuziko za ntambara zabaga mu gihugu zashize, ko intego ya Leta yabaye iyo guha buli muturage kwishyira akizana ntihabe utotezwa bamuziza ubwoko bwe. Ibyo umuntu abyumva neza iyo ageze muli iki gihe mu Rwanda. Amahoro mu Rwanda nayo ashingiye ahanini ku byahindutse mbere bikuraho ubutegetsi bwa gihake bashinjaga cyane agasuzuguro no kurengana by'abaturage bamwe. Aliko hanyuma uko twagiye tubyumvira mu mahanga, biviramo guhora utoteza kanaka gusa kuko mudahuje ubwoko. Ubu rero mu Rwanda hose usanga Abahutu n'abatutsi babanye mu mahoro. Umuntu ugeze mu Rwanda yakirwa kimwe n'abahutu n'abatutsi. »

Il parlait également de la liberté d'expression :

« Ubwigenge mu bitekerezo no kubaha abo mutabihuliyeho : nabyo bili mu byo nasanze mu Rwanda, biranshimisha cyane. »

Voir aussi : **J. KALIBWAMI (Il fut rédacteur du Kinyamateka à la période de l'Indépendance) « Ibibazo bikomeye umuntu abona akigera mu Rwanda » in Kinyamateka 49^{ème} Année N° 1128, Avril I 1982, p. 5**

« Kimwe mu byiza bikomeye umuntu asanga mu Rwanda ni Demokrasi mu bivugwa no mu byandikwa. »

Jean C. NSANZABERA, «Ngire icyo mvuga ku mashuli», in Kinyamateka 53ème Année N 1223, Mars II 1986, p. 2

Cet auteur était pour l'équilibre ethnique et régional, et donnait ses raisons:

«Abatutsi n'abanyanduga batonye kera. Amashuli yakunze kubakwa mu majyepfo y'igihugu: Kabgayi, Rulindo, na Save ni misiyoni yakunze kuvugwa.

(...) Kugira ngo rero Abahutu babone imyanya ikwiranye n'umubare wabo mu gihugu hali Abatutsi bagombaga kubuliramo kandi bali baramenyereye kwakira mu mashuli nta ngorane nyinshi. Aliko nanone ntawavuga ngo bapfanaga ubwenge, ahubwo ni uko babaga barabonye 'environnement' ituma biga bagafata. N'ubu muzarebe uko abiga mu Rugunga cyangwa mu Gisilikare batsinda. Aho wabagereranya n'abize i Kiboga?»

Anonyme, «Bimwe mu bibazo by'abakozi ba leta n'umuti wabivura.», in Kinyamateka 53ème Année N 1235, Nzeri II 1986, p 6

L'auteur trouvait qu'il faut un équilibre ethnique dans le travail:

«Iringaniza ry'imirimo ya Leta ryagombye kujyana n'uburinganire bw'abakozi ba Leta hakurukijwe uturere, amoko n'ibitsina...

Nko mu rwego rukuru rw'igihugu rushyirwaho n'umukuru w'igihugu ntibyagombye kuruhanya; intebe 17, abatwa, abatutsi n'abahutu mu gihe basangiye amajyambere bakwiye kuzisaranganya batya: 1. Abatwa bahabwamo intebe imwe (1); 2. Abatutsi

bahabwamo intebe ebyiri (2); 3. Abahutu bagahabwamo 14 basaranganya batya: Abasilikari 5 (kubera ko Repubulika ya Kabiri ari igikorwa cyagokewe n'Ingabo z'u Rwanda); isigaye 9 abasiviri bakayisaranganya batya: Abagabo bubatse 6; umutegarugori 1; umusore w'ingaragu 1; n'umwari 1. Uturere kandi bavukamo tukazirikanwa muri iryo ringaniza.

(...) Iringaniza rigamije gusangiza abana b'u Rwanda ibyiza byarwo byagezweho buri wese yiyushye akuya.»

(...) Itanga ry'akazi n'imirimu mu nzego zo hasi ntibikwiye kwirengagiza iryo ringaniza; nawe se biteye impungenge kubona chef de Bureau, chef de Division na Directeur mu murimo umwe ari abatutsi gusa, nkubwo se umuhutu bayobora azafatwa ate? Azahabwa manota ki? Azahumeka umwuka w'intego za revolution y'1959 gihe ki muri iryo pfukiranwa? Birababaje kubona ibiro byiganjemo hafi ubwoko bumwe umuturage yabyinjiramo agacunaguzwa mu gihe badahuje ubwoko cyangwa se ikibazo cye kigakomeza kuborera mu tubati tw'ibiro.“

Par ici l'auteur met les militaire dans la catégorie des Hutu, et ça montrait que l'armée était exclusivement Hutu.

J. Népomucène NAYINZIRA, «Uburenganzira bw'abakozi ba Leta mu Rwanda bwarubahirijwe.», in Kinyamateka 54ème Année N 1252, Juin I 1987, p 9

Lui va un peu loin, pour dire que dans une seule famille on ne devrait pas avoir plus de 2 enfants à l'école secondaire. Peut être l'équilibre familial?:

Iringaniza ry'ubwenge mu mashuli: «iringaniza ry'ubwenge mu burezi bw'igihugu ryashingira k'umwete n'ubushobozi abana baba barerekanye mu myaka yose ku buryo ijongora rishingiye ku butabera ryakwimura abana b'abanyabwenge baturutse mu turere twose tw'u Rwanda, umubare wa buri karere ugasumbana gusa hakurikijwe ubwitange bw'abarezi baba baratsindishije abana benshi.

(...) Muri iryo ringaniza ry'ubwenge rishingiye ku turere n'amoko ntibikwiye ko inzu imwe yiharira imyanya mu mashuri ugasanga abana bane, umunani... bese leta ibimuriye mu mashuri yisumbuye kandi hari n'amakomini abogoza. Leta muli politiki y'iringaniza mu burezi ikwiye kugena umubare ntarengwa buri muryango wagiraho uburenganzira bwo kwimura abana bagaragaweho ubwenge.»

Bahiniramugabo Dagobert, Nyanza, «Demokrasi nyayo ganza mu Rwanda» in Kinyamateka N 1265, Décembre II 1987, P 7 et 10

Pour lui il n'y avait pas d'équilibre régional et ethnique, mais plutôt les enfants des familles riches pouvaient avoir accès aux études:

«Iringaniza karere n'iringanzamoko ntirikirebwa, bikorwa bikuriye kureba inzu ntibikurikiza gusa ubwenge bw'abana.»

MUKADEMOKARASI Jeanne d'Arc, «Ikibatsi cya Demokarasi muri Kongere ya Karindwi ya Muvoma» in Kinyamateka N 1329, Kanama II 1990, pp. 10 et 12

L'auteur est contente pour le fait que Habyarimana avait pris la décision d'abolir la politique d'équilibre ethnique et régional:

«Mu gihe Perezida yari ageze i Gitarama asura, anatangiza imishinga yavuze ko iringaniza rigiye gukosorwa ahabwa amashyi n'impundu nyinshi cyane. Ni uko yari avuze akaniga abanyarwanda. Koko iringaniza niba hari n'ibyo ryakijije ariko ryishe n'ibindi kuburyo hari amaperefegitura amwe n'ubwo hari abavuga ngo ni uturere, n'ubwoko bumva busa n'ubuhejwe mu mirimo imwe n'imwe y'igihugu, mu gihe andi maperefegitura n'ubundi bwoko bwibwira ko nta ho buhejwe byose ari ibyabo. Iyo politiki yo gusumbanya abo ushaka ko bareshya niba yaranagize igihe cyo ikwiye guhinduka cyangwa ikavaho rwose kuko ikurura amacagutatu mu moko, n'amacagucumi mu maperefegitura utibagiwe amacakubiri mu byo bita Nduga n'Inkiga.»

Eduard Karemera “Ibibazo byafasha ababyifuza gutanga ibitekerezo byabo batishisha ku ivugururwa rya politiki mu Rwanda” in Kinyamateka 57ème Année N 1335, Décembre I 1990, p 5

C’était le temps où on avait commencé à penser à la réforme pour abandonner cet équilibre:

“Hakorwa iki kugira ngo isaranganya rinogere rubanda cyane cyane mu rwego rw’uburezi n’itangwa ry’imirimo?”

A. RWAGAHILIMA « Iringaniza mu mashuri ryavuyeho risimburwa n’isaranganya. »N 1378, Nzeli II 1992, p 5

Avec la nouvelle Ministre de l’éducation, Madame Uwiringiyimana Agathe, la politique d’équilibre ethnique et régionale a cédé la place à la politique de « partage » :

« Minisitiri ushinzwe amashuri yisumbuye yari yaratangaje ko atazakurikiza ihame ry’iringaniza ry’iringaniza ry’amoko n’uturere, benshi bagira impungenge ko imyanya izahabwa abantu bamwe bo mu karere aka n’aka, ishyaka iri n’iri. Nibashire impungenge kuko nta karere karyamiwe ngo akandi gakungahazwe, emwe n’ibyashingiweho mu itsinda ry’abanyeshuri byaratangajwe, bireka kuba ubwiru nkuko byari bisanzwe. »

«(...) Ku kibazo cy’uko abanyeshuri batatsindiye ku manota amwe mu ikomini imwe ugasanga baciriye umurongo k’ufite amanota 60, mu yindi bahagarariye kuri 50 cyangwa ndetse na 40. Minisititi Agata yasubije ko iyo yiyemeza gukurikiza amanota amwe hose, hari uturere tutari kubona abana bimukira mu mashuri yisumbuye, bitewe n’uko ubushobozi mu mashuri abanza butararinganizwa. Mu turere tumwe usanga hari abarimu babyigiye bageze nko kuri 90% hakaba ahandi usanga batageze no kuri 40%. Ibikoresho nabyo hari ibigo by’amashuri usanga bibifite byose, ibitabo n’izindi mfashanyigisho, n’ibindi bigo usanga bibibuze.

(...) Uko abana batsindiye ku manota atangana bisobanura aho isaranganya ritandukaniye n'iringaniza. Mu isaranganya, bafashe imyanya mu mashuri bafite bayisaranganya amakomini bakurikije umubare w'abanyeshuri bari mu mwaka wa 6 n'uwa 7 muri Komini ifitiye uburenganzira, bareba abaushije abandi amanota muri Komini. Nta ringaniza ry'amoko rimwe rishingiye kw'ijanisha ry'abaturage batuye igihugu ryabayeho. Iringaniza ry'uturere na ryo ntaryabayeho kuko iringaniza ry'uturere ubundi ryemeraga ihame ryo gukungahaza uturere ngo twasigaye inyuma (...)

Nubwo nta ringaniza ry'ubwoko ryakurikijwe, basanze harastinze abatwa 2 mu Rwanda rwose, biyemeza kubongera, abandi bakaza sohoka ku lisiti yindi izaza. »

La relation entre Kinyamateka et la deuxième République

Editorial, in Kinyamateka 41^{ème} N° 14, 30 Juillet 1974, pp. 1-3

Dans l'Editorial, le journal se contente du fait que le Président de la République avait transformé la peine capitale en peine de perpétuité pour les anciens de la 1^{ère} République, c'était le 5 juillet 1974 :

Parlant du 5 juillet 1973 : (p.1) « Ni umunsi buli munyarwanda yibukaho igikorwa cy'ingenzi ingabo z'u Rwanda ziyemeje kugira ngo zigarure amahoro n'ubumwe mu gihugu cyacu

(...) Twanze politike y'amatiku n'inzangano itanya abavuka-Rwanda. Twanze umwiryane n'ubwicanyi byali bimaze kwiganza mu Rwanda. Muziko politike y'ubutegetsi bwo hambere yali ishinhiye ku iterabwoba, kwanganisha abantu n'amoko, kwikanyiza kw'akarere kamwe ali mu bukungu, ali mu butegetsi.

(...) Parti yakuweho yali isigaye ali igikoresho cy'abagizi ba nabi batanga amategeko yo kwica no gusahura iby'abandi. »

p.3 « Aliko kuli uyu muni twibukaho umwaka ushize duciye amatiku n'inzangano, kuri uyu muni w'amahoro n'ubumwe, twakoresheje ububasha bwacu bw'umukuru w'igihugu duhindura icyo gihano cyo gupfa cyahawe Kayibanda n'abamufashije kuzana imvururu bakica, icyo gihano twagihinduye tubaha gufungwa zero. »

Silvio SINDAMBIWE “Ndakaba kasho ya Komini” in Kinyamateka 49ème Année N° 1122, Janvier I 1982, p. 1

Le journal dénonçait les crimes contre l'humanité dans les prisons du pays:

“Muli iyi numero ya Kinyamateka, twongeye kubabikira abantu 4 baguye muli kasho ya Komini Cyeru, Prefegitura ya Ruhengeri.”

J. NKURIKIYIMANA “Ni iki cyica ubumwe bw'abanyarwanda?” in Kinyamateka 59ème Année N 1363, Février I 1992 p 7

L'auteur de cet article accusait les dirigeants de la dixième République de s'être impliqués dans la politique du régionalisme:

“Republika ya kabiri imaze kuvuka, irondakarere rigamije gutonesha abakiga ariko cyane cyane abashirru, ryahise rihabwa intebe mu Ngabo z'u Rwanda.”

- Umuganda

Kinyamateka 42ème Année N° 4, 28 Fevrier 1975, p. 3

L'article parlait de l'introduction de l'Umuganda:

« Inama ya komite y'Amahoro n'Ubumwe bw'igihugu yemeje ko imilimo y'umusaruro ibaye itegeko kuli bose, izina ryayo ni « Umuganda ». Bihanije kandi abagenza impuha zibuza amahoro mu Gihugu. »

Editorial, « Umuganda si ukuganda », in Kinyamateka 42^{ème} Année N° 18, 10 Ukwakira 1975, p. 1

L'article montrait les missions de l'umuganda:

«Gukora ni ugushishikara ! Umulimo w'amaboko, cyane cyane uwo guhinga ntugasubire inyuma iwacu »

- **Le MRND**

Editorial « Amajyambere ni ukuba icyo ulicyo », in Kinyamateka 43^{ème} Année N° 1, 15 Janvier 1976,

Le journal se montrait content du fait de la création du nouveau parti le MRND :

“Umwaka w'1975 waduteye inkunga, utuminjiramo agafu. Abanyarwanda twese ngo duhagurukire amajyambere, dukuliye muli Mouvement Révolutionnaire iharanira amajyambere.”

Editorial : “Tugukuliye ubwatsi”, in Kinyamateka 43^{ème} Année N° 2, 30 Janvier 1976, p. 1

Le journal voulait féliciter le Président Habyarimana pour avoir créer le MRND :

“Turamushimira ko yakoraniye imbaga ashinzwe y'abanyarwanda akayihuriza muli Mouvement Révolutionnaire iharanira amajyambere.”

Théo SIMBURUDALI “1976 umwaka wa MRND” idem, p. 5

L'auteur écrit que le nouveau parti va enfin pouvoir unifier tous les Rwandais :

“Mouvement yacu ni ihuliro ry’abanyarwanda bose ntavangura. Ni ihuliro ry’imbaraga zose z’abanyarwanda, baharanira amajyambere yabo. »

Editorial: « Ibibazo bya Rubanda biradushishikaje » in Kinyamateka 43ème Année N° 10-11, Juin 1976, p. 1

Les Jesuites de emera disaient qu’eux aussi devaient participer dans la politique du moment :

“Leta y’u Rwanda yiyemeje gushyiraho Mouvement Révolutionnaire Iharanira Amajyambere y’Igihugu, inteko yayo ikaba kuzamura Abaturarwanda bose nta jonjora. Kiliziya y’u Rwanda ntihejwe mu matwara mashya y’abanyarwanda.”

Mu kigo cy’abayezuwiti I Remera (p. 6) Turifuzako :

1. Muli plan y’igihugu y’amajyambere tugomba kubamo atari iby’imbokoboko mu nzego zose: Prefegitura, Komini, cellule...
2. Tulifuza kumenya imibereho mu nzego zose: Paruwasi, diyosezi, Plan y’igihugu, tukamenya ibyihutirwa. Gufashwa n’abalayiki gutegura Synode gushaka uko twacengeza mo abataye. Tukerekeza inama z’abasaserdoti n’abepiskopi muli uwo mwiteguro.
3. Abepiskopi bacu nabo bazagezwaho n’iby’iyo nama n’abayitumiwemo ba buli Diyosezi.
4. Twifuza Biro by’abepiskopi y’amajyambere (BED) ko igomba kuba mu rwego rw’Igihugu n’urwa Diyosezi: Biro itali iyo gutanga amafaranga gusa, ikaba n’uburyo bwo gushakira inzira (stratégie) ya Kiliziya mu majyambere.”

Editorial: “Turi mu bwato bumwe” in Kinyamateka 43ème Année N° 14, 1 Août 1976, p. 1

Le MRND pour mettre ensemble tous les rwandais :

“Abanyarwanda twese tugomba kugashya n’imbaraga zacu zose, tunganisha hamwe, dukurikije inama nyazo tugirwa n’umukuru w’Igihugu cyacu.

(...) Arkiyepiskopi wacu yashyizwe mu bagize Komite nyobozi ya MRND. Ndetse hali akanama kamwe mu tunama dutanu tugize komite-Nyobozi abereye mukuru. Ako ni akanama gashinzwe kureba: Imimerere y’abaturage, umuco n’uburezi.“

Animation: Anonyme, «Abadepite turabizeye», in Kinyamateka 49ème Année N° 1123, Janvier II 1982, p. 1

Le journal développait le rôle de l’animation:

«Mu magambo atarondogoye rero, animasiyo igamije mbere na mbere:

- Kwigisha amahame ya Muvoma. (...) gushyigikira umuco wa kinyarwanda kuko igaragaza ishema lyacu lyo kuba duhuje igihugu, kabone n’aho twaba tudasangiye idini, ubwoko cyangwa ubukire.
- Intego ya gatatu ya animasiyo ni ukwidagadura. (...)

Animasiyo kandi ni uburyo rubanda bakoresha ngo bereke umukuru w’igihugu ko bishimiye kumushyigikira.»

NDAYAMBAJE J. Bosco “Reka nitumire abadepite” in Kinyamateka 49ème Année N° 1124-1125, Février I 1982, Pp 1-3 (Kabare I Kigarama- Kibungo)

Le divisionnisme regnait au sein des dépités du MRND à cause du problème des régions :
“Abadepite bagomba kwilinda kwicamo ibice kuko bose ari ababanyarwanda”

Le conflit entre Kinyamateka et la 2^{ème} République s’est manifesté, surtout lorsque le journal était dirigé par l’abbé André SIBOMANA, avec les journalistes comme Gaspard GASASIRA, L. NIYONGIRA, S. NKUBILI et A. RWAGAHILIMA. En 1992, ils ont reçu une lettre menaçante dont ces journalistes croyaient qu’elle venait des agents de l’ordre. Cette lettre est publiée dans son intégralité sous le titre « Abanditsi ba Kinyamateka baba bagomba gupfa ! » in **Kinyamateka N° 1364**, Février II 1992, p. 7.

Dans cette lettre, son auteur accuse le journal de faire les critiques envers le parti au pouvoir, et surtout de publier les articles favorables au parti MDR. Il serait très intéressant de lire cette lettre en intégralité⁷.

GENOCIDE ET LA PERIODE POST-GENOCIDE

A. SIBOMANA, **Editorial**, in *Kinyamateka* N 1331, **Octobre I 1990**, p. 1

Parlant de cette attaque:

«U Rwanda rwaratewe, ruterwa na bamwe mu bo rwabyaye, rugambanirwa n’abo rwonkeje, amahanga arinda gutabara. Nubwo havugwa ihumure mu turere tumwe twabereyemo intambara imitima yarakomeretse, abantu barishishanya. Ni mu gihe kandi, umwanzi aracyari mu Rwanda. Nta n’uwahamya ko atakihafite ibyitso. Ariko abanyarwanda biyemeje gukomeza kuba maso. Bumvise neza ko byanze bikunze bagomba gukora uko bashoboye bakarwanya ikintu cyose cyatuma u Rwanda rw’imisozi n’ibisiza by’ibyatsi kibisi ruhinduka umutuku kubera imivu y’amaraso.»

“Ku ya 15 Ukwakira 1990, Prezida Habyarimana yongeye kubwira Abanyarwanda” in *Kinyamateka* N 1331, Octobre I 1990, p 3

Il parlait des Ibyitso, et quelques jours après, beaucoup de personnes étaient arrêtées à Kigali:

“Iguhugu cyacu gikomeje guhangana n’abanzi bagiteye, kuva ku itariki ya mbere Ukwakira muri uyu mwaka. Bateye baturutse mu gihugu cya Uganda, abenshi bakaba bagizwe n’impunzi zikomoka mu Rwanda n’abandi ariko bafite ubwenegihugu bw’ahandi: kandi bakaba ari abasirikari bo mu ngabo za Uganda. Nk’uko mwabyiyumviye kandi bamwe bakabibona, bagabye igitero mu Mutara. Bihisha mu

⁷ Voir sa copie.

baturage bashakamo ibyitso (...) Nk'ubu ngubu mu mujyi wa Kigali, hamaze guhishurwamo kandi hafashwe n'abanzi benshi bari bihishe mu baturage.”

A. SIBOMANA, “ Si ubwa mbere u Rwanda ruterwa”, in Kinyamateka N. 1331, Octobre I 1990, p 8

Pour l'auteur, ceux qui avaient attaqué le pays étaient les même Inyenzi des année 1960:

“Abaruteye biyise ‘Inyenzi’ aka twa dusimba abenshi bazi tuzirana n’ahabona tugakorera mu mwijima. Kuva Repubulika ikivuka, zagabye mu Rwanda ibitero bigamije kugarura ingoma ya gihake. Zibasiye abagabo b’imena baharaniye guhirika ingoma ya cyami.”

A. RWAGAHILIMA “Akanama kajonjora abafatiwe iby’inkotanyi karangije imirimo yako” in Kinyamateka 57ème Année N 1335, Décembre I 1990, p 11

La plupart des personnes qui avaient été arrêtées et accusées de travailler avec les Inkotanyi, ont été relâchées faute de preuves:

“Icyo umuntu yavuga ku murimo wakozwe na kariya kanama kari gashinzwe kujonjora, ni uko ibimenyetso bifatika ku bantu bari bafashwe byakunze kubura.”

“Ubutumwa bw’abepiskopi bo mu Rwanda no mu Burundi” in Kinyamateka N° 1336, Décembre II 1990 p 2

L’Eglise parlait de la guerre mais également de la question des réfugiés :

“Tumaze gusoma ibyabaye mu Rwanda muri iyi minsi n’ingaruka zabyo mu karere kacu, cyane cyane mu Burundi, tubabajwe n’ibi bihe by’intambara byashavuje benshi, bigatsemba ubuzima bwa bamwe kandi bugasenya ibintu bitabarika.”

“Uburenganzira n’ibibazo by’impunzi z’ibihugu byacu byombi bigomba kwitabwaho mu bwizerane no mu kuri kugira ngo izo mpunzi zigire uruhare ku bwenegihugu; koko rero buri muntu yaba umukire cyangwa umukene, ntashobora kumererwa neza atemerewe ubwenegihugu bwe.”

Un journaliste de Kinyamateka félicite le parti PARMEHUTU du combat qu’il a mené pour faire des changements dans le pays.

Lire article de : Muhorakeye, D., « PARMEHUTU ishyaka ry’irirwanyi », in K.M., no 1340, du mois de Février II 1991, p.3

Le journaliste est revenu sur un autre article d’un certain Mfizi qui montrait combien le PARMEHUTU était un parti combattant. D. Muhorakeye a appuyé l’idée de Mfizi en montrant aux lecteurs le combat mené par le PARMEHUTU et les changements survenus à la fin de la « Révolution ». Il donne quelques exemples des injustices auxquelles les Hutu étaient victimes avant la 1959. Voici le contenu de son article :

Nigeze gusoma mu Mvaho inyandiko ya Milita Mfizi adusobanurira ko PARMEHUTU ryari ishyaka ry’irirwanyi. Kandi koko ryarwanye na Runari rirayitsinda, ritsindira demokrasi na Republika ndetse rigeza n’u Rwanda kubwigenge. Ryakomeje intambara ritsinda inyenzi ku buryo zagombye kwisuganya imyaka 23 yose kugira ngo zitinyuke kongera gutera u Rwanda.

PARMEHUTU koko ifite ibigwi :

- Yaciye burundu ubuhake n’ibuja
- Yahaye umuhutu agaciro mu Rwanda
- Yashinze Republika ku italiki ya 28/1/1961
- Yagejeje igihugu ku bwigenge taliki ya 1/7/1962
- Yahamije Republika irakomera kandi itari ibuze abanzi bakomeye, itsinda inyenzi burundu mu 1967

Iyo mvuze ko Umuhutu yahawe agaciro, abasore batazi ingoma y’abatutsi, ariyo ya gihake ntibashobora kubyumva. Kugira ngo mwumve neza ukuntu Umuhutu yari asuzuguwe, nimusome kano gaparu : Hari umwana w’Umuhutu wigeze kwinjira mu rugo

rw'umututsi, ahasanga intebe iyi ya Kinyarwanda, ayicaraho. Bene urugo bari bayimutsinzeho ngo akabya kwigereranya, maze intebe bayimuhubuzaho barayoza, bayanika ku kazuba kugira ngo ubuhutu uwo mwana yasizeho buyishireho. Iki si igiparu gusa byarabaye kandi abo byabayeho nibasoma bazabyibuka ! Ubwo rero gihake yongeye kugariza u Rwanda, Inkotanyi zikaba zitugera amajanja, ka gapariti kacu (kandi Fondateri wako yigeze kuvuga ko tuzakifuzza), gakwiye kugaruka. Ako gapariti si akantu ni PARMEHUTU. Twibuke ko PARMEHUTU atari ishyamba rigendera ku bwoko bw'abahutu gusa. Mu gihe cyaryo, Umuhutu yari Umuhutu nyine, cyangwa undi muntu wese usuzuguritse, kabone niyo yaba uwo mu bwoko bw'abatutsi.

Icyakora muri iki gihe twareka kuvuga PARMEHUTU kuko ijamba Umuhutu ritacyumvikana nko muri 57 tukavugaga gusa M.D.R.

Critiques du journaliste à l'endroit du parti MRND

Selon lui, ce parti est plein des « Inkotanyi » et de leurs complices. Il donne des exemples des membres de ce parti et qui sont en même temps parmi les grands leaders des « Inkotanyi ». Voici ces propos :

Muvoma yuzuye « Inkotanyi » n'ibitso byazo. Ubwo uzi ko na bariya ba Munyambaraga bakiri abamilita ba Muvoma ? Uzi ko Kanyarengwe, umwe mu bari bagize Komitenyobozi ya Muvoma ubu akaba ari umutware w'Inkotanyi akiri muri Muvoma ? Uzi ko Bizimungu Pasteri ubu ukotanyira i Burayi akiri muri Muvoma ? PARMEHUTU yo ntiyatinyaga kwirukana kumugaragarar abantu yabonaga ko badakurikiza amatwara yayo. Umbwire umuparmehutu uzi wigeze agambanira Republika !

Les conseils apportés par le journaliste André Kameya au peuple rwandais après l'attaque du Rwanda par les « Inkotanyi »

Il apporté ces conseils après le mouvement des arrestations des gens à Kigali en les accusant de complicité avec les « Inkotanyi ». Selon le journaliste, tous gens qui ont été arrêtés ne sont pas réellement des « Ibitso » des Inkotanyi. Il dit que si on ferait des investigations, on pourrait déceler parmi les proches du Président, les vrais complices des

« Inkotanyi ». Ils proposent que tous ces gens là soient chassés de ces postes. Il lance un appel à toute la population rwandaise de rester unie, de ne pas tomber dans le piège des politiciens qui veulent qui se battent pour avoir ou protéger le pouvoir. Il le dit en ces termes :

«Niba hari ibyitso, si iby'abatutsi gusa, hariho cyane cyane abahutu, ndetse bari mu myanya y'ubutegetsi, ariko batafunzwe. Igifitiye rubanda akamaro ni iki :

- Kutagumisha ku buyobozi abategetsi bashyigikiye ibyo byitso bituma amaraso y'abanyarwa ameneka ?
- Guca mu mizi bene abo bategetsi bakarimbuka, aho kugira ngo imbaga yorame isubiranamo yibwira ko irwanya ubuhake kandi ari Serukiranyi, umwanzi wukuri atari aho aherereye ?
- Igihe cyose abanyarwanda batari basobanurirwa ukuri kw'ibi bitero bazakomeza kwibwira ko ababibateza (bari mu butegetsi) ari abere, bahinduke nako bakomeze kuba ibikoresho by'abasarikanira gutwara.

Abarwanira ubutegetsi ntibagomba kuturoha ngo tumarane, u Rwanda si urw'abantu barubanjemo, si urw'abahutu bakwitwaza ubwinshi bwabo, si urw'abatutsi bakangisha ko bigeze kurutegeka. U Rwanda ni urw'abanyarwanda. Ntabwo ari Nduga cyangwa Urukiga, ni byose bibumbiye hamwe.

Article divisioniste sur la guerre d'Octobre 1990

Lire article intitulé “Intambara turimo si ibyo gukinisha”, in Kinyamateka, no 1344 d'Avril II, 1991, p.11

L'auteur de l'article qui ne mentionne pas son nom affirme que la guerre d'Octobre 1990 est une guerre ethnique et qui a ses origine dans la « Révolution de 1959 ». Il dit que les « Inkotanyi » ont manifesté cela lorsqu'ils ont lancé des tracts insultant les Hutu en leur averissant qu'ils venaient récupérer le pouvoir que leurs parents ont perdu en 1959, et en même temps se vanger de ce que les Hutu ont fait du mal pour les Tutsi dans les années 1959-63-73. Voici ces propos :

« Iyi ntambara turimo, jyewe ndahamya ko ari intambara y'amoko, kandi ifite umuzi muri Revolusiyo ya Rubanda yo mu mwaka wa 1959. Ibi Inkotanyi zarabigerageje, zibasira abahutu, zirabacyurira ko batumye ba se na ba sekuru b'Inkotanyi bahunga. Iyi ntambara ni intambara abatutsi bashoje kugira ngo bisubize ubutegetsi banyazwe na revorisiyo y'abaturage. Iyi ntambara ni intambara abatutsi bashoje, kugira ngo babone uko baryoza abahutu, ibyo bakoreye abatutsi muri 59-63-73.

L'auteur de l'article lance un défi aux Hutu et Tutsi. Selon lui, les deux ethnies oublient l'histoire du Rwanda, notamment l'histoire de la « Révolution » et les méfaits de la monarchie au Rwanda. Il dit ceci :

Twese twibagirwa vuba, cyangwa intamenya yishwe no kutabimenya ! Ari abatutsi bibagirwa vuba, kandi si jye wa mbere ubibabwiye, ari abahutu bibagirwa vuba, dore ko bo basanzwe ari n'abapfayongo (naïfs). Kuri iyo ngingo turahwanye, abahutu, bagakizwa n'umubare wabo mwinshi, kandi ni nawo uzakomeza kuba amizero yabo. Ngicyo icyo abatutsi bibagirwa. Ikindi abatutsi bibagirwa ni ubuhake bwamaze hafi imyaka 400 bakandamiza abahutu. Ikindi abatutsi bibagiwe, ni uko ari bo batumye Rubanda yivumbagatanya muri 1959. Bibagiwe kandi ko kuva icyo gihe kugeza magingo aya, bagerageje kenshi kwisubiza ubutegetsi ku ngufu, kandi nta na rimwe batatsinzwe, nk'uko Perezida yabibabwiye, kandi abizi by'imvaho.

Ngicyo nanone icyo abahutu bibagiwe ni uko abatutsi bataruhuka badasubiranye ubutegetsi, uretse ko umubare mwinshi w'abahutu utazatuma babugeraho.

Les massacres de la commune Murambi

Lire article de L. Niyongira, « Abategetsi bamwe ni bo bayoboye imvururu muri Murambi », in Kinyamateka, no 1357 du 1 Novembre 1991, p.1

Dans cet article il accuse ouvertement les autorités communales, plus particulièrement le Bourgmestre de la commune du nom de Gatete, pour avoir joué un grand rôle dans la planification des massacres des Tutsi dans cette commune. L'auteur de l'article décrit

l'état dans lequel les rescapés sont, il signale également les auteurs de ces tueries. Voici ces propos :

Hashize hafi ibyumweru bibiri Komini Murambi irangwa n'imvururu mu baturage. Abaturage barasanga zikururwa na Burugumesitiri na bamwe mu bategetsi ba segiteri na selire. « Abakorewe » ntibarasubiza umutima mu nda ngo batinyuke gusubira mu byabo. Inkomere ziracyari mu bitaro. Mbese umwuka uracyari mubi muri komini, nubwo ubutegetsi bushaka kwemeza ko ibintu byarangiye amahoro ahinda.

Le journaliste de Kinyamateka a visité la commune après ces massacres et a eu la chance d'interviewer le Bourgmestre Gatete pour lui demander les causes et les auteurs de ces tueries. Le bourgmestre a répondu que ce sont les Tutsi qui l'ont insulté et qui ont également provoqué les Hutu membres du parti MRND, quant aux victimes, il sousestime ce qui s'est passé. Voici les propos du journaliste de Kinyamateka:

Iyo ubajije Milita Burugumesitiri uko byagenze, usanga yarafashe mu mutwe ibyo Radiyo Rwanda yatangaje. Cyangwa ni Radiyo yafashe ibyo Burugumesitiri yayibwiye, uretse ko hari ibyo yayihishe. Yaratubwiye ngo Komini Murambi ni akarere k'u Buganza kiganjemo abatutsi, nubwo bataruta abahutu. Hakiyongeraho iyi ntambara y'Inkotanyi ngo yari yarateguwe muri Murambi, kimwe no muyandi makomini nka Ngarama, Muvumba n'ayandi. Ngo rero ibyitso byari byinshi. Hari ngo ibyafashwe, ibyo yohereje mbere i Byumba ngo biricwa. Ariko ngo hari n'abarekuwe, abo bazana uburakari, na n'ubu bafite. Burugumesitiri rero arasanga ikibazo hagati y'abahutu n'abatutsi cyarabyukijwe n'intambara. Ariko imbarutso ya ziriya mvururu ngo yaba ari mitingi M.D.R. yakoreye i Murambi ku ya 27 Ukwakira 1991. Ngo abatutsi bose bari muri iryo shyamba kimwe no muri PL, naho ngo abahutu bari muri MRND. Ati 'Muri icyo mitingi basesereje ubutegetsi buriho, barantuka nkuko basanzwe batukana, bayivamo birata ko bazatsinda, ko bazategeka.

Ngo batashye bakivuga ibigwi, barinda bagera mu giturage. Ngo ibyo byabaye nko gukora abaturage mu jisho, maze barabarakaza. Kuri Burugumesitiri rero ntagitangaza kirimo, M.D.R. igizwe n'abatutsi yarakaje abahutu maze barayihana.

Le Journaliste de Kinyamateka continue ses analyses:

« Twabanje kwizera ko twumvise nabi, ariko tugeze muri Segiteri Rwankuba yarushije izindi ‘gukora’, Konseye wayo Bizimungu abidusubiriramo dushira ipfunwe ».

Le Journaliste dit que les autorités communales sont devenu les commandants des attaques. Apartir des temoignages recueillis auprès des rescapés, le journaliste donne la liste des autorités qui ont été impliquées dans ces tueries. Voici les propos du journaliste:

« Abayobozi bahindutse abagaba b’ibitero: Inkomere zasuwe mu bitaro by’i Kiziguro bemeza ko igitero cyari kiyobowe na Konseye Bizimungu Yohani na resiponsabule Nzabamwita Dyonizi. Ngo ni bo bakubise urugi, hinjira igihiriri cy’abantu. Konseye na resiponsabule basigaye hanze banywa isegereti, bavuga ngo « nibice izo nkotanyi, ngo harimo nyirakuru wa Rwigema »

Le journaliste signale qu’il y a eu plusieurs blessés et morts dans cette attaque des Tutsi organisée dans la commune Murambi.

Kinyamateka face aux massacres de Bugesera:

G. GASASIRA. “Ibyabaye I Bugesera ntibigasubire” in Kinyamateka 59ème Année N 1363, Février 1992, p 11

Le journal dénonçait et condamnait ces massacres:

“Mu ijoro ryo ku wa gatandatu ku itariki ya 18 Mutarama 1992, Muri ngendo habaye amarorerwa atazibagira abayakorewe. Abantu baratemwe barapfa, abandi baratemwa bahungana ibikomere bajya I Burundi, ndetse n’abandi babundabunda bagana mu bihaye Imana kuri Paruwasi ya Ruhuha. (...) Amazu yabo barasahuye bareza, inzugi

babamburaho, ndetse izigira amabati barasakambura, iz'ibiti bagashinguza bajya gucana. Abagiraga intoki zaragiwe inka, naho abari bafite ibijumba babyirayemo barakura.”

“Ubwo ku itariki ya 17 Mutarama 1992 haza agatsiko katamenyekanye gatera umugabo w'umuhutu witwa Hakizimana Laurenti baratemagura barica, hamwe n'umugore we. Ngaho aho intambara yatangiriye kuko we yari aturanye n'amatongo y'abatutsi bahungiyeye I Burundi. Abahutu bararakara bati 'ni bo bagarutse kumutema, kandi abatutsi basigaye ni bo byitso bicumbikira abatugirira nabi.' Bahera aho bati 'umuhutu wese akore ku ntwaro tumeneshe abatutsi'. (...) Muri ubo bugizi bwa nabi, abasirikari ngo bahagarikiraga abakubita ngo bakubite ariko ntibice.”

“Biriya bibazo byabaye muri Ngenda, benshi bemeza ko ubutegetsi buba bubishyigikiye kuko butabishyigikiye butakwira hose.”

L. NIYONGIRA “Umuriro n’umupanga mu Bugesera” in Kinyamateka N 1365, Mars I 1992, pp 1 et 6

Après la visite des lieux, le journaliste de Kinyamateka comparait ce qui s'est passé au Bugesera aux massacres de 1959 :

« Twazengurutse amasegiteri anyuranye, amenshi muri yo wagira ngo ni nko muri 1959. Ibyo ari byo byose ibintu byashoboraga guhoshwa amazi atararenga inkombe, iyo ubutegetsi bwerekana ubuhanga n'ubushake. Si ko byagenze, none umuvu w'amaraso waratemye, wototera n'utundi turere. »

P 6, Superefe Sekagina yabonaga bidakomeye : « Ati 'Kugeza ubu nabonye udukoni tubiri twatwitswe, n'ibikanka by'inka ebyiri cyangwa imwe, simbizi'. Nyamara twari twahuye avuye kureba aho amazu arenga 20 yarimo kugurumana. »

L. NIYONGIRA, « Benshi baribaza byinshi ku Bugesera » in Kinyamateka N 1365, Mars I 1992, p 7

Le journaliste accusait les autorités d’être impliquées dans les massacres :

« Abavuga ko ubutegetsi bw’u Rwanda atari ubwere, cyangwa ko bwerekanye ubunyanda mu guhosha imvururu, ni benshi, haba mu Rwanda haba no mu mahanga. Hari n’abanyandikiye Perezida wa Repubulika nka komisiyo yo mu Bubiligi yitwa ‘Justice et Paix’. »

G. GASASIRA, “Mu Bugesera haracyiganje ibibazo bitari bike” in Kinyamateka N 1369, Mai I 1992, p 12

Les massacres des tutsi au Bugesera continuaient :

« Muri Komini Ngenda haravugwa abantu 4 barashwe naho batandatu bagakomereka kubera urugendo bari bakoze ku itariki ya 1 Gicurasi 1992 rwo gushyigikira Minisitiri w’intebe na guverinoma ye ; hakavugira imvururu muri gereza ya Rilima zatewe n’abari bafunguwe imidugararo y’i Bugesera, hakavugwa kandi ubwoba ku bakonseye bamwe bafatishije abantu bishe cyangwa basahuye muri izo mvururu zabereye i Bugesera none ubu bakaba barekuwe. »

S. NKUBILI, « I Rilima, abatutsi bararoshywe.” In Kinyamateka N 1365, Mars I 1992, p 11

Le journal donnait le bilan provisoire:

“Uretse abantu 10 bakunze kuvugwa bapfiriye hafi ya Rilima, hari abandi 17 barimo abasaza n’abana bashoreye babaroha mu kiyaga cya Rweru. Kandi ngo umujyanama wa Segiteri yari abizi, akabihisha kugeza igihe atahuriwe abona kubyemera.”

(...) Ubwicanya bw'aho I Rilima ntibwibasira abatutsi gusa. Ahubwo n'umuhutu ugize ngo ahishe umututsi, amubikiye utwe, cyangwa amuherekeje kuzana icyo yataye iwe, baramuhitana.”

Kinyamateka “Intambara ntihosha” in Kinyamateka N 1366, Mars II 1992, p. 1

Kinyamateka Essayait de montrer que les massacres des tutsi se sont généralisés dans le pays :

“Nk’uko Radio Rwanda yabitangaje ivuga ibibera mu Bugesera, Prokireri wa Republika yavuze ko abari bamaze gupfa ari 152. Abo ni abatahuwe nanone. Hafashwe abantu 329 bashinjwa kuba barishe cyangwa baratwitse. Komini Kanzenze na Gashora ni zo zishe benshi kuko muri Ngenda habonetse imirambo 37 gusa. Ayandi makomini yarafashwe mu gihugu. Muri Mbogo (Kigali) abatutsi bagera kuri 500 baratewe bahungira kuri Paruwasi Rulimdo. Ndetse hari abavuga ko hishwe abantu bagera ku icumi.

Muri Sake (Kibungo) abantu 300 bahungiyeye i Rukoma ariko ntawishwe. Muri Kibirira (Gisenyi) abantu bongeye guterwa. Hafi ibihumbi 3 byari byahunze, ubu basubiye mu byabo. Muri Komini Mushubati amazu abarirwa mu 10 y’abatutsi yaratwitswe.”

Kibilira:

S. NKUBILI, “Kibirira yateye Kivumu, haba ah’amasasu.” In Kinyamateka N 1365, Mars I 1992, p 11

Les massacres de Kibilira sont aussi très connus pour avoir tués beaucoup de personnes :

“Igitero cy’abantu bagera kuri 200 bamanutse Kibilira mu mpera z’icyumweru cya mbere wa Werurwe bigabiza amasegiteri ya Komini Kivumu yo ku Kibuye. Abahutu b’abakiga ngo bari bamaze iminsi bavuga ko muri Kivumu nta cyo bakoze mu Ukwakira 1990. Nibwo biyemeje kwimanukira ngo bakore amarorerwa nk’ayabereye iwabo. Abapolisi bagombye kurasa ngo abateye basubireyo.”

Les problèmes ethniques dans les écoles :

A. RWAGAHILIMA “Imyigaragambyo ibaye agati keze mu mashuri yisumbuye” in Kinyamateka N 1364, Gashyantare II 1992, p 5

Dans la plupart des écoles régnait la ségrégation ethnique :

Byimana: “Abanyeshuri bavuga ko abafurere bashyizeho abana b’abatutsi babanekera bahimbye izina rya ‘SIRIKOFU’ ngo bakaba bakora udutsiko mu kigo, badatuma hari umuhutu utugeramo.”

L. NIYONGIRA “Ni nde ushaka imvururu muri Kaminuza y’u Rwanda” in Kinyamateka N 1366, Mars II 1992, p 11

Même à l’Université les Tutsi étaient menacés :

Le 11 et 12 Mars: “Kugeza ubu ntibirafutuka ngo biracyasuzumwa na komite yashinzwe gukora anketi, usibye ko abanyeshuri bemeza ko muri rusange ari abatutsi bari bahunze, usibye umuhutu umwe, ngo uri mu ishyaka rya PL! »

Kinyamateka denonce les massacres de Mugina :

G. GASASIRA, “Ubugome bunamena amaraso buracyakomeza mu Rwanda” in Kinyamateka N 1364, Gashyantare II 1992, p 9

“Ku mugina wa Jenda na Kabugondo barasahuye, baratwika ndetse baranica. Ejobundi ku itariki ya 20 Gashyantare 1992 ni bwo izo mvururu zatangiye zishojwe n’amasambu y’ibisigara, maze bamwe mu bazizwe n’inzika babyuririraho batangira kwirara mu batutsi. Byitiriwe amashyaka ariko uwabanza gushishoza wese yasanga ntaho bihuriye.”
(Komini Mugina)

Massacres des Tutsi à Kibuye:

Gaspard GASASIRA « Ka gatsiko gatwika kanatema kageze ku Kibuye. » in Kinyamateka N 1376, Août II 1992, p 7

Les massacres des Tutsi étaient généralisés partout dans le pays:

«Ku Kibuye biracika ! Inkongi y’umuriro iravuga mu bipimo by’amakawa no ku mazu, umuhoro uravuga ku bantu no mu ntoki, inka bararya, ibyo mu nzu barasahura reka sinakubwira, umuntu ni ugukiza amagara ye. Mu ijoro ryo ku itariki ya 20 rishyira iya 21 Kanama, nibwo byatangiyeye muri Komini ya Gishyita, hataho Rwamatamu na Gisovu, none birashyira andi makomini ya Kibuye. Kugeza ubu imiryango yasenye muri ariya makomini ni 308, abamaze gupfa ni 3 Leta yemera, aho abaturage bivugira ko ari batanu. Abamaze gukomereka ni 16, naho impunzi ziri i Gishyita kuri Komini hamwe no kuri Paruwasi ya mubuga zikarenga 3.000 udashyizemo abakwiye imishwano mu giturage.

(...) Iyo bijya gucika baravugaga ngo amoko yasubiranyemo cyane cyane iyo ubutegetsi bwananiwe, bagatangira guca uduce mu baturage, rimwe ngo abahutu batanze abatutsi barabatema, kandi yenda nta n’icyabaye ari ukugira ngo bashoze imvururu. Mu gihe ibyo mu Bugesera botari byibagirana, hatayeho Kibuye ahari abatutsi benshi, ubwo ejobundi barajya muri Mubuga ya Nyaruguru ! »

Murambi chez Gatete:

Gasasira Gaspard, “Murambi iranze ibaye iciro ry’imigani.” in Kinyamateka N 1380, Octobre II 1992, p 7

Le Bourgmestre Gatete était très connu pour sa haine contre les Tutsi:

« I Muhura hari impunzi zavanywe mu byabo kubera ubutegetsi bubi bwa Gatete bwibasiye abo batavugaga rumwe. Ku itariki ya 4 Ukwakira 1992 ni bwo hameneshejwe abarenga 30 bakubiswe, basahuwe ndetse bamwe banasenye.

Na mbere y'intambara Gatete ntiyavugwaga neza. Ngo yagiraga urugomo agakubita abaturage, agatoteza abarimu n'abakozi ba Komini ndetse agashora amatiku ku bakozi ba Leta bavuka muri iyo komini. Aho intambara y'inkotanyi itangiriye iba ishyuhije Gatete, imuha urubuga rwo kwikiza bamwe mu bari bamubangamiye. N'ubu aracyabazwa abantu 16 bavugwako yiyunyuguje. Amashyaka menshi yo yaje atsindagira agasanzwe; amashyaka MDR na PL we yita ay'inkotanyi ayabonamo imbogamizi zitewe n'uko abayarimo batavuga rumwe na we. (...) Izo mvururu zaranzwe no gusahura, gukubita, kumena amaraso no kumenesha abaturage bakava mu byabo bakaba impunzi. Ayo marorerwa yose aragaragaza ko agamije kurimbura amashyaka MDR na PL ndetse n'ubwoko tutsi kuko muri ako karere bwari buhiganje kandi bukaba bwari mu myanya yo hejuru muri ayo mashyaka yombi.”

Kicukiro:

A. RWAGAHIRIMA “Umutekano muke muri Komini Kicukiro” in Kinyamateka N 1383, Novembre 1992, p 8

Les Tutsi n'étaient les seuls à être menacés. Même les gens du sud l'étaient aussi:
 “Ngo nta mututsi, nta munyenduga muri Nyakabanda. (...) Muri ako kanama ni ho burugumesitiri yamenyeye umugambi zari zifite [interahamwe] wo 'kwirukana abatutsi n'abanyenduga muri Selire Nyakabanda'.”

Munyeshyaka Ildephonse (ambassadeur) “Kubazaba bakiriho”, in Kinyamateka N 1413, Mars I 1994, p. 5

Dans son article il montrait que personne n'avait plus confiance à l'avenir:

“Ubwicanyi n'ubugizi bwa nabi bumaze gushinga imizi mu gihugu cyacu ku buryo umunyarwanda yumva ko ashobora guhotorwa, azira ubwoko bwe, azira utwe cyangwa agerageje kuvugisha ukuri. U Rwanda ruragenda rusatira umwanya wa mbere mu bihugu bizwiho guhotora abanyapolitiki no kutubahiriza uburenganzira bw'ikiremnamuntu.”

La réaction de l’Eglise Catholique:

“Ubutumwa bw’Abepiskopi Gatolika b’u Rwanda bwerekeye igisibo 1992.” In Kinyamateka N 1366, Mars II 1992, p 2

L’Eglise trouvait que c’était le Chaos:

“4. Bakristu dukunda, imitima y’abanyarwanda ntiri mu gitereko; ibyo bigaragazwa n’ibimenyetso byinshi. Nta butegetsi bubarengera uko bikwiye; umutekano uragumya guhungabana; amashyaka arashyamiranye; ubutabera ntibwihutira kurenganura abarengana, kandi n’itangazamakuru ntabwo rirangwa n’ukuri. U Rwanda rero rukeneye abaruhumuriza; abarukunda koko nibarwitangire, maze ituze n’amahoro birusakaremo.”

(...) 7. Hirya no hino mu gihugu usanga abantu barebana ay’ingwe, biturutse ku macakubiri ashingiye ku moko n’uturere. Ntabwo abantu bakizerana; byageze n’aho bicana mu makomini amwe n’amwe: abahutu barasubiranamo n’abatutsi, uturere natwo tukagirana amakimbirane.

Ikindi giteye impungenge ni imyivumbagatanyo iri mu mashuri yisumbuye. Ibyo byica byinshi: bikomeretsa imitima, bikorora inzika, bikonona uburere bw’urubyiruko.

(...) ahandi harangwa imyigaragambyo ni mu bakozi, muri za gereza, ndetse no muri za komini hamwe na hamwe aho batishimiye abategetsi babo. (...) Twavugaga ko mu mpamvu zibitera harimo ubushyanirane bw’amoko, uturere n’amashyaka; hari n’akarengane no kutubahiriza uburenganzira bw’ikiremhamuntu.

Hari rero n’uko hamwe na hamwe ubutegetsi busa n’aho butariho cyangwa se ko butagishoboye gukemura ibibazo; ariko hari n’aho bukoresha igitugu n’iterabwoba.”

Gaspard GASASIRA « Perezida Habyarimana ararakaye » in Kinyamateka N 1371, Juin I 1992, p 11

Le Président Habyarimana ne voullait pas punir les autorités accusées d’avoir orchestré ces massacres :

« Ikindi kibazo yasubijye arakaye ni icy’umunyamakuru wo mu Mbaga Sylvestre Nsengiyumva wamubajije impamvu adakuraho nka ba Gatete, Rwambuka, kajerijeri n’abandi abaturage bashyira mu majwi ko ari abicanyi. Perezida na we yashushe n’umutongerera amutunga urutoki ahska kumwumvisha ko nta we ajya ahora ubusa, ko we ari umunyakuri. Ngo abo bose nta byaha abaziho ! »

Les partis extrêmistes:

L. N. « CDR ni iki ? » in Kinyamateka N 1372, Juin I 1992, p 10

Le CDR allait jouer un rôle important dans le génocide :

« CDR ngo ni impuzamugambi ziharanira Repubulika (Coalition pour la défense de la République). Ni ishyaka ryavutse mu ya nyuma, riza rifite amarere n’ubukana budasanzwe. Bene ryo bavuga ko riharanira uburenganzira bwa rubanda nyamwinshi, abahutu. Muri mitingi za CDR bihatira cyane kuvuga ububi, uburyarya n’ubugome bw’abatutsi. Bamagana kandi amashyaka yose atavuga rumwe na MRND. Kandi ni mu gihe, urebye neza usanga abari muri CDR bari no muri MRND. Ikibazo wenda kizavuka igihe cyo gutora.

Abashishoje imikorere y’iryo shyaka barivugaho byinshi. Bamwe bati ‘rikwiye guhagarikwa kuko ribangamiye ubumwe bw’abanyarwanda, kandi rikaba rishobora guteza imvururu zikomeye mu gihugu. »

Massacres des politiciens d’opposition:

Kinyamateka « Straton Byabagamba yasogotewe iwe ku manywa » in Kinyamateka N 1380, Octobre II 1992, p 2.

Les politiciens d’opposition étaient tués, comme Félicien Gatabazi, Emmanuel Gapyisi et autres :

“Abantu barakibaza impamvu yishwe, n’abagize umugambi wo kumucuza ubuzima. Byabagamba usibye ikiganiro cya Kiliziya Gatolika yatangaga kuri Radiyo, ikindi yari azwiho ni ukuba umukuru wa PL (Parti Libéral) muri Komini Kanombe. Urupfu rwe se rwaba rufite aho ruhuriye n’ishyamirana hagati y’amashyaka? Abenshi niho bagusha.”

GASASIRA G., “Bahunze interahamwe na Jandarumori iziherekeje.” In Kinyamateka N 1382, Novembre I 1992, p 1

Cet article dénonçait l’implication du gouvernement et de l’armée dans les massacres des Tutsi :

“ Ku itariki ya 26 Ugushyingo 1992 abanyarwanda 40 bahungiyeye muri Ambasade y’u Burundi iri mu Rwanda, bavugaga ko bahunze interahamwe n’abajandarume baziherekeza bakabatera amanywa n’ijoro, bakabasahura banabicamo.”

A. SIBOMANA “Editorial” in Kinyamateka N 1383, Ukuboza I 1992, p. 1

Cet article nous montre que même en 1992, les listes des personnes à tuer étaient déjà faites :

“Urugendo rwo gusaba amahoro mu mujyi wa Kigali, rwagaragaje ukuntu ibiri mu mutima w’umuntu ari amayobera. Bagiye I Nyamirambo, basa n’abizeye kuyatahana burundu. Amashyi yumvikanye havuzwe ko amalisisi y’abagomba kwicwa agomba gucika, na yo yagaragaje ko ibibabuzaga amahoro bizwi hose. Nubwo bagiye gusaba amahoro, abantu nibo bayibuzaga. Babishatse bayabona. None se gukoresha ibyuma, n’ibihiri, urubyiruko rubyigira hehe? Ni nde urutoza ubwicanyi? Amalisisi y’abagomba kwicwa se yo akorwa na nde? Akorerwa hehe? Byose bikorwa n’abantu, babigambiriye cyangwa bashukitse, ab’intamenyekana bakabigwamo.”

Les massacres des Bagogwe en Décembre 1992

Lire article de G.Gasasira, « Abagogwe bacitse ku icumu bakomeje gutotezwa », in Kinyamateka, no 1385 de Janvier I 1993, p.1 et p.6

Dans cet l'article, le journaliste décrit d'une façon détaillée le début, le déroulement et les conséquences de ces massacres. Tout cela s'est passé dans la commune de Kayove dirigé par le bourgmestre Mr Maburakindi Isidore. Les massacres ont été préparés et les autorités communales et militaires y ont joué un grand rôle. Voici les propos du journaliste :

Ikibazo cyagaragaye cyane muri Komini Kayove, iyoborwa na Burugumesitiri Isidore Maburakindi yari maneko ukomeye ku bwa Nduwayezu. Yaresheje inama muri segiteri Kayove ku gasoko ku Gihira ku itariki ya 23 Ukuboza 1992, maze abwira abaturatione ko ku itariki ya 28 Ukuboza bazakora umuganda wo gusaka ishyamba rya Gishwati ngo basaka abanzi bari bamaze iminsi bicira abantu muri iryo shyamba. Yabwiye abaturatione ko buri wese azakora ku ntwaro ya gakondo, maze bagashakisha abo Bantu baryihishemo. p.1

Itariki ya 27 Ukuboza 1992 yarageze, nyuma ya saa sita muri Rutsiro ku gasanteri kaho kitwa KAJUGUJUGU habera mitingi ya MDR bakavuga ko hakurya muri Kayove hari umugambi wo kurimbura Abagogwe. icyo cyuka cyari gihari kuko bazi ko gusaka Gishwati ari ukwica Abagogwe no kubarira inka. p.1

Deux représentants des Bagogwe sont allés voir le bourgmestre Maburakindi pour lui dire ces rumeurs qui circulaient dans la region concernant le plan de tuer les Bagogwe, ils voulaient également la protection de l'autorité communale au cas où les choses éclataient.

Uwo muni Abagogwe babiri barikoze no kwa Burugumesitiri Maburakindi bamugezaho ubutumwa bwa bagenzi babo ko bafite ubwoba bwo gupfa mu gihe cy'isaka ryo ku itariki ya 28 Ukuboza 1992. Maburakindi nta kindi yabamariye uretse kubabwira ngo nibatahe. Kugira ngo basakeiryo shyamba, Burugumesitiri Maburakindi yari yashatse abasirikare bo ku Gisenyi. Aho kuza ku muni w'umuganda wo gusaka biyiziye ku cyumweru ku ya 27 Ukuboza baragenda bakambika ku gasozi kari haruguru ya Komini, bahashinga amahema. Ni bwo rero byagezaga nijoro haza umugabo w'umuhutu yongorera Abagogwe ko bari burare babatoratoye. p.1

La chasse à l'homme a commencé le 28/12/1992 dans la nuit mais heureusement pour les Bagogwe, ils avaient été avertis par un de leurs voisins qu'ils allaient être attaqués dans la nuit. Voici ce témoignage :

Bwapfuye kwira mu ma saa yine z'ijoro abaturage babona amashyamba amurika mu mazu y'Abagogwe babashaka. Abagogwe bari barokaye mu ishyamba ku buryo nta n'umwe basanze mu mazu yabo. Abaturage batashakwaga ni bo berekanaga za butine z'abasirikari aho zanyuze kuri uwo munsu. Bwarakaye mu gitondo ku itariki ya 28 ba basirikari bazana na Burugumesitiri mu muganda. Bakoranyije abaturage ngo bawutangire, barireba biburamo abagogwe, ni bwo banjanye amazu yabo batwitse, basahuye, bavugaga ko ngo Abahutu n'Abatwa atari bo bashinzwe umutekano bonyine. Ubwo Abagogwe b'inkwakuze bari bambutse bahungana inka zabo bagana iya Rutsiro maze abatwikaga babakurikiraye bahanganira muri Segiteri Bwiza ya Rutsiro ku Kibuye.

Abateye i Kayove bahise banirara mu mazu y'abatutsi bo muri icyo kominu ya Kibuye, maze selire Karuruma bayihira inkongi. Hatwikirwa Mwambali, Kurere, Rudakubana, Mudidi n'abandi. Ubwo impunzi zivuye i Kayove zabonye mu nkengero za Kibuye hafashwe zifata inzira ijya ku biro bya kominu Rutsiro. Ku munsi wa mbere bahageze ari 50 (ku ya 28/12/92), naho ku munsi wa kabiri hiyongereyeho 115. Abakwiriye imishwari kandi ni bo bari benshi. p.6

Cette attaque des Bagogwe avait été préparée bien avant comme il a été confirmé par le journaliste :

Abagogwe bo bivugira ko byabanje kwigwa kuko n'uwababuriye yababwiraga ko hari buze abasirikari mbere akaba ari bo babiyicira. N'ikimenyimenyi Burugumesitiri Maburakindi ubu aramushakisha uruhindu ngo ni we wateye umwuka mubi kandi abaturage ubwabo bamwizera. Ikindi ni uko inzu nyinshi zakongejwe abasirikari na Burugumesitiri bahari, byamara gukwira selire ya Gihira bakigendera. Nta wakomakomye byibura ngo babireke. Burugumesitiri yahagarutse hashize iminsi itatu abarirwa inkuru. Ntibumva nanone ukuntu Maburakindi yemeye gukoresha uwo muganda kandi yamenyeshejwe mbere ko bari bwo Abagogwe bakanabwirira inka. Intumwa ebyiri zamugezeho ndetse nibyavugiye muri mitingiri ya MDR i Kajugujugu yari yabimenye. p.6

Les massacres répétés des Tutsi de la commune Kibilira

Lire Editorial de Kinyamateka, « i Kibilira badahinduye abahatwara imvururu zizasiga umwe abandi bamaranye », in Kinyamateka no 1385 de Janvier I, 1993, p. 8

Kinyamateka souligne qu'à cause des massacres répétés des Tutsi de cette commune, certains ont pris la décision de se réfugier dans des régions plus calmes. Il dit que les gens qui sont poursuivis par les membres de la CRD ne sont pas seulement les Tutsi, mais également les militants du parti MDR. Il le dit en ces termes :

Muri Komini Kibilira yo ku Gisenyi, abahavukiye bahafite n'igisekuru batangiye kuhahunga. Abo ni abarimu, abaganga n'abacuruzi bagikanyakanya, kuko abandi babishe. Abapfa ni abatutsi, ndetse n'abarwanashyaka ba MDR kuko ari yo ihari, baratotezwa. Byagaragaye na none muri iyi minsi y'Ubunani bwa 1993. Ibitero kandi bisigaye biyoborwa n'abahagarariye CDR muri Komini. Uretse abapfuye, impunzi ziri kuri Paruwasi ya Muhororo ziragera kuri 420.

Le journaliste de Kinyamateka donne quelques exemples de tueries et d'autres violations des droits de l'homme dans cette commune :

Umusaza Gashugi ufite imyaka 63 y'amavuko akaba atuye i Mukoma muri Segiteri Gatumba ni we wahaboneye ishyano kandi yarahavukiye. Amaze gupfusha abantu 6 mu bihe nk'ibi binyuranye. Aragira ati : 'Kera numvikanaga n'abahutu, dusangira akabisi n'agahiye, ndetse nza no kubashyingira, nyamara abantu banshizeho ndeba barimo n'umugore wanjye ndetse n'uriya mukwe wanjye ngo kuko yadushatsemo. Ikintu cyose kibaye, abanyakibilira usanga batubutse. Nshimwe nshimwe rero y'ino aha, ni yo itumaze. 'Bati' Mufate ibyitso bakaba aba mbere ndetse bagashaka no kuba aba mbere mu kubyica. Ubu noneho ngo nibanyure iza hafi bajye iwabo muri Toropiya (Etiyopiya). Rya jambo rya Mugesera ni ryo abasakiza ingo baza bavuga. Uwitwa Yohani Batisita

Kanyabukombe Cosmonaute murumuna w'uriya Valensi wapfuye, arivugira ko na se bamwishe mu 1990. Ejo bundi ku Bunani na bwo bica mukuru we. Ababishe arabazi. Aho kugira ngo ubutegetsibubakurikirane, burakurikirana ngo ibyasahuwe kandi rubanda baturanye berekana neza ba nyiri ukubica birirwa bagenda ku mapikipiki. Hanabuze n'abandi Bantu batatu. Il continue son témoignage:

Iby'ejo bundi na byo byaturutse ku ba Sederi baririmba ngo 'tuzitsembatsembe' ngo baje kubohoza MDR. Biremye udukiye muri Segiteri Karengo basahura amazu, bakura inzugi, batema ibitoki, ndetse hamwe bagenda basenya za rukarakara bakajugunya. Hari abaturage bagiye muri MDR batuye muri Segiteri Rongi, ariko abenshi barara hanze na Konseye wabo. Abapfuye mu 1990, abenshi baguye muri Rubona na Kirengo. Raporo za Leta ngo zemeza ko i Kibilira icyo gihe haguye abagera kuri 300, ariko abihayimana bo muri ako gace bemeza ko bakabakaba 600. Hari abavuga ngo bapfuye amashyaka nyamara se hari umututsi wajya mu rindi shyamba i Kibilira akaramuka? Bose bari muri MRND, ariko ni yo yahindukiye irabatema nk'uko ubwabo babyivugira. Ni ukubashukisha ibintu by'amashyaka mu by'ukuri ntaho bihuriye.

Selon les propos de Gashubi qui est un rescapé de la région, les tueries de cette commune ne s'arrêtent pas parce que les gens qui planifient et qui font exécuter ça sont toujours au pouvoir :

Igituma bitahashira rero, ngo ni uko abatoje abandi kwicana n'ubu bakiri mu myanya yabo. Usibye superefe wa Ngororero wipfiriye na Burugumesitiri agahabwa indi mirimo, abandi bose baracyahari. Kiliziya ni yo yapfaga kubahururiza none na telefoni yabo barayishe. Muri make rero usanga hari gahunda yo guhungura ubwoko tutsi, muri kariya karere, mu mashuri, mu turimo utwo ari two twose, n'iyi bapfa bese ariko bakahimuka.

Rapport de la commission ad hoc mise sur pied par l'ONU pour enquêter sur les violations des droits de l'homme au Rwanda d'Octobre 1990 à 1993

Lire article de S. Nkubili, « Abantu barenganijwe kuva intambara yatera ntibabarika », in Kinyamateka no 1385 de Janvier I 1993, p.11

A cause de la pression des associations rwandaises de droits de l'homme mais également des personnes privées (voir leurs déclarations de mars 1992 qui accusaient le gouvernement rwandais d'avoir un grand rôle dans ce qui se passait au Rwanda, mais également ça mauvaise volonté de résoudre cette question de violation des droits de l'homme) ; c'est par là que l'ONU a mis sur pied cette commission.

Quel était l'objectif de cette commission ?

Anketi igamije kwerekana abagize uruhare mu iyicwa ry'abantu bo mu turere tumwe. Bityo abo bazize bagashobora gushyikirizwa inkiko no guhabwa ibihano n'ubutegetsi.

Voici la situation du Rwanda en matière des droits de l'homme à la veille de cette enquête, selon Nkubili le journaliste de Kinyamateka:

Abasivili b'inzirakarengane barapfuye, rimwe na rimwe bagashyirwa hagati cyangwa imbere y'ingabo. Abana b'ingimbi baba barashyizwe ku rugamba. Abavanywe mu byabo bazize inzara n'indwara zinyuranye. Hamwe na hamwe baba baratabye abantu mu byobo rusange (Byumba, Ruhengeri, Kanombe). Ibintu byabahunze intambara byahise bitezwa cyamunara ku buryo butumvikana. Ahandi barasahura, banasenya amazu y'abandi.

Ikindi gikomeye ni ifatwa ry'abantu nyuma y'ikinamico ryo mu ijoro ry'uwa 4 rishyira uwa 5 Ukwakira 1990. Abantu bose ubutegetsi butahumeka bakorewe amalisiti, amoko yose ariko cyane cyane abatutsi n'abacuruzi batashakwaga. Bamwe bishwe urubozo, abandi baricwa: Cyafubire i Rwamagana, Kagango I Kibungo, Karanganwa na Karambizi I Kigali, Gakuba na Kamugunga i Butare, etc.

Ingo zatewe baraziba ahandi ababyeyi bafatwa ku ngufu. Hari abafashwe bagafungwa, bafunguwe ntibasubizwa mu kazi. Abo ni nk'abakozi bo muri BCR, BNR, ndetse na BACAR. Ababyeyi bafite abana bagiye mu Nkotanyi na bo bacunzwe ay'ikoba batotezwa n'abategetsi nk'aho ibyo bibaye ibihanirwa ari bo byaba bireba.

Umukuru w'igihugu nawe yashyuhije imitwe y'abaturage kubera amagambo mabi: tuzabahorera, ibyitso mubitunge agatoki,...Igihe Inkotanyi zitera Ruhengeri zigatwara imfungwa zimwe, abantu babikurijemo guhohoterwa. Bamwe ndetse bishwe

n’abasilikari. Abo ni Bizimana, Ndayambaje n’abandi batahise bamenyekana. Hari na za mini, grenade n’zindi mfu z’abantu hakoreshejwe imbunda.

Muri rusange Prefegitura zose z’igihugu zagiye mu cyunamo cy’urugomo no guhohoterwa kuva intambara yatera. Byaje guhumira ku mirari kuva aho abayoboke b’ishyaka CDR batangiriye gushyamiranya amoko muri mitingi zabo. Umutekano uragegwa ku mashyi mu gihugu. Mu turere nka Kibilira, Bugesera na Kibuye abaturage barishwe, bene kubikora ntibafungwa.

U Rwanda Komisiyo Mpuzamahanga ijemo gukora anketi ni uko ruteye. Rurica umusubizo abategetsi barebera cyangwa bahagarikiye, nubwo banga bakabyigurutsa.

Ndetse abadashaka ko ibintu bihinduka, bararwanya demokrasi batsimbarara ku butegetsi, ntibatinya kuvuga ko nta karaba, ko imiborogo itaracura .

A. SIBOMANA, Editorial in Kinyamateka N 1413, Mars I 1994, p. 1

Il demandait aux politiciens de trouver une solution aux massacres dans le pays:

“Ukuntu abanyapolitiki bo mu Rwanda bagaragura rubanda mu byago, indwara n’ubukene bya hatu na hatu biteye agahinda. Kuva hambere ntibahwemye kuririmba ko bashaka amahoro ariko koroherana ngo agerweho wagira ngo ni inzozo zitazagira uzikabya. Ubwicanyi busigaye bwarabaye nk’ifunguro rya buri muni ku bibwiraga ko bacitse ku icumu ry’intambara. Muri iki gihugu, haba mu murwa mukuru cyangwa ahandi, hari abantu bahora bacura imigambi yo kwica. Abantu bagaturikanwa n’ibisasu; bagaterwa ibyuma, bakaraswa cyangwa bakanigwa bamaze gikorera ibya mfurambi. Byagera ku bagore n’abakobwa ho rero ubugomee bagirirwa bukaza ari agahomamunwa.”

LES ATTAQUEES DES ABACENGEZI ET LEUR CONSEQUENCES

Mu nyandiko ya L.NIYONGIRA igira iti: « **Amakuru y’u Rwanda: Mu Ruhengeri umutekano uracumbagira» Kinyamateka, No 1435, Mutarama 1996, Umwaka wa 63.** « Tariki ya 5 Mutarama 1996 twagiye kureba uko umutekano wifashe mu Ruhengeri ibyo twabitewe n’inkuru yari yatangajwe na Radiyo Rwanda ko hari abantu bateye

Komini Nyakinama bagafungura kasho ya Komini, bagatwara abari bayifungiyemo bakanivugana n’umupolisi wari uyirinze...ku wa kane tariki ya 4 Mutarama 1996 mu ijoro, guhera mu ma saa tanu humvikanye urusaku rw’amasasu muri Nyakinama, Buridadiye w’iyo Komine akaba yishwe. Ubwo abasirikari ba Minuar n’abakozi ba HCDH bahise bajyayo, ariko basaanga umurambo wahavuye. icyo babonye n’ibisinga by’amaraso imbere ya kasho ya Komini. Bahasanze IPJ, naho Burugumestri yari yagiye mu Ruhengeri. Basobanuriwe ko ari Subusititi wa Porokireri watwaye umurambo. IPJ akaba yarasobanuye ko muri iryo joro Komini yatewemo, muri kasho hati hafungiwe abantu 8, hari n’uwa cyenda wari wararanye na Burigadiye, ngo kuko yari yafatiwe icyaha kidakomeye. Abo bateye ngo baraje bategeka Burigadiye Ruboneza gufungura Kasho arabamvira, ariko ntibyababuzaga gusiga bamurashe amasasu atatu bamutsinda aho...Urupfu ruhora rurekereje mu Ruhengeri. Mu mpera za 1995, muri Cyabingo hagiye hapfa abantu mu bintu bitumvikana. Habanje urupfu rwa Konseye wa Segiteri Kavumu Mpabadashima Emmanuel, yishwe n’abasirikari bari kumwe n’uwahoze ari Konseyi w’iyo segiteri Ntahomvukiye Deogratios ubwo bamukuye mu kabari mu mugoroba wok u ya 15/12/ 1995, bamubwira ngo naze bajye gufata umuntu. Bageze ahitaruye bamurasa urufaya. Hashize iminsi ibiri, abandi bantu batanu barimo kwifatira agatama mu kabari batsindwamo nabwo barashwe. Abo ni Birinone, Kanywarutoke na Habimana. Mu ijoro ryo ku ya 29 rishyira icya 30 Ukuboza 1995 hishwe abandi bantu batatu basanzwe mu nzu, bari mu gufungura. Ni abitwa Nduwayezu, Bizimana na Kwizera. Ibyo bintu byari byateye abaturage ubwoba. **Ngo ni itsembatsemba ryatangiyeye.** ...Muri Nyarutovu ho haherutse kwicwa umuntu ngo wahoze ari Umukapiteni mu ngabo za kera tutabashije kumenya izina. Ngo yajyaga akoresha inama abaturage, abasaba gutanga umusanzu w’ingabo ziri hanze y’igihugu.

Naho RWAGAHILIMA A. aragira ati « Mbe Leta ko wicecekeraga mu bibazo bikomeye by’amasambu ? » Ninde ufite uburenganzira ku masambu n’amazu byasizwe n’impunzi muri 59 ?..Icyo ni ikibazo gokomeye, ubutegetsu buriho ubu butari bwafuturaga. ... Abanyarwanda bari barahunze cyane cyane muri 59, muri 73, na nyuma y’umwaka wa 1990 magingo aya baratahutse. Bamwe basanze amazu basize bubatse mu masambu yabo, amwe akiriho, yaraguriwe cyangwa yaraguzwe n’abandi..... Urugero ni ikibazo kiri hagati y’Umuryango w’Abizeramariya n’umugabo witwaga Gacinya Faustin bombi

batuye i Kibungo mu muji. Abizeramariya b'i Kibungo mu muji bari basanzwe batuye mu nzu yahoze ari iy'umugabo witwa Gacinya Faustin mbere y'uko ahunga, akaba yari Umutware aho i Kibungo mbere y'Ubwigenge. Ejo bundi rero intambara irangiye Gacinya Faustin yarahungutse nk'abandi n'umuryango we, asanga inzu n'isambu yasize bikiri aho, yegera Umwepisikopi wa Kibungo Musenyeri Rubwejanga Ferederiko amusaba mu magambo kumuhesha ibye (inzu n'isambu) byari bititwe n'Abizeramariya, aza no kubimwandikira abimusaba mu ibaruwa yo ku wa 17/7/1995. Musenyeri Rubwejanga yamwandikiye tariki ya 9/9/1995 amumenyesha ibyo yari yaramubwiye mu magambo, ko bidashoboka ko yasubizwa inzu n'isambu yasabaga, kubera ko umuryango w'abizeramariya waguze iyo nzu n'isambu bya Gacinya n'Ubuyobozi bwa Komini mu mwaka w'9172. icyemezo cyo kubigirisha kikaba cyari cyarafashwe n'Ubuyobozi bwa Komini Birenga tariki ya 8/07/1996. Gacinya Faustin asa n'utaranyuzwe n'ibisobanuro yahawe na Musenyeri Ferederiko Rubwejanga n'ibimenyetso by'ubuguzi yagaragarijwe kubera ko ku itariki ya 11 Mutarama 1996, yazanye n'umuryango we binjira mu cyumba cy'uruganiriro cy'iyo nzu ibamo abizeramariya babamenyesha ko baje gutura. ... ».

Le rapport de Degni René Segui sur la question de droit de l'homme au Rwanda

« René Degni Segui yongeye gukora raporo ku Rwanda » Nyuma ya raporo yo ku ya 28/6/1995, umuvugizi wihariye ku Rwanda wa Komisiyo y'Umuryango w'abibumbye ushizwe uburenganzira bw'ikiremhamuntu, Bwana René Degni Segui, yasohoye raporo ku ya 29/1/1996. Iyo raporo igizwe n'ibice bine. Hari igice kivuga ku itsembabwoko ryabaye mu Rwanda, uko ryakozwe, n'aho ibyo gukurikirana abarigizemo uruhare bigeze. Igice cya kabiri kivuga ku ihonyorwa ry'uburenganzira bw'ikiremhamuntu rikorwa ubu mu Rwanda. Ikindi gice kivuga ku itahuka ry'impunzi, uko zirukanwe ku ngufu n'uko zakiriwe. Igice cyanyuma kigizwe n'ibyifuzo byerekeye gufasha abarokotse itsembabwoko, gukurikirana abakekwaho kuba baragize uruhare mu itsembabwoko, guhagarika ibikorwa bibangamiye Uburenganzira bw'ikiremhamuntu, gukora ku buryo impunzi zatahuka mu mahoro hakurikijwe ibyemezo byagiye bifatwa mu nama zinyuranye zize icyo kibazo no gukemura ibibazo akarere k'ibiyaga bigari gahura gahuriyeho » muri iyi nyandiko Niyongira L. aribanda gusa ku gice kirebana

n'uburenganzira bw'ikiremwamuntu aho agira ati : « Uburenganzira ku mutungo ntibwubahirizwa..Ni ikibazo gikomeye mu Rwanda, kandi kukibonera umuti ni insobe. Nk'uko raporo ya René Degni Ségui ibivuga, hari imijyi mike imwe n'imwe idafite ibibazo biturutse ku kwigabiza iby'abandi, kuko hakiboneka amazu adatuwe, ndetse hari n'uburyo bugaragara bwo gukemura amakimbirane avutse kubera imitungo. Aho ni nko ku Gisenyi, mu Ruhengeri no ku Kibuye. Ariko ahenshi ni aho ikibazo cyo kubohozza gikomeye, cyane cyane i Kigali, i Byumba n'i Kibingo. Ibyo bikurura amakimbirane rimwe na rimwe ahitana ba nyir'ukubaza ibyabo.....Ibangamira ry'uburenganzira bwo kugaragaza ibitekerezo byawe rigaragarira mu iterabwoba n'ihohoterwa ry'abantu, cyane cyane abanyamakuru, abanyamadini n'abandi bafite imirimo yindi ituma bagaragaza icyo batekereza mu magambo cyangwa mu nyandiko. Aba mbere bibasirwa ni abanyamakuru. Ibinyamakuru byaranyozwe. Aha raporo iratanga ingero za nimero z'ibinyamakuru byabujijwe gusohoka : Arc-en Ciel, le Message-Intumwa, Le Tribun du Peuple na Le Partisan. Raporo iributsa kandi ihohoterwa rya Mutsinzi Edouard wa Le Message – Intumwa ubu wabaye ikimuga burundu, na Manasse Mugabo wo kuri Radiyo MINUAR wabuze rwose.Abandi bogeweho uburimiro ni abanyamadini, cyane cyane abapadiri gatorika. Ingero ni nyinshi. Hari Padiri Simmard wo muri Kanada basanze yapfuye aboshye mu karere ka Butare. Hari Padiri Piyo Ntahobari wiciwe ku Kamonyi. Hari Padiri Ramon Amounarriz wo muri Hispaniya wagombye kwisubirira iwabo kubera itotezwa yashyirwagaho n'abasirikari bagiye kumushakishiriza mu kigo cya ababikira b'Abafaransisikani bakubita abo babikira.Ngo hari n'amakuru avuga ko na Padiri Blanchard uzwiho kuba yararwanye ku bantu benshi muri Paruwasi ya Nyamirambo arebwa nabi. Na Musenyeri Andereya Sibomana, Umuyobozi wa Diyosezi ya Kagbayi akaba n'umwanditsi mukuru wa Kinyamateka ndetse akaba anaharanira uburenganzira bw'ikiremwamuntu kuva no ku ngoma ishize, nawe amenyereye iterabwoba ashirwaho n'abasirikari ba APR. Hari rero n'abayoboze ba Kiriziya y'Abadivantisiti b'umunsi wa karindwi bafungwa ngo bishe amasaha y'umukwabu cyangwa ngo basuzuguye ibendera ry'igihugu. Abandi bantu batoterezwa ibitekerezo byabo bavugwa muri Raporo ni Abacamanza. Abadepite, Abanyamashyaka, n'abaharanira uburenganzira bw'ikiremwamuntu iyo batinyutse kuvuga bisanzuye. Hari uwitwa Gakwaya Rwaka Teobald wo muri LIPRODHOR wakojejwe mu kasho ngo yavuze ko u Rwanda rutaraba

igihugu kigendera ku mategeko, n'uwitwa Barabwira Yohani Batisita, Perezida wa CLADHO nawe wari wafunguwe bene izo mpamvu. Raporo iranavuga imiryango itagengwa na Leta yirukanwe, rimwe na rimwe izira ko ibona ikanavuga ibyo Leta yifuza guhisha....Ikindi gufata no gufunga abantu byasaga nk'aho bicigoye, byarubuye ndetse bifata intera. Hagati y'ukwakira n'Ugushyingo hafatwaga nk'abantu 550 m cyumweru, ariko mu gihe iyo raporo yakorwaga 1995 hafatwaga abantu bari hagati ya 800 n'1200 mu cyumweru. Aho bikaze cyane ngo hakaba ari muri Cyangugu, Butare, Gitarama na Kibuye, hakibasirwa ngo « Abahutu » bafite akazi, abarimu, abacuruzi, abahoze ari abasirikari mu ngabo za kera n'abakozi b'imiryango itegengwa na Leta. Kandi benshi mu bafunzwe nta na dosiye bafite. Nko mu Kwakira 1995, ku banyururu 2000 bari muri gereza ya Cyangugu, 160 bonyine nibo bari bafite dosiye. Iby'imibereho mibi cyane mu magereza ntitubitindaho, Kinyamateka yabivuzeho kenshi. icyo umuntu yavugaga kuri iriya raporo, ni abantu bakorerwa ibya mfura mbi muri za kasho za Komini, nk'izo muri Kibuye(Kivumu, Mabanza) Gikongoro (Rwamiko, Musange, Rukondo), Butare (Runyinya), Gisenyi (Ramba), Gitarama(Runda, Kayenzi)...Hari rero n'ubwicanyi buvugwa muri iyo raporo ababuregwa akaba ari ingeri eshatu : Leta, Interahamwe n'abahoze ari Ingabo za Kera, n'abantu batamenyekana ariko baba bambaye gisirikari. Ariko ubwicanyi bwinshi buba bwakwitirwa Leta kuko bukorwa n'abakozi bayo, abasirikari ba APR. Nk'uko mu Gushyingo 1995, habaruwe abantu 62 bishwe n'abasirikari. Iby'urupfu rw'abantu ibihumbi amagana byavuzwe na Twagiramungu Fawusitini wahoze ari Minisitiri w'Intebe,Ngo Perefegitura ya Gisenyi niyo yesa umuhigo mu bantu barigiswa, hagakurikiraho Kibuye, Ruhengeri, Kigali y'Umujyi na Kigali-ngari ».

Problème entre l'Eglise Catholique et l'état rwandais après le génocide

Amakuru dusanga mu numero zitandukanye za Kinyamateka zasohotse mu mwaka w'1996 (N°1459,1946, 1462, 1463, 1464, 1465,) ahanini zibanze ku kiganiro Kinyamateka yagiranye n'Abasenyeri aribo Mgr. Antoine Martinez ku ya 8/1/ 1997, Mgr Agusitini Misago Umushumba mukuru wa Diyosezi ya Gikongoro ku ya 10/1/ 1997,

Mgr Seriviliye Nzakamwita Umushumba mukuru wa Diyosezi ya Byumba ku ya 10/1/1997, Mgr Ferederiko Rubwejenga Umushumba mukuru wa Diyosezi ya Kibungo ku ya 9/1/1997, Mgr Yohani Batisita Gahamanyi Umushumba mukuru wa Diyosezi ya Butare ku ya 14/1/1997 na Tadeyo Ntihinyurwa Arkiyepiskopi wa Kigali akaba n’umuyobozi wa Diyosezi ya Cyangugu. Aha abasenyeri baragira icyo bavuga ku ngingo zitandukanye bagiye baganira n’Ikinyamakuru Kinyamateka.

Kuba Kiriziya Gatorika mu Rwanda itarabashije kugera ku inshingano zayo:

Aha Mgr Antonio Martinez aragira ati: « Icyamba mbere nabivugaho n’uko iza mvugo ntazemera. Baca umugani mu Kinyarwanda yuko ahari abantu hantuka urunururu. Birumvukana ibyabaye byarabaye kandi byakozwe n’abakirisitu. Si bo bonyine, ariko n’abakirisitu bari babirimo. Ariko icyo nshobora guhamya n’uko no muri ibyo bihe kibi, hagaragaye ubutagatifu mu bantu benshi b’abanyarwanda kandi mu nzego zose. Ari mu rwego rwa abasaserdoti, ari mu rwego rw’abihaye imana, ari mu rwego rw’ababyeyi, ndetse no mu rwego rw’urubyiruko. Ubwo rero iza mvugo ntabwo nshobora kuzemera. Icyakora birumvikana ko hakozwe ibintu bibi, habaye itsembabwoko n’ubwicanyi ariko byakozwe n’abari abakiristu n’abatari bo.»

Naho Mgr Misago Agusitini aragir ati: “ Nsobanure se ko yatsinzwe kubera ko mu bayoboze bayo, ngo harimo abantu bagiye mu by’itsembabwoko n’itsembatsemba. Ubwo bakavugaga ko ubutumwa bwatanzwe butageze ku inshingano zabwo. Ndabona ko aho ngaho harimo gukabya no kwirengagiza ibintu babona.... Njyewe ndabona yuko Kiliziya ntabwo yatezutse ku murimo wayo ngo ibe yakoreye ubusa. Yego wa mugani hari abagize nabi bajya mu bwicanyi ariko ntitwakwirengagiza yuko hari n’abandi benshi babwitaje kandi ndetse banaburwarwanyije. Ikindi kandi, urabona ingero nyinshi. Hari abantu bapfuye koko, ariko kandi hari n’abandi benshi barwanyije ubwicanyi babugaya, ubusanze kandi, n mu mateka ya Kiliziya birasanze, burya Kiliziya ni nk’umurima w’amasaka, ushobora kweramo amasaka, imbuto nziza, ariko kandi hakabamo n’imbuto mbi bita urukungo.....ni ko umuntu umuntu yasobanura nyine ibyabaye kuri Kiliziya mu Rwanda muri ibi bihe”.

b) Inyigisho z'ivanguramoko za Kiriziya Gatorika ifatanyije na Leta

Aha Mgr Antonio Martinez aragira ati:« Ntabwo nshobora kucyemera. Dore maze imyaka 34 mu Rwanda kandi ni ukuvuga ko nigishije inshuro nyinshi, amasaha menshi. Iminsi myinshi, imyaka myinshi mu nzego zose : mu rubyiruko, mu bakuru, njye ubwanjye ntabwo nigeze nkoresha ikintu kitari ivanjiri ya Yezu Kristu, abo twabanye nta mupadiri ntigeze numwa yigisha abantu igishobora gutera abantu kwangana, igishobora kubiba urwango mu mitima y'abantu. icyakora birumvikana, mu mitima y'abantu...baca umugani mu Kinyarwanda ngo kami ka muntu ni umutima we. Ubwo ntabwo dushobora gitegeka imitima y'abantu. Umuntu arigisha. Atanga urugero, arababwira. Cyakora ari nnyewe ubwanjye cyangwa mu bapadiri twabanye, ari banyarwanda, ari Abapadiri b'Abamisiyoneri, sinigeze byumva. icyakora numva babyandika, biravugwa. Usibye yuko umuntu ashobora kugira aho aba, nyewe nzi abapadiri bafite inshuti impande zose, abandi yanda kubera aho babaye, kubera yuko higanje yenda ubwoko ubu n'ubu, bashobora kuba bafitanye ubucuti na kanaka na runaka, bati uriya yegamiye igipande iki n'iki. Birashoboka ko umuntu ashima ibyiza umuntu asanga mu bo babana, akagaya ikibi mu bo babana. Ibyo ngibyo bashobora kubyita kubiba inzangano sinamenya. Cyakora ubwanjye sinigeze mbibona.»

Kuri Mgr Misago : « Ntabwo byigeze bibaho ko Kiliziya yakwigisha ivanguramoko. Ntibishoboka, kuko binyuranye n'ubutumwa ishizwe kwamamaza, kuko binyuranye n'Ivanjiri. Nkabona rero yuko ahubwo, nyewe icyo babivugira sinzi aho bashingira kuko ubwabyo ntahantu na hamwe, nta nyandiko n'imwe, nta butumwa, nta rwandiko rw'Abashumba ba kiliziya bagira bati wasanga bogeza amoko. Ahubwo buri gihe, mu nzandiko twagiye twandika Abasenyeri bagiye bandika, kenshi na kenshi bagiye bamagana irondakoko n'irondakarere kuko aribyo bimunga ubumwe bw'abanyarwanda. Ibyo na byo kandi twabitanzeho igisubizo muri ya baruwa yo muri 95 »

Mgr Nzakamwita S. aragira ati : « icyo kirego cyo kirakosheje. Uko bakivuga korakosheje. Kiliziya ntiyigeze yigisha ivanguramoko, muri uwo mugambi wo gutanya abantu n'abandi.Ivanjiri twigisha iragaragara ariko abantu ni abantu, hari umuntu ushobora kwigisha ivanjiri mu buryo butari ukuri, akabogama, akabogamir ku bintu ibi n'ibi, yaba umukristu usanzwe yaba ushinze iyobokamana mu nzego zose, uwo muntu ntabwo yakwitirirwa Kiliziya ngo Kiliziya yarakosheje. Yego ni uw Kiliziya, kuri urwo

rwego Kiliziya ifite ingingo ziyihemukira, zikayihemuza, ariko ntawavuga ngo Kiliziya yigishije ivanguramoko. N'iyoyaba Padiri cyangwa Musenyeri runaka yenda wabogamye, akigisha ku buryo budahuje n'ivanjiri, ntabwo wamwitirira Kiliziya, yakwitwa undi wundi. »

Kuri Mgr Rubwejanga F. « icyo mbere navugurwose n'uko Kiliziya ubwayo itigishije ngo umuhutu niyange umututsi, umuhutu narwanye umututsi, kuko Kiliziya itigisha ibyoyihimbiye, kiliziya yigisha ivanjiri...Niba hari uburyo Kiliziya yagiye yigisha, ikora, abantu bakagira bati ntacyo bitwaye kwanga umututsi, wenda Kiliziya ntibirwanye ngo ibitsembe, aho ngaho wanda niho ikibazo cyashingira cyo kuvuga ko kiliziya itakoze ibishoboka byose kugira ngo yirinde kuba yaha urwaho abashaka gukurikira amoko...aho ngaho tukaba twakwemera tukagira tuti, koko ntabwo twakoze ibishoboka byose. icyo niba cyarabayeye, ni ukureba icyo mvugo n'innyandiko, bakayisesengura, bakaba bagira bati »iriya mvugo ya kanaka na kanaka yaba koko yareteye icyo kintu, icyo nenge yo gukurikira amoko. Nayo kandi mu gasesengura, bakaba batandukanyaga icyo umuntu yavuze n'icyo cyabyaye, bakagidandukanyaga n'uko yabishakaga.

Kuba Kiriziya Gatorika y'u Rwanda itarabashije kugira icyo ikora mu Jenocide

Mgr Antonio Martinez aragira ati : « Aho ngaho icyo navuga ni uko Abapostopiki banditse byinshi. Kandi ndetse ...bigeze no gusohora igitabo kirimo inzandiko z'Abepostopiki zo muri icyo myaka y'intambara. icyo navuga n'uko utavugaga ngo habayeye ubwicanyi aha n'aha, ku izina, ngo bavuye izina ry'abantu ubwo bwicanyi bwabereye, no bavuye umubare w'abantu, ariko ibindi kuvuga ko ubwicanyi atari byo, murabisanga inshuro nyinshi cyane muri izo nzandiko. Ariko na nyuma yaho, umuntu yumva Radiyo ivugaga ko hari umutekano muke hirya no hino, hakaba hapfuye abantu aha n'aha, ha nyuma birakomeye kuhagera kugira ngo umuntu abare umubare w'abapfuye cyangwa kugira ngo umuntu abare amenye amazina. icyakora nk'ino umwaka ushize (1996) babivuze na byo muri Radiyo, muri icyo Perefegitura habayeye ubwicanyi bw'abantu barenga mirongo inani, n'ejubundi kuwa gatandatu (Ndlr : ku ya 4 Matarama 1997) habayeye ubwicanyi bw'abantu barenga 60 muri aka karere...(impamvu abepostopiki bataba baragiye nko kuri Radiyo cyangwa ngo bashakishye ubundi buryo bahite babwira abaturage bati « nimuhagarike ubwicanyi ») ..Jyewe, Mgr Antonio Martinez, ntabwo nari ndi muri urwo rwego icyo

gihe. icyakora ubu nzi ko Abepeskopi babyandika, bakabivuga, kuburyo babishoboye. Babivuze inshuro nyinshi mu nzandiko kuva 1994, mu butumwa mu nzandiko boherereza abakristu. N'ejobundi mu butumwa bwa Bunani hari amagambo arimo ugasanga abapiskopi basaba imbabazi bagira bati « dusabe imbabazi kubera ko umuco wo kumena amaraso utaradushiramo » (Kuba na nyuma ya jenocide ubwicanyi bwarakomeje ariko ugasanga ntakinti kiriziya Gatorika ya Ruhengeri ikora ngo ibwamagane ?) Jyewe, Mgr Antonio Martinez, sindandika amabaruwa (araseka) ariko mu nyigisho ntanga mpera ku Ivanjiri. (Kubera iki mutandika amabaruwa ?) Mgr Antinio Martinez aragira ati : « Kuko igihe kitaragera cyo Kwandika amabaruwa (araseka)...ariko mu nyigisho ntanga nkoresha Ivanjiri ku buryo abantu bashobora kumva bihagije icyo Nyagasani Yezu atubwira ku biriho. Yenda sinzi niba ari ngombwa cyangwa igihe kigeze cy'uko umuntu yavugaga ati aha n'aha habaye ibi, umubare n'uyu, abantu ni aba bishwe na kanaka na runaka kandi umuntu adafite uburyo bwo kuhagera kugira ngo avuge ukuri gihamye.

Kuri iyi ngongo Mgr Misago aragira ati : « icya mbere cyo mugomba kureba ibihe twari turimo uko byari bimeze. Nta wari ufite aho avugara, nta wari ufite n'amayira acamo kugira ngo abantu bajye inama barebe icyo bakora. Byari bigoye. Muzi ko amayira no gutumanaho bitari byoreshye, nako byari bitakiriho. Hagati ya amaperefegitura byari bitakiriho, ikindi, ibyo aribyo byose, nzi ko mu ntangiriro hari ukuntu, mu izina ry'abapiskopi, hagize ubutumwa butangwa, yenda ntibwumvukane neza, kubera ko nyine abo bwahabwagwa bari bararenze igihe cyo kumva, batacyumva, batagishaka kumva kandi n'abakristu ntibabugezwaho kubera ko kugutumanaho bitari bigishoboka. icya mbere cyo ndibuka ko hari itangazo rirerire cyane Nyakwigendera Mgr Tadeyo Nsengiyumva, umwepisikopi wa Kabgayi akaba na Perizida w'inama nkuru y'abepisikopi yatanze ngira ngo niba nibuka neza hari tariki 16 z'ukwa kane. icyo gihe ibintu byari bimaze gukomera, ibyo ngibyo nyine yarabivuze. Atabaza amahanga avugaga ko twabyumvikanyeho, ariko kuko tutashoboraga guterana ngo tubisinye twese, arabisinye mw'izina ryacu. ...Uretse ko kwari kugosorereza mu rucaca, icyo gihe abantu bari bararenze ihaniro....Urebye, urabizi ibirego bikunze kugaruka. Ni nk'ibyo bagiye barega mugenzi wacu Padiri Sibomana bamwijundika. Bakomeza babisubiramo, bavugaga ibintu bimwe....nk'ubu har akanyamakuru kitwa Umusemburo kongeye kubisubiramo bya bindi byo kuvugaga ngo natanze abapadiri ndabicisha , ngo ndaba....(nta cyo bavuze)

ibintu nk'ibyo byinshi . Mbese nka bya bindi bigeze kunyandika mu binyamakuru mbere bansebya. Cyangwa kuvuga ngo abantu bampungiyeho ndabirukana. Ibyo ngobyo n'ibintu birazwi kandi ni ibinyoma kuko n'ubucamanza, ababishinzwe baje kmpa interrogatoire kumbaza hano, bajya kwiga dossier. Kugeza ubu ngubu ndumva basa n'ababona ko ntayo babikurikiranyeho. »

Naho Mgr Nzakamwita Seriveliyani aragira ati : « Nanjye koko iyo mbonye ibintu byabayeye muri iki gihugu kiriko abakristu barenga icya kabiri, tukinjira mu bintu twabonye, nanjye mbona ko twatsinzwe. Umusaruro w'imyaka ijana y'ubukristu ntabwo ari uyu twari dukwiye kugira. . Aho mbona rwose ko twararumbije. ..ibyabayeye mu Rwanda kubyerekeye iyobokamana, twararumbije ».

Uko kiriziya Gatorika ibona inyigisho z'Ubwiyunge zitangwa na Leta

Mgr Antinio Martinez aragira ati : Kiriziya igendera ku Ivanjiri. Ubwo rero niyo nzira tugomba kunyuramo. Ku buryo icya mbere tugomba gukora muri Kiriziya kugira ngo tugere kuri ubwo bwiyunge, tugomba kubushingira ku kuri, ku kuri, ku kuri, nkabisubiramo. Ntabwo tugomba kwibeshya cyangwa se ngo tubeshyere abandi cyangwa tukabahisha ibitekerezo dufite. Tugomba kigendera ku kuri kuko ibintu birakomeye.

Mgr Misaga we aragira ati : « Ibya aribyo byose biragaragara ko nyine harimo ukuntu wenda mu bana bayo cyane cyane mu rwego rw'abihaye imana, Abasaseridoti, Abepisisikopi n'abandi hashobora kubaho ikintu cy'ubwumvikane buke cyangwa se co guhemukirana. Urabona ko, nk'ubu ngubu, uzi ko nk'abantu bamwe mu bapadiri cyangwa mu bihaye imana, bafugwa bari mu munyururu cyangwa se bijundikwa n'ibinyamakuru, kenshi na kenshi , ababatunga agatoki ni bagenzi babo b'abapadiri. Ni abapadiri barega abandi. Kandi rero, urabona nyine igihe cy'itsembabwoko abapadiri benshi bapfuye, abari bibasiwe cyane n'abapadiri b'abatutsi. Abapadiri b'abahutu bo baraho. Bakaba babwirwa bati « ahubwo ntimwaturwanyeho ». ibintu nk'ibyo. Mu mpunzi z'abanyarwanda ziri hanze ubu ngubu, hari abapadiri batari bake bagiye, babaga mu nkambi hakurya iriya za Zayire cyangwa se bari mu Bulayi. Abo bose, urumva ko muri mu Rwanda, muri Kiriziya y'u Rwanda, n'abo ngabo batotezwaga mbere, kugira ngo babane, bakorene neza bizerane hagomba kubaho ingabire ndangakamere ibafasha

kurenga ibyabaye, no kurenga nyine kuba babarirwa mu bwoko ubu n’ubu. Simvuga ko Kiriziy yacitsemo ibice ariko rero ntihabuzemo ikintu cy’umwuka w’ubwumvikane buke wabaho utewe n’uko wenda mu rwego rw’abihayimana harimo ab’abahutu n’ab’abatutsi kandi ibyo byose byabaye ntibyabaize amahoro. Kandi naho waba uri padiri cyangwa se Musenyeri, burya igihe uri umuntu ntiwaburamo uruntu runtu....abantu tuvuga « ubwiyunge, ubwiyunge » ariko inzira y’ubwiyunge ni ndende. Ubwiyunge ntabwo ari ikintu cyoreshye. ..bizashoboka ariko bizasaba igihe kirekire. Nk’iwacu mu Rwanda urabona ko nyine, mu mibanire y’abanyarwanda hajemo imanga ndende cyane, ku buryo bizasaba igihe kirekire kugira ngo iyo manga yongere isubirane. Niho mvuga hari inzitizi. Kandi hariho n’abadashaka ko ubwiyunge bubaho. ..ubwo bwiyunge twese turabushaka ari abantu ba Kiriziya ari abantu ba Leta, ariko n’ubwo ijambo ari rimwe ntibaryumva kimwe. Uti kuko ? Kuko twabwira twavugaga ubwiyunge bugomba gushingira kuri wa mutima, cya gikorwa cyo kubabarirana, nk’uko Ivanjiri ibitubwira, nk’uko Yezu abitubwira....n’ukuvuga kumubabarira iteka. Ukemera nyine ko ugomba kubabarira, bikaba intango yo kwiyunga. Naho ubundi nko muri Leta ho bavugaga ubwiyunge bavugaga ubucamanza, hanyuma hakaba kwemera icyaha(les aveux),

Ikibazo cy’amako :

Kuri Mgr Misaga, ngo kugira ngo ikibazo cy’amako kube cyaranduka burundu mu banyarwanda ngo icyo Kiriziya yakora ngo « ni icyo dusanzwe dukora. Ni ukujijura abantu, kwihatira kwigisha abantu ivanjiri y’urukundo, Ivanjiri yamamaza ko umuntu wese ari umwana w’imana, ko rero agomba kubahwa ko nta ugomba gusumba undi. Nta wugomba kuruta undi yitwaza ko ari mwene runaka cyangwa se ari uwo mu bwoko ubu n’ubu. Kwamamaza ko umuntu agomba gushimwa cyangwa se kugawa batarebye igihagararo gusa, ahubwo bakurikije agaciro ke yihaye ubwe.muri ibi bihugu byacu by’Afrika amako ni ikintu udashobora guhakana ngo ntabwo kiriho. Guhakana ko amako mu bihugu byacu, hano mu Rwanda nta moko ahari, aho ngaho ni ukwigiza nkana. Kandi ni ukwiyibagiza uko ibintu byifashe. Bigatuma umuntu yatanga ibisubizo bibi ku bibazo biba biri mu guhugu. Ariko twavugaga yuko nyine amako ari nk’ubukungu buba buri mu gihugu. Amoko anyuranye ni nk’ubukungu bw’igihugu. Kuko ayo moko ubwayo

agararagaza nyine yuko Imana Rurema ifite uburyo bwinshi bwo kurema abantu, ku buryo bunyuranye kandi ari ko bose bafite ibyo bahuriyeho n'ikbahuza kandi ugasanga ayo moko yuzuzanya.....amako ubwayo aba mabi ari uko ahubwo bahindutse urwitwazo rwo gukandangira abandi no kwica abandi. Aho ngaho biba bibaye bibi.icyo umuntu agamba kugaya ni ingeso y'irondakoko.

Ukuri kwa Kiriziya Gatorika Nyarwanda

Nyuma ya Jenoside yakorewe abatutsi abari bafite icyo gitekerezo bakomeje kugihemberera mu nkambi zariho hagati mu gihugu ndetse no hanze bityo bikaba byarasabaga ingufu z'abanyarwanda kugira ngo izo nkambi zicike. Mgr Misaga aragira icyo avuga ku nkambi zari ku Gikongoro nyuma ya Jenoside y'abatutsi : « C'est ça. Aho ngaho ndabyibuka koko izo nkambi ziseswa habaye ikintu cyo gushidikanya ni kugenda buhoro. Ntitwahita twatura ngo tugire ikintu dutangaza, tuvuge, twamagane ibibi byahakorewe cyangwa bihakorerwa. Impamvu yabiteye, imwe mu mpamvu yego na none ubwo byaterwa n'uko.....(araceceka akanya) sinajya kwinjira mu mabanga y'imikorere y'Inama y'Abepiskopi, urabyumva. Aha ngaha si umwanya wo kuba najya kuvuga ngo twabivuze gutya mu nama zacu, ibyo ari byo byose nzi ko koko twatinze kugira icyo tubivugaho, n'itangazo dutanze riza ritinze, ariko rero icyabiteye, hari impamvu zinyuranye, muri izo mpamvu hari nko gushidikanya. Mbese bimeze nk'uko n'igihe cy'itsembabwoko ryo muri 94 byari bimeze. Habaye gushidikanya, kuko umuntu arati asobanukiwe, atari yagasobanukiwe neza ngo amenye neza uko ibintu byifashe n'iyi bigana. Twumvishe ibintu byarabayeye cyangwa biba ariko ntumenye neza aho hantu ko byifashe, niba hari amarorerwa ahakorwa, ahubwo tugenda tubimenya buhoro buhoro. Mbese kuba umuntu adafite informations (Ndlr : amakuru) mbese atizeye ko information ye ariyo bituma atagira ubwora bwo gushaka kuvuga, gufata position igihe utashoboye guhaguruka ngo ujye kureba ngo urebe uko ibintu byagenze noneho uvuge uzi ibyo uvuga ushobora no kubisubiramo kuko iyo uzi ko uri mu mwanya w'ubuyobozi bwa Kiriziya cyangwa se n'ubwa Leta yenda, ntabwo ushobora kugira gutyo ngo hite uvuga ibintu, wemeze cyangwa se uhakane ibintu utabanje kugenzura....Gutinya kwarimo. Urumva ? Kandi se nyine ! Mwahoze mumbaza ibibazo, ukuntu bamvuga. Murabona ko

ari njye wari kuvuga nihanukiriye, nkihandagaza nkavuga. ...hejuru y'ibyo bamvugaho, ntabwo byari byoroshye kugira ngo nanjye nihanukire nihanagaze ntafite abandi bantu, ntisunze abandi bantu. Nyine kwa kudaharabika, nko kuvuga nabi nka Sibomana, kuvuga nabi Misago, kuvuga nabi nde, kandi ubona ari ibintu by'ibinyoma, ibintu by'ibihimbano, ni uko baba bagira bati, uriya ni ukumuha « taisez-vous ». kugira ngo bagukange ngo wekujya ushyanuka. Ni intimidation.

Umubano hagati ya Kiriziya na Leta :

Kuva Jenocide ya Abatutsi yakorwa, umubano hagati ya Kiriziya Gatorika Nyarwanda na Leta y' u Rwanda wajemo agatotsi kuburyo umubano wabo utameze neza magingo aya. Mgr Misago yagize icyo abivugaho mu kiganiro yagoranye na Kinyamateka muri 1997 : « Ahaa ! ntabwo wifashe neza. Muja mubibona kandi. None se nyine ukuntu mubona bahora baharabika Kiliziya Gatorika, bayisiga ibyaha bitabaze urabona ko umubano uba umeze neza ? Ntabwo mbese umubano uranoga kuko hari ibibazo byinshi bituma uwo mubano hagati ya Kiliziya na Leta n'ubufatanye bitarashoboka kubera ko hari ibibazo byinshi bidutandukanya..Tuvuge nk'urugero naguha nk'ikibazo cy'amashuli Leta ikaba ifite ukuntu ikora gahunda zayo, igategura byose ititaye ku by'uko na Kiliziya Gatolika yagira ijamba kandi ifite n'amashuli yacungugwa...cyangwa se mu byerekeye ubuvuzi, amavuriro...bigatuma rero haba ikintu cyo kutamerana neza. Hakaba n'ikindi cy gutinya kuko ndareba ngasanga muri Leta hariho ukuntu bikanga Kiliziya Gatorika, bakayitinya. Ugadanga ndetse bashobora kugira bati « mwebwe ba Minisitiri muramenye ntimukajye mwisukira Abapesikopi, kuko bazabunamaho bakabanjyana ...mu bakagira... Yeee, bakabavugisha ibyo mutagombaga kuvuga » Nkabona rero ko aho ngaho ubwumvikane ntabwo buranoga....Ubundi kugira ngo bihoshe cyangwa se bigabanuke byose biri mu bibazo byinshi bizakemurwa n'uko habaye ubushake bwo gushyiraho Leta igendera ku mategeko...kuburyo ndetse, ngira ngo mwarabyumvishe, yuko hariho amatwara yo kuvanaho, mu mashuro yose, kuva muri primaire « cours de religion »... ngibyo ibyo bashaka kuzana, mu mashuri kandi yitwa ko ari twe tuyagenga. Murumva rero ko aho hari ikintu cyo ku...baragenda bikorera batyo bapanga gahunda batyo ku buryo butanditse, micyo kibabaza. Ntibashaka kwandika. Ariko bagakomeza bagakora.

Les tueries dans les différentes régions du Rwanda après le génocide des Tutsi

Abishi batsinze Padiri Pinard mu misa (Kinyamateka : Gashyantare 1997, N°1461, p.1) « Padiri Guy Pinard yishwe uwo muni, akicirwa mu kiliziya i Kampanga ho muri Kinigi, yari arimo guha abakristu Ukaristiya. » Kuri iyi nyandiko L. Niyongira aragira ati « Uwavuga ko uyu mwaka utangiye nabi ntibyaba ari uguca igikuba. U Rwanda n’abanyarwanda bawutangiyeye nabi, amarira n’imiborogo, umujinya n’ikidodo ni byo biranga ince nyinshi z’igihugu. Biricwa ibibondo, baricwa abakmbwe, bararaswa ababyiruka, n’abanyamahanga ntibabarebera izuba, bakicamo n’abazanye inkuru nziza. Buracya ugasanga urugo uru n’uru rworetse. Urafata urugendo ugashyika iyo ujya umutima uri mutwe kubera kwikanga abishi batega imodoka bagamije gusa kwica.

« Imirambo icumi yasohotse mu nzu imwe.. (Kinyamateka : Gashyantare 1997, N°1461, p.4) « Mu ijoro ryo ku ya 5 rishyira iya 6 Mutarama 1997, muri muri Serile Kazirabonde –Remera-Rukoma, mu rugo rwa Bajyagahe Philippe, mu bantu icyenda bari baraye muri urwo rugo, nta n’umwe warokotse, ndetse n’uwari umufasha wa Bajyagahe yapfanye ind y’amezi ngo agera kuri atandatu »

« Si impanuka uwishe Depite Burakari yaari yabigambiriye (Kinyamateka : Gashyantare 1997, N°1461) « Depite Burakari yarasiwe tariki 16 Mutarama 1997 mu kigo nderabuzima cya Rutare n’umusirikare ufite ipeti rya S/Lieutenant witwa Kabera akaba akomoka muri Perefegitura ya Gisenyi..uwamurashe yari yagibambiriye n’ubwo mu ijamba ryavuzwe...basa n’abemeza ko yaguye mu bintu umuntu yakwita impanuka »

« Ikirenge hatwikiwe tagisi hicwa abantu cumi n’umwe (Kinyamateka : Gashyantare 1997, N°1461,p.12) « Agasentera ka Kirenge kari muri Komini Tare ya Kigali ngari aho ihana urubibi na Shyorongi ku muhanda uganu Ruhengeri. Aho niho ku mugoroba w’iya 9 Gashyantare 1997 nka saa 5h30 abagizi ba nabi bahagarutse amatagisi abiri yajyaga i Kigali n’ikamyoneti ya Dayihatsu, bategeka abarimo kuvamo ngo

babashyira mu matsinda y ;abahutu n’abatutsi aba baricwa abansi ngo bemererwa gukomeza uretse ko nta wamenya aho baagarukiye »

« **Aho kwicwa dindi dondi ntibizamara Abanyarwanda (Kinyamateka : Gashyantare 1997, N°1462, p.7)** « Kuva aho impunzi zari muri Zayire no muri Tanzaniya zitahukiye mu kivuge, ubwicanyi bwari bumaze igihe bukorerwa abasiviri na bamwe mu bahoze mu gisirikare cya kera bukitirirwa abacengezi bwahinduye isura. Abari abacengezi ubu ngo ni abagizi ba nabi. ...hari n’abavuga ko bumwe mu bwicanyi bukorwa na bamwe mu basirikare ba APR ngo babona ko Leta y’Ubumwe itica ningonga abishe bene wabo. » Iyo utangira iyi numero 1462 ku rupapuro rwa 1, Padiri A. Sibomana aragira ati « Amakuru atugeraho aturutse hirya no hino mu gihugu akomeje kurangwa n’ubwicanyi bukurura ubwicanyi. Igiteye impungenge kurushaho, ni uko bigaragara ko abashinzwe kurinda baturage hari aho usanga imyifatire yabo nayo ibifitemo uruhare mu buryo butaziguye. Haba hapfuye abantu mu buryo butunguranye, abadahitenywe n’icyo gikorwa bagahitanwa n’ibikurikiyeho byitwa ko ari ukugota no gushakashaka no gutsiratsiza abo bagizi ba nabi. Biteye inkeke kuko byanda nko kumera nka bimwe byo mu gihe cya Herodi..aho guhiga umwanzi we byatumye hatsembwa inzirakarengane zitabarika. Ntawaba akabije ahamagaye byeruye abashinzwe kurengera abaturage, ati « yemwe yemwe batware bacu ko abantu bashize uruhongohongo aho ejo izuba rizarasa ?imishinga bamwe barimo izabashingirira, n’izuba Abanyarwanda bibeshyaga ko rirashe rizarenga bataribonye».

« **Impunzi z’abanyarwanda zishwe umugenda mu burengerazuba bwa Zayire (Kinyamateka : Gashyantare 1997, N°1463, p.7)** « Ibyo ni ibikubiye mu buhamya bwatanzwe n’umuzungu utarashatse ko izina rye rigaragara kubera impamvu z’umutekano we. Ubwo buhamya yabusohoye muri raporo yashyikirije umuryango w ‘Abibubye (Reba Kinyamateka No 1462, p.4), akabusyira mu nyandiko yasihoye muri Mutarama 1997.Uwo muzungu ahamyaa ko iyo inyeshyamba za Kabila zica impunzi z’abanyarwanda zikiri muri Zayire ziba zitwaje ko ngo izitarashye ari abantu bakoze itsembabwoko muri 94 bakaba batagomba kubaho. Inyandiko ye igaragaza uko bumwe muri ubwo bwicanyi bwakozwe n’abarwanira Kabira ».

« Ubwicanyi busigaye mu gihugu » (Kinyamateka : Mata II 1997, N°1466,P.1-6-10).

En dessous de cet article, le mot introductif d'A. Sibomana, nous lisons : « Ubwicanyi busigaye muri iki gihugu niba budashakiwe umuti ukomeye bizatuma na none igihugu gicura imiborogo. Nta muni w'ubusa tutumva ngo aha n'aha abagizi ba nabi bishe abantu. Rimwe na rimwe ndetse bagahita bemeza ababikoze nta n'iperereza rihanye ryari ryatangira. ..uwavuga ko disikuru zimaze kogera zivuga ngo abaturage no bo ubwabo bashinzwe umutekano wabo mbere y'abandi zidahwitse ataba akabije. Keretse rero abashizwe umutekano bareguye cyangwa se bagashingwa indi mirimo mw'ibanga. Abaturage bashobora kunganira abashinzwe umutekano, ntabwo ari abashizwe umutekano bunganira abaturage. Ntibyumvikana ukuntu ejobundi abantu bigabiza abana bakabica kandi hafi aho hari abashinzwe kubarinda. Kandi baba bahari. Ubutwari bw'ingabo z'u Rwanda bwaramamaye kuva aho izuba rirasiye kugera aho rirengerwa Nibikwiye rero ko buri gihe abantu batabaye bajya basubira mu magambo y'umugore wa Nyakwigendera Minisitiri IZAKI Rabini abonye ingabo zitabarika zije kubahiriza umutekano w'umurambo w'umugabo we, yagize ati : « ariko ubundi banyicira umugabo, bariya bose bari he ? Abategetsi b'u Rwanda nibakore icyo bwabaga abo bashizwe bizere kuramuka no kuramba »

« I Muramba Umubikira ari muzi abira(Kinyamateka : Gucurasi 1997, N°1467, p12) nk'uko byanditswe L. Niyongira : « Mama Mrie de l'Annonciation ngo yakanguwe n'urwamu rw'imbunda mu ijoro ryo ku ya 27 rishyira icya 28 Mata 1997 (Kinyamateka No 1466)...we yumvaga ari amazu y'ababikira yatewe. Yajajabye hose, agerageza kwihisha aho yogera ngo anambare, bimwanga mu nda aubira mu cyumba, ari naho bamusanze yihishe muni y'igitanda. Ngo bajombye igikoni baramuvumbura. ... bamwatse amafaranga yavugaga ko ntayo agakubitwa inshyi...ngo yabanje kubyangira, ariko ageze aho abaha urufunguzo rw'aho abikwa...Uretse nyine kuba atarishwe, Maman Marie de l'Annonciation arazira twinshi. Ngo hari abo yahaye uruhusa rwo gukinira ku kibibuga by'ishuri atabibwiye ubutegetsi. ..Ikindi ngo hari umugabo Ignace Hakuzwemungu, Perefe w'amasomo mu ishuri ryigenga ESECOM Rucano riri hafi aho wari winjiye mu kigo, abanyeshuri bamubona hafi ya Dortoir yabo. Yeje gusobanura ko yashakaga inkoko ze yari yabuze...ikindi rero yazira, ni uko atumvikana na

Burugumesitiri wa Satinsyi. Bapfa ko ngo yanze gucumbikira barumunta ba Bugumesitiri mu mazu y'ikigo, nyamara abo bana ziho biga. Ngo hari n'ubwo Burugumesitiri yinjiye mu kigo isaa tatu za nijoro, akubitana n'uko bazimije moteur, agenda arakaye ngo iyo yinjiye bazimya matara, ngo ni ukumuca mu kigo...Superefe wa Ngororero yatubwiye ko uriya mubikira adafatanya n'ubutegetsu. »

« **Anketi ku rupfu rwa Padiri Pinard zaba zigikomeza (Kinyamateka : Gicurasi 1997, N°1468, p.3).** Niyongira L. aragira at : « Ngo atangira kuvuga ko imanza z'abakoze itsembabwoko nizatangira afite byinshi azavuga. Ngo aho apfiriye, hari umukozi we abakora anketi bagiye kubaza niba ntacyo azi cyatuma Pinard yicwa, ngo basanga uwo mukozi yapfuye nk'aho yimanitse mu muguzi...Ikindi ngo gituma abakora anketi bashakishiriza ahandi ngo ni uko igihe cy'itsembabwoko Padiri Pinard yarwanyeye ku bahigwaga benshi, bamwe abahungushiriza muri Zayire abandi muru Uganda. Ibyo bikaba ngo bivuga ko abamwitwaraho umwikomo ari abari bashyigikiye itsembabwoko. »

Différentes questions au Parlement après le Génocide des Tutsi

« **Perezida w'inteko Ishinga Amategeko yavanyweho (Kinyamateka : Gashyantare 1997, N°1461, p. 11)** «Tariki ya 10 Gashyantare 1996 abadepite bafashe icyemezo cyo gukura ku mwanya we burundu Perezida w'inteko Ishinga Amategeko, Nkusi Yuvenali. ...Abadepite bawumukuyeho bamurega ko yananiwe kuyobora Inteko n'ubundi bushobozi buke »

« **Inteko Ishinga Amategeko yabonye ubuyobozi bushya (Kinyamateka : Werurwe 1997, N°1463, p.1)** « Tariki ya 7 Werurwe 1997 nobwo hatowe Perezida mushya w'inteko Ishinga Amategeko, ari we Sebarenzi Yesefu..na V/perezida w'inteko yarahinduwe, Nkongoli Lawurenti asimburwa na Muhongayire Jacqueline ». Mu

ntangiriro L. Niyongira aragira ati : « Ahari aho hari abamaze kurambirwa no kuzinukwa iyamaganwa ry’ubwicanyi bukomeje kwibasira Abanyarwanda. Hari abihitiramo kwipfuka mu maso, nka cya kinyoni kibona abahigi bagikubye kigapfuka umutwe mu mababa ngo ubwo kitababona ntibakibona. Nyamara abantu nibadahaguruka ngo barwanye ubwicanyi, ngo bange ikibi, ngo bamagane ababatanya n’ababateranya, abanyarwanda bazashira uruhongohongo igihugu giturwe n’inkongoro. Politiki irakinirwa hejuru iyo, abananiwe n’abananijwe bagasimbuzwa abarambagijwe mu gihe hasi ba nyakuja bahonyorwa. Nyamara abavuga bose basaba amahoro..ariko nta muni w’ubusa hatavugwa abanyarwanda bapfuye bishwe hababa mu Rwanda haba n’aho bahungiye. Abategetsi nibashake umuti, ntibawushakire mu kuvangavanga byose no kwivanga mu bitabareba nko mu madini, ntibawushakire mu kwikiza abo badashaka babahata ibicumuro.

« Mbwire iki Abandi Basomyi : Sebarenzi yateguye umutego wari utegereje Ministre w’intebe ahita yitega ». (Kinyamateka : Mutarama 2000, N°1544, p12).

Pour Habiyambere Velens, Sebarenzi : « Mu mpaka yayoboye mu nteko igihe cy’umushinga wa mbere w’uburezi byavuzwe na bamwe mu badepite ko yabogamye ndetse ko yabangamiye inteko. Ibyo byagaragaye igihe bashakaga gotorera kuba Minisitiri w’intebe yarabangamiye komisiyo y’igenzura akoresheje uburyo bunyuranye atera urjijo mu banyarwanda akoresheje itangazamakuru arengera amakosa mu byo atangaza. Byongeye no kugaragara igihe hahishwaga inyandiko zimwe kandi abadepite baravugaga ko byari bifatanye n’ibaruwa banditse. Mu makosa baregaga Sebarenzi mbere y’uko yegura, icyagarukagamo kenshi n’ibyerekeranye n’umushinga w’uburezi. Iyo nyandiko yasinywe n’abadepite hafi 60, usibye Abanyakibuye n’abari hanze muri misiyo, amwe mu makosa bamuregaga yari aya :

- Guca ibice mu badepite
- Kwirukanisha abakozi bakuru bashyizweho n’inteko atabimenyesheje inama rusange
- Kubigamira kubashaka kurwanya guverinema ndetse n’Urukiko rw’ikirenga
- Guhindura ibyemezo byafashwe n’inzego z’inteko

- Kuyobora inama nabi aganisha ku nyungu ze
- Kwica amategeko kenshi.
- Gukoresha ibiganiro n’abanyamakuru akavugiramo ibitekerezo bye ku giti cye bivuguruza iby’abayobozi bakuru b’igihugu bikitirwa inteko, ataretse no guhanganisha Guverenema n’inteko
- Gusebya hanze abadepite badahuje ibitekerezo nawe , no kwitwara nk’umuyobozi mw’ishyaka akomokamo aribera iriba ry’amacakubiri.
- Correption no gutegekesha igitugu
- Ntacyo yubaha, ntiyubahiriza amategeko, ntiyubaha abadepite, ntiyubahiriza uburenganzira bw’abakozi, ntiyuba izindi nzego ariko ayo abikeneye mu nyungu ze arabikoresha.”

Les questions au niveau du pouvoir exécutif après le génocide

« **Abashya muri Goverinema nshya bararahiye (Kinyamateka : Mata 1997, N°1465, p.7)** Ku ya 31/03/1997 mu ngoro y’Inteko Ishinga Amategeko, abaminisitiri na ba sekereteri ba Leta bashya barahiriye kuzatunganya imirimo bashinzwe. Uwo muhango wayobowe na Perezida Pasteur Bizimungu, hari na Visi Perezida Jenerali Majoro Paul Kagame....nk’uko byavuzwe na Perezida wa Republulika, ngo bayivuguruye bagira ngo barebe ko yarushaho gukora neza ati« Hari za Minisiteri zinjiranagamo, ugasanga nka Minisiteri imwe itazi akazi kayo aho gahereye n’aho kagaarukiye.....».

« **Goverinoma inyuranyije n’itegeko shingiro (Kinyamateka : Mata 1997, N°1465, p.7)** “Abakurikiranira hafi iby’iyubahirizwa ry’amategeko, bahamya ko ivugururwa rya Guverinoma ryatngajwe ku ya 28 Werurwe 1997 ritakurikije amategeko, yaba Amasezerano y’Arusha hagati ya Goverinema y’u Rwanda na FPR Inkotanti yasinywe ku ya 9 Mutarama 1993 ku byerekeye igabana ry’ubutegetsi muri Guverinema y’izibacyuho yaguye (ingingo ya 52, 53, 54,56, 57, igika cya 2)»

« **Rucagu aratanga ibisobanuro ku by'abadepite bamurega (Kinyamateka : Gicurasi 1997, N°1468, p.7)** » Tariki ya 16 n'ya 19 Gicurasi 1997, Inteko Ishinga Amategeko yiz ku kibazo cya Rucagu Bonifasi. Abadepite 24 bandikiye Perezida w'inteko basaba ko Inteko yiga kuri icyo kibazo bibazaga ukuntu uri kuri lisiti ya ba ruharwa yagirwa Perefe...aregwa byinshi : ngo muri ya mitingiri yo ku Kabaya. Lewo Mugesera yavugiyemo ko abatutsi bakwiye gucishwa muri Nyabarongo bagasubira iyo baturutse, Rucagu yaba yarakomye amashyi cyane. Ikindi, ngo muri mitingiri yo mu Ruhengeri ubwo Perezida Habyarimana yavugaga ko Interahamwe zigiyeye kumanuka, ngo Rucagu yarivuze. Rucagu anaregwa kuba yari muri « escadron de la mort » umutwe waba wari ushinze guhitana abari babangamiye ubutegetsi bwa Habyarimana. Anaregwa kuba yanga abatutsi, bikaba ngo bigaragarira mu nyandiko yasohotse mu kinyamateka Kangura No 46 cyo muri Nyakanga 1993 aho yaba yaranditse inyandiko yitwa ngo « umututsi umuvura ijisho ryamara gukira akarigukanurira ». Banamurega ko ari umwe mu bashinz R.T.L.M. » Rucagu aragira ati : « Nari muri muri MRND cyane rwose ariko ubu nta shyamba ndimo, kuko iryanjye ryasheshwe ...ndi mibashinze RTL.M. Ngo RTL.M yatangiye ari isosiyote y'ubucuruzi, abashyizemo imigabane bakagabana inyungu Ngo rero kuba yarashyizemo imigabane byari Business» nk'izindi..»

«**Burahungabana mu Nteko (Kinyamateka : Mutarama 2000, N°1544,p.1).** P.D. Karekezi aragira ati: « mu Nteko umuntu asigaye ashirwahi icyizere mu mwana muto undi bakamwigarika. Ubu intero yo mu Nteko imeze nk'ya ba bana babwiraga abandi bati: Twavugije umwirongiri ntimwabyina duteye indirimbo z'amaganya ntimwababara" Ikizashimisha Inteko ni ikihe?Ejo bundi Inteko yazinze umunya ibanza guhirika abaminisitiri bamwe abandi ipfa kubareba igiitsure gusa. None Sebarenzi wakoreshaga koranabuhanga nawe bati vuga uvuye aho....Nkusi we ntiwamenya aho bamunyujije. Abo bese Inteko yirenga bararuka bakarumira ndetse bamwe bakavugaga ko ntacyo bibatwaye ko begura».

III. 7. AFFAIRE MISAGO

« **Musenyeri Misago yatanze ubuhamya (Kinyamateka : Gashyantare 1997, N°1486,p.7).** Kibazo cya Mgr Misago tugisanga mu N° zitandukanye z'ikinyamakuru Kinyamateka akenshi zasohotse hagati y'imyaka 1999-2004 aho bagenda bagaragaza uko urubanza yaburanye rujyanye cyane cyane n'ibirego ubushinjacya bwamureze bishingiye kuri Jenoside ya korewe abatutsi muri 1994 mu cyahoze ari Kibeho. Ariko intandaro y'ifatwa rya Mgr Misaga ituruka ku buhamya bwatanzwe ku isabukuru y'imyaka 5 y'itsembabwoko n'intembatsemba bwo kw'itariki ya 7 Mata 1999 bukaza gushimangirwa ni ijamba nyamukuru ryahavugiye ry'uwahoze ari Umukuru w'Igihugu Pasteur Bizimungu, ijamba dusanga mu nyandiko yakiriwe na P. Ntakirutimana muri Kinyamateka No 1513 Mata 1999, p. 14-15. aho Bizimungu agira ati: « Mbere yo kuvuga ubutumwa nari mite, ndagira ngo mbagezeho ibitekerezo bimwe byavuye u butumwa n'ubuhamya bwavugiye ah ngaha.ndashaka guhera ku butumwa bwa Mgr Karamaga wavuze ko abakuriye Abaporotesitanti bishyize hamwe bakareba amateka y'iki gihugu n'ukuntu za kiriziya zagize uruhare mu kuzana amakimbirane mu Banyarwanda, zagize n'abayoboze babo bamwe kuba bataratanze urugero rwiza. Bakaba barafashe icyemezo cyo kugira ngo bitware ku Banyarwanda, babasabe imbabazi. ... Nkaba nshaka kwifatanya n'Abaporotesitanti na Pasitoro Karamaga, mbashimiira uwo mucu mwiza bagize. ...Numva niba Atari ubutumwa ari igitekerezo abayobozi b'iki gihugu bakwiye gutekereza. Ubugizi bwa nabi bwakozwe mu izina ry'abahutu. N 'igihe bavugaga ko bari kubukora mu izina ry'abahutu, ntabwo twabonye abandi bahutu ngo bahagurikire icya rimwe ngo bavuge ngo si byo. ...ibyakoze mu izina ry'abahutu n'ibyakoze n'abahutu bikwiye gusabirwa imbabazi....Abakuriye Kiriziya gatolika na Guverenema bari barumvikanye ko iyi kiriziya yahinduka urwibutso. Hanyuma inyuma yahoo, haturutse ubutumwa I Roma bavuga ko Isengeru ry'imana ridakwiye kwangizwa kuri ako kageni (abaturage barashwamira)..Kuba rero iyi kiriziya yarekoreshejwe nk'urwibutso n'ukugira ngo abanyarwanda biyunge ndetse n'izindi kiriziya zabaye nk'iyi, ntabwo mbona ko ari ukwambura agaciro Kiliziya Gatorika. Ahubwep ndabona byayihesha ishema ngo ikoreshe ubwo buryo itange n'ubutumwa mu bakristu. ...Niba Kiliziya ibabajwe n'ariya matafari na biriya biti na biriya birahuri byakoreshejwe hubakwa iriya Kiriziya, Leta twiteguye iyi Kiriziya gukomeza kuyihindura urwibutso, bazatubwire tujye kububakira iyindi. Niba bumva ko abantu, niba narigishijwe neza,

umuntu nawe ni Ingoro y’Imana. Abantu bapfiriye aha ngaha bari Ingoro y’Imana. Bajya mu Ngoro y’ibitaka, babatsindamo. Niba ingoro y’ibitaka itaba urwibitso rw’abo Bantu, nabo b’Ingoro y’Imana, niba bidahagije, bazareke tuzabibishyura ariko baturekere urwibutso. Tukaba dusabye ukuriye Kiliziya Gatolika mu Rwanda, tukaba dusabye n’uhagarariye Papa, kugira ngo bazatugereze hejuru iyo ubwo butumwa, hanyuma badufashe icyo kibazo, n’ibindi bimeze nkabyo dushobore kubibonera umuti, banavuga ko nta ntambara dushaka, ahubwo dushaka mahoro. ...Hari ikibazo kiriziya yo mu Rwanda n’ubutegetsu bwo mu Rwanda bufite. Ntabwo abakirisitu aho duhuriye nabo I Kigali, aho duhuriye nabwo ku Gikongoro, aho duhuriye nabo I Butare... bakomeza kurega Mgr Misago ko yagize uruhare mu gushumba ubugome cyangwa se mu kugira ubugome, ngo kiriziya gatolika iceceke. Ngo Mgr Misago aceceke, aceceke umwaka umwe, aceceke imyaka ibiri...atabihakana. Ngo Kiriziya abereye umushumba, igihe itabihakanye, ikomeze imuragize imbere nk’umuntu utagira amakemwa ukwiye kuduha urugero. ...Ndagira ngo mbwire n’abanyarwanda ko bitabaye kumutinya cyangwa kumushyira hejuru y’amategeko. Ariko, twashatse ibintu bikorwa mu mucyo no mu bwumvikane, Kiliziy yafata iya mbere ikabanza kutuvaniramo icyo gitotsi. Niba ari umwera bigaragare. Kiliziy Gatorika ibikore, kuko nyurabyo byamunaniye kubyikorera! Ariko, niba ari n’umwera, abakristu b’u Rwanda bakaba barabyerekanye kabiri, gatatu, igihe bizaba bibonetse ko yabaye umwera, turasaba abo bakuru bose kugira ngo bazamujyane kuba Musenyari ahandi kuko Abasenyeri, baba abazungu, baba abirabura bo mu bindi bihugu, baba abanyarwanda, ntabwo babuze ariko turabona, iki kibazo kiremereye abanyarwanda, kiremereye na Kiliziya. »

Mgr Misago yafaswe rero ku itariki ya 14 Mata 1999, ubwo yari kumwe na mugenzi we Mgr Rukamba berekeza mu ntama I Kigali (Kinyamateka No 1514 Mata 1999, p. 9). Ku gicamunsi cy’iya 20 Mata 1999 ni bwo Musenyari Misago, Umushumba wa Diyosezi ya Gikongoro yahingutse imbere y’ubushinjacyaha, Edouard Kayihura mu cyumba kiburanishirizwamo imanza muri iyo gereza naho Mgr Misago arikumwe n’umwunganira Maitre Mutembe Protais. Nyuma y’iryo fatwa rya Musenyari Misago, tariki ya 27 Mata, Abepiskopi batandatu basanze Perezida wa Repubulika bashakaga gusobanura ibyerekeranye na Musenyari Misago Augustin. Abepiskopi batangiyeye bagaragaza

akababaro kabo ko kuba barumvise ko ubutabera Musenyeri Misago ho amaboko, akaba ngo yajya ahandi kabone naho yaba ari umwere. Ikindi basobanuzaga ni impamvu Mgr yavugwagaho kuba yaracecetse kandi atarahwemye kugaragaza mu nyandiko ibisubizo by'ibibazo bamurega. Indi ngingo Abepiskopi basebyeho ibisobanuro ni impamvu Kiliziya ya Kibeho yaba ishakwaho kuba ubushyingiro bw'abazize itsembabwoko kandi kandi Kiliziya na Leta byari byarumvikanye ko Kiliziya ya Nyamata ari yo izafatwaho urwibutso izindi zikazashyirwaho ikimenyetso kiranga itsembabwoko ryazibereyemo. Ikindi cyatunguye Abepiskopi ni ukubona ifatwa rya Musenyeri Misago ryarabaye gitumo kandi bo bari mu nzira zo gusuzumira hamwe ibimwerekeyeho, kandi Abasenyeri bamusabira gufungwa ku buryo bumworoherereje kubera uburwayi. Abamwunganiraga mu rubanza rwo ku wa 20 kanama 1999 basabye ko yafungurwa by'agateganyo kuko bagaragaje ko kuva mu kwezi kwa 6 afunze bidakurikije amategeko. Nyuma abacamanza mu bushishozi bwabo, bariherereye bagaragaza ko Musenyeri Misago n'ubwo afunze bidakurikije amategeko ko hari izindi mpamvu zatuma ataburana ari hanze, ahubwo agomba gukomeza gufungwa. Usubye n'ibyo ariko, Musenyeri Misago yari yahawe igihe cyo gusoma idosiye ye, ngo kuko yamugezeho itinze, kandi ikaba ari nini cyane ifite amapaji 300. ...ku mpamvu ngo z'impagrara zavuka mu gihugu byatumye Musenyeri Misago atarekurwa by'agateganyo...Ku itariki ya 14 na 15 Nzeli urubanza rwokomereje I Nyamirambo. Musenyeri Misago amaze gusomerwa ibyo ashunjwa. Urukiko rwatangiyeye kumubaza iby'urupfu rwa abapadiri Kaniziyo Mulinzi, Nyamwasa Irene na Musoni Aloys. ..Mugutangira kwisobanura yabanje kubwira urukiko ibintu bine byo kwitonderwa. Yavuze ko bitangaje kubona ifatwa rye ryarabaye nta dossier afite. Yakomeje aho avuga ko icyo atahisha ari uko dossier iriho ubu, ngo igamije gushyira mu bikorwa icyemezo cya politike cyafashwe na Prezida wa Repubulika cyo ku ya 7/4/1999 I Kibeho. Musenyeri Misago yakomeje yerekana ko kugorora ujambo rimucira urubanza ryavugiye I Kibeho bizagorana yavuze ko n'itangazamakuru rya leta ryamuciriye urubanza rikora propaganda. Abo yashyize mu majwi ni Radio Rwanda, TVR, ... yongeyeho ko kuba ibyo bintu byose byaravuzwe bihereye kuri Prezida wa Repubulika, ngo byishe dossier ye....amaze kuvuga ko azi abo bapadiri kandi bakaba bari we, yerekanye ko yabakiriye akabafata neza akurikije ubushobozi yari afite. Yatanze urugero ko mu inkambi ya Muramb na Cyanika ukuntu interahamwe zateye zikica (le 21/4/1994)

yaboneyeho umwanya wo kwerekana ko no muri Eveche ya Gikongoro hatewe n'abicanyi inshuro ebyeli baje gushaka abo bapadiri. Abaje mbere ya saa sita yabahaye agasanduku k'amafaranga atazwi umubare yari yahungishijwe na Padiri Irene avuye muri Paruwasi Mbuga. Igetero cya Kabiri cyaje nyuma ya saa sita ari simusiga bamusaba miliyoni 21 mu mishyikirano amaze umwanya, batandkanye bajyanye ibihumbi magatanu kuko ariyo Musenyeri ngo yari afite. Musenyeri yerekanye ko kugeza mu kwezi kwa gatanu abo bapadiri bari bakiri aho. Mu matariki yahafi yukwa 5 Musenyeri atibuka, Komanda wa Brigade ya Gikongoro Major Bizimana, ngo yazanye na OPJ bashaka abo bapadiri ngo bababaze ibibazo. Musenyeri Misago yerekanye ko aho yaharwanye intambara yo kubinginga ngo be kubajyana. Ahubwo ngo bababarize aho. Yahakanye avuga ko atigeze agera mu cyumba babarijwemo,avuga ko abo bapadiri bamubwiye ko babajijwe iby'Inyenzi no gukorana nabo.Ku nshuro ya gatatu, komanda ngo yazanye n'abajandarume n'imbunda bagta Eveche yose bazanywe no gutwara ba bapadiri. Musenyeri Misago yavuze ko bamweretse impapuro zibanjyana, yerekanye ko zari zisinywe na Procureur Semigabo. Yakomeje avuga ko nta bushobozi bndi yari afite burenze ubwo ababashakaga. Ati si nari no kubangamira ubutegetsu kabone n'ubwo bwari bubi icyo gihe, ariko bwari bwemewe. Icyo bamubwiye mbere yo kubatwara, ni uko bavuze ko babajyanye I Butare kubavanga n'abandi bafashwe. Icyo yakoze arinacyo yasubiije urukiko ubwo rwamubazaga niba yarabakurikiye, cyangwa niba yaragiye kureba ibyabo nyuma, cyangwa se niba yarongeye kubivuganaho na Perefe cuangwa Komanda mu nama bahuriragamo mu minsi yakurikiye, ngo ni uko yaterefonnye Eveche ya Butare ikaba yari ibizi. Icyo kizere yakigendeyeho yereka urukiko ko ubuyobozi bwa kiliziya ya Butare ari bwo bwagombaga kubitaho....Mu bibazo rwamubajije ko yaba yaratabaje inzego zibishijwe zibishinzwe ngo zirengere abantu. Misago yavuze ko yavuze ko amaze kubona ubwicanyi bukabije impunzi zimaze kuba nyinshi yahamagaye ababishijwe kuri telephone bakanga kumutabara....yabajijwe niba yarumvaga Radio u gihe cya Jenocide cyangwa niba yarazi ukuntu hirya no hino abatutsi, barimo»

